Inyandiko ya 2020

Amabwiriza agenga Imikoreshereze y'Ubutaka

Igishushanyombonera cy'Umujyi wa Kigali cya 2050

KIGALI YACU! OUR KIGALI!
The Centre of Urban Excellence

Uru rupapuro ntirugomba kwandikwaho

AMAKURU Y'IYI NYANDIKO:

Izina rya Raporo:	AMABWIRIZA AGENGA IMIKORESHEREZE Y'UBUTAKA MU MUJYI WA KIGALI HASHINGIWE KU BYICIRO BYABWO
Izina ry'Umushinga:	Inyigo y'Ivugururwa ry'Igishushanyombonera cy'Umujyi wa Kigali cyo mu wa 2013
Nimero y'Umushinga:	C-RW-000011
Client (Nyir'umushinga):	Umujyi wa Kigali, Rwanda
Italiki yatangiwe:	Kanama, 2020
Izina rya dosiye:	20191223_KMPU_Raporo y'Ibyateganyirijwe Ubutaka

Ukwemezwa	**Amazina**	**Icyo ashinzwe**	**Italiki**
Umwanditsi	Enrico Morriello	Inararibonye mu Igenamigambi ry'Imijyi, Umuyobozi w'Itsinda	13-12-2019
Umwanditsi	Latha Chhetri	Impuguke mu Igenamigambi ry'Imijyi	12-12-2019
Umwanditsi	Suresh Krishnasamy	Inararibonye mu Igenamigambi ry'Imijyi	12-12-2019
Umwanditsi	Deepal Thosani	Impuguke mu Igenamigambi ry'Imijyi	12-12-2019
Umwanditsi	Gerna Van Jaarsveld	Impuguke mu Igenamigambi ry' Ubwikorezi	10-12-2019
Umwanditsi	Cobus Botha	Injeniyeri mu Bwikorezi	10-12-2019
Umwanditsi	Bernadina Da Silva	Injeniyeri mu Bwubatsi	10-12-2019
Umwanditsi	Gabriella Robba	Impuguke mu Igenamigambi ry'Imijyi	10-12-2019
Uwakosoye	Deon Du Plessis	Umuyobozi w' Itsinda ry'Ibikorwa Remezo	13-12-2019
Uwakosoye	Cobus Botha	Umuyobozi w'Itsinda ry'impuguke mu Bwikorezi	13-12-2019
Uwakosoye	Victor De Abreu	Umuyobozi w'Itsinda ry'impuguke mu Igenamigambi ry' Ubwikorezi	13-12-2019
Uwakosoye	Anandan Karunakaran	Uwayoboye Umushinga	15-12-2019

Umubare w'ibitabo byatanzwe: 01

Uko inyandiko yatanzwe:

Inomero y'Inyandiko	Italiki yatangiwe	Izina ry'Inyandiko	Uwemeje ko itangwa
1	30/04/2019	Imbanzirizamushinga ya raporo	Anandan Karunakaran
2	18/10/2019	Imbanzirizamushinga ya Raporo ya nyuma	Anandan Karunakaran
3	15/12/2019	Raporo ya nyuma	Anandan Karunakaran
4	15/08/2020	Raporo ya nyuma - yemejwe	Anandan Karunakaran

IBIRIMO

IBIRIMO ..... **v**
Urutonde rw'Imbonerahamwe ..... **ix**
Urutonde rw'Amashusho ..... **xi**
IJAMBO RY'IBANZE ..... **xiii**
Imiterere y'umushinga xiii
Impamvu xiv
Gushimira ..... **xvi**
Ingingo ya 1: Intangiriro **19**
1.1. Incamake 19
1.2. Uburenganzira 19
1.3. Intego 19
1.4. Ibisabwa 20
1.5. Ikurwaho ry'amabwiriza yagenderwagaho 20
1.6. Aho wasanga ikarita y'ibyiciro by'imikoreshereze y'ubutaka 20
1.7. Kuvugurura ikarita y'ibyiciro by'imikoreshereze y'ubutaka n'amabwiriza 20
1.8. Imiterere y'amabwiriza y'ibyiciro by'imikoreshereze y'ubutaka 20
Ingingo ya 2: Intego, Ibisobanuro by'amagambo n'Amahame remezo y'igenamigambi ry'ibyiciro by'imikoreshereze y'ubutaka n'amabwiriza yabyo **24**
2.1. Intego z'igenamigambi ry'ibyiciro by'imikoreshereze y'ubutaka n'amabwiriza yabyo 24
2.2. Igenamigambi ry'ibyiciro by'imikoreshereze y'ubutaka 24
2.3. Amahame agenderwaho mu kugena ibisabwa ku byiciro by'imikoreshereze y'ubutaka 26
2.3.1. Iterambere ryihagije n'Umujyi uhamye 26
2.3.2. Ukudaheza n'uruhare rw'abaturage mu igenamigambi 26
2.3.3. Kubaka mu byiciro mu buryo bufasha 26
2.3.4. Imikoreshereze y'ubutaka ikomatanyije 27
2.3.5. Umunyamaguru ku isonga 27
2.3.6. Iterambere rishingiye ku rujya n'uruza rw'abantu n'ibintu (TOD) 28
2.3.7. Igishushanyo giteguwe mu buryo burambye 28
Ingingo ya 3: Ibisobanuro by'amagambo **31**
Ingingo ya 4: Ingingo rusange **44**
4.1. Amahitamo y'Umujyi wa Kigali ku ishyirwa mu bikorwa ry' amabwiriza agenga ibyiciro by' imikoreshereze y'ubutaka 44
4.1.1. Inzira ikurikizwa ku gusaba ko hahindurwa ibyiciro by' imikoreshereze y'ubutaka 44
4.1.2. Ibyiciro by' ishyirwamubikorwa 45
4.2. Ibikorwa byakozwe bitakijyanye n'aho bihereye 48
Ibigenderwaho mu isuzuma 49
4.3. Ahantu hatuwe ntavogerwa 50
4.4. Uburyo bwo kubaka mu byiciro 51
4.5. Ahatangirwa serivisi n'ibikoresho. 55
4.6. Uburyo bwo kugera ku bibanza 55
4.7. Iteganywa ry'ubucuruzi bucirirtse. 56
4.8. Ibiteganywa mu nzu yo guturwamo 58

4.9. Izindi nzu nto zo guturamo 62
4.10. Ibipimo 62
4.11. Ahogerezwa imodoka n'amagaraje 63

5. Ikarita y'ibyiciro by'imikoreshereze y'ubutaka n'ibisobanuro byabyo.....67

5.1. Ikarita y'ibyiciro by'imikoreshereze y'ubutaka mu Mujyi wa Kigali 67
5.2. Ihitamo ry' Ikarita y'ibyiciro by'imikoreshereze y'ubutaka mu Mujyi wa Kigali 67

6. Amabwiriza agenga ibyiciro by'Imikoreshereze y'ubutaka 70

6.1. Amabwiriza agenga ibyiciro by'imikoreshereze y'ubutaka – Imiturire 70
6.1.1. Icyiciro cyo gutura ku bucucike bwo hasi (R1) 70
6.1.2. Icyiciro cyo gutura mu buryo bwagutse ku bucucike bwo hasi (R1A)74
6.1.3. Icyiciro cyo gutura mu bice by'icyaro by'Umujyi wa Kigali (R1B)80
6.1.4. Icyiciro cyo gutura ku bucucike buringaniye – Kuvugurura imiturire y'utujagari (R2) 87 87
6.1.5. Icyiciro cyo gutura ku bucucike buringaniye – Amacumbi acirirtse (R3)93
6.1.6. Icyiciro cyo gutura ku bucucike bwo hejuru (R4) 100
6.2. Amabwiriza y'ibyiciro by'imikoreshereze y'ubutaka – Ikomatanya-bikorwa n'ubucuruzi 105 105
6.2.1. Icyiciro cy'ikomatanya-bikorwa (C1) 105
6.2.2. Icyiciro cy'ubucuruzi bukorerwa ahatuwe (O-C2) 111
6.2.3. Icyiciro cy'ubucuruzi bwagutse (C3) 117
6.3. Amabwiriza y'ibyiciro by'imikoreshereze y'ubutaka-Icyiciro cy'Ibikorwa n'imirimo bya Leta 125 125
6.3.1. Icyiciro cy'Ibikorwa n'imirimo bya Leta (PA) 125
6.4. Amabwiriza agenga ibyiciro by'imikoreshereze y'ubutaka – Ibikorwa rusange bifitiye abaturage akamaro 128 128
6.4.1. Ibyiciro by'ibikorwa rusange bifasha abaturage (PF) 128
6.5. Amabwiriza y'ibyiciro by'imikoreshereze y'ubutaka - Inganda 138
6.5.1. Icyiciro cy'inganda nto zidahumanya (I1) 138
6.5.2. Icyiciro cy'Inganda nini n'izishobora guhumanya (I2) 144
6.5.3. Icyiciro cy'inganda zunganira ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro148 na kariyeri (I3) 148
6.6. Amabwiriza agenga ibyiciro by'imikoreshereze y'ubutaka – Ahantu kamere, Ubusitani n'Ibikorwa bya Siporo n'Ubukerarugendo 150 150
6.6.1. Icyiciro cya pariki n'ubusitani rusange (P1) 150
6.6.2. Icyiciro cy'Ibikorwa bya Siporo n'ubukerarugendo (P2) 153
6.6.3. Icyiciro cya Pariki z'Igihugu P3-A) 155
6.6.4. Icyiciro cy'Amashyamba (P3-B) 158
6.6.5. Icyiciro cy'Imisozi ihanamye (P3-C) 160
6.6.6. Icyiciro cyo Kubungabunga ahantu kamere(P3-D) 161
6.6.7. Icyiciro cy'Ubuhinzi n'Ubworozi n'Ubworozi (A) 163
6.6.8. Icyiciro cy'Ibishanga (W) 165
6.6.9. Icyiciro cy'Amasoko y'Amazi, Ibiyaga, Imigezi n'Ibidendezi 178

bigari by'amazi (WB) 178
6.6.10. Icyiciro cy'Ubwikorezi (T) 179
6.6.11. Icyiciro cy' Ibikorwa by'inyungu rusange (U) 181
6.6.12. Icyiciro cy' Ubusitani bugenewe kubungabunga Ibikorwa rusange byihariye (B) 182
6.7. Amabwiriza ya parikingi 184
6.7.1. Ibisobanuro rusange 184
6.7.2. Amabwiriza rusange agenga za parikingi 184
6.7.3. Itoranywa ry'ahantu n'ubwoko bw'ibibanza bya parikingi 188
6.7.4. Ingamba kuri parikingi 189
6.7.5. Amabwiriza ku bikoresho bya pavoma za parikingi byemerera amazi kwinjira mu butaka 192
6.7.6. Umwihariko ku mabwiriza rusange ya parikingi 192
6.8. Amabwiriza agenga ibyo gusiga intera hagati y'inzu n'imbibi z'ikibanza 193
6.8.1. Intangiriro 193
6.8.2. Amahame agenga ibyo gusiga intera hagati y'inzu n'imbibi z'ikibanza 193
6.8.3. Ibiteganywa muri rusange mu gusiga intera hagati y'inzu n'imbibi z'ikibanza 194
6.8.4. Kutita ku mabwiriza yemejwe 195
6.8.5. Ukwitegera ikirere kw'ahantu 196
6.8.6. Amabwiriza y'Intera isigara hagati y'inyubako n'imbibi z'ikibanza 197
6.9. Kubaka uruzitiro n'inkike 204
6.10. Kurimbisha ahantu ho kwirangariza 204
6.11. Kurwanya inkongi n'uburyo bwo kugeza ibiyirwanya ku kibanza 204
6.12. Ubuzima bwite n'umutekano 205

Ingingo ya 7: Amabwiriza agenga ibice bifite inyongera-mwihariko 208

7.1. Inyongera-mwihariko y'ahateganyijwe ibikorwa rusange 209
7.2. Inyongera-mwihariko y'ahantu h'iterambere ry'ibikorwa bibyarira abaturage inyungu (O-IZ) 213
7.2.1. Imikoresherezwe y'ahantu h'iterambere ry'ibikorwa bibyarira abaturage inyungu hafite umwihariko 213
7.3. Inyongera-mwihariko y'ahantu hagenewe guhuza ubutaka 219
7.4. Inyongera-mwihariko y'ahantu hemejwe ihuzwa ry'ubutaka 223
7.5. Ahantu hakorewe inyigo yimbitse mu gishushanyo cy'Umujyi hafite inyongera-mwihariko 225
7.6. Ahantu hagenewe ibikorwa by'ikibuga cy'indege hafite inyongera-mwihariko 226
7.6.1. Ahantu hakumiriwemo icyabangamira ikoreshwa ry'ikibuga cy'indege 226
7.6.2. Ahantu hakomwe ku bw'umutekano w'indege 227
7.7. Ahantu hagenewe ukwisubira kw'ibidukikije hafite inyongera-mwihariko 231
7.8. Ahantu hafite ubuhaname buri hagati ya (30-50%) hafite inyongera-mwihariko 234
7.9. Ahantu hagenewe guteza imbere ubukerarugendo hafite inyongera-mwihariko 241
7.10. Ahantu hagenewe kubungabunga Umurage no kuwuteza imbere hafite inyongera-mwihariko 244
7.11. Ahantu hazengurutse ibikorwa byihariye (Umukandara) hafite inyongera-mwihariko 248

7.12. Inyongera-mwihariko y'ahantu hakomye ku mapamvu z'ibiza 253

Ingingo ya 8: Amabwiriza yihariye 258

8.1. Iherereka nya ry'Uburenganzira bwo kubyaza umusaruro ubutaka (TDR) 258
8.2. Ingamba z'imyubakire itangiza ibidukikije 260
8.3. Kubaka mu cyaro ahagenewe Ubuhinzi n'Ubworozi 262
8.4. Uduhimbazamusyi /inyungu ku bubaka 264
8.4.1. Uduhimbazamusyi ku bubaka 264
8.4.2. Igabanya-byiciro by'imikoreshereze y'ubutaka ridaheza 264
8.4.3. Ishyirwaho ry'ahantu rusange, ibikenerwa rusange, 267
ubugeni n'ahantu ndangamuco 267
8.4.4. Gushyiraho ahagenewe parikingi zisangirwa ku rutonde rw'ahantu 269
hari urujya n'uruza 269
8.5. Imishinga minini y'iterambere 271
8.6. Ibibanza bifatwa n'ibyiciro by'imikoreshereze y'ubutaka bitandukanye 294
Ibigenderwaho mu isesengura 294
8.7. Ibibanza bidahuje n'ibisabwa n'ibiteye nabi 296

Ingingo ya 9: Igenamigambi ryo gukurikirana igishushanyombonera cy'Umujyi 302

9.1 Intangiriro 302
9.2 Impamvu 302
9.3 Amabwiriza y'igishushanyombonera kimbitse cy'Umujyi 302

Urutonde rw'Imbonerahamwe

Imbonerahamwe 4.1: Ibyiciro by'ishyirwamubikorwa 45
Imbonerahamwe 4.2: Ibikorwa bitajyanye n'aho bisanzwe biri 48
Imbonerahamwe 4.3: Ahantu ntavogerwa 51
Imbonerahamwe 4.4: Uburyo bwo kubaka mu byiciro 52
Imbonerahamwe 4.5: iteganywa ryubucuruzi bucirirtse 56
Imbonerahamwe 4.5: Ibiteganywa kunzu zo guturwa 58
Imbonerahamwe 6.1: Icyiciro cyo gutura ku bucucike bwo hasi (R1) 70
Imbonerahamwe 6.2: Icyiciro cyo gutura mu buryo bwagutse ku bucucike bwo hasi(R1A) 74
Imbonerahamwe 6.3: Icyiciro cyo gutura mu bice by'icyaro by'Umujyi wa Kigali (R1B) 80
Imbonerahamwe 6.4: Icyiciro cyo gutura mu buryo buringaniye- Icyiciro kivugurura (R2) 87
Imbonerahamwe 6.5: Icyiciro cyo gutura mu bucucike buringaniye-icyiciro cyaguka (R3) 93
Imbonerahamwe 6.6: Icyiciro cyo gutura ku bucucike bwo hejuru (R4) 100
Imbonerahamwe 6.7: Icyiciro cy'ikomatanya-bikorwa (C1) 105
Imbonerahamwe 6.8: Icyiciro cy'ubucuruzi bukorerwa ahatuwe/mu muhana (O-C2) 111
Imbonerahamwe 6.9: Icyiciro cy'ubucuruzi bwagutse (C3) 117
Imbonerahamwe 6.10: Icyiciro cy'ibikorwa n'imirimo bya leta (PA) 125
Imbonerahamwe 6.11: Icyiciro cy'ibikorwa rusange bifasha abaturage -Uburezi n'ubushashatsi (PF1) 129
Imbonerahamwe 6.12: Icyiciro cy'ibikorwa rusange bifasha abaturage- Ubuzima (PF2) 131
Imbonerahamwe 6.13: Icyiciro cy'ibikorwa rusange bifasha abaturage – Iyobokamana (PF3) 133
Imbonerahamwe 6.14: Icyiciro cy'ibikorwa rusange bifasha abaturage- Umuco n'inzibutso (PF4) 135
Imbonerahamwe 6.15: Icyiciro cy'ibikorwa rusange bifasha abaturage- Amarimbi n'ahashyingurwa (PF5) 137
Mbonerahamwe 6.16: Icyiciro cy'inganda nto zidahumanya (I1) 139
Imbonerahamwe 6.17: Icyiciro cy'Inganda nini n'izishobora guhumanya (I2) 144
Imbonerahamwe 6.19: Icyiciro cya pariki n'ubusitani rusange (P1) 150
Imbonerahamwe 6.20: Icyiciro cy'Ibikorwa bya Siporo n'ubukerarugendo (P2) 153
Imbonerahamwe 6.21: Icyiciro cya pariki z'igihugu (P3-A) 156
Imbonerahamwe 6.22: Icyiciro cy'amashyamba (P3-B) 158
Imbonerahamwe 6.23: Icyiciro cy'Imisozi ihanamye (P3-C) 160
Imbonerahamwe 6.24: Icyiciro cy'ubusitani kamere(P3-D) 161
Imbonerahamwe 6.25: Icyiciro cy'Ubuhinzi n'Ubworozi (A) 163
Imbonerahamwe 6.26: Icyiciro cy'ibishanga (W) mu Mujyi wa Kigali 167
Imbonerahamwe 6.27: Ibikorwa byemewe mu Ibishanga (C = Bishobora kwemerwa; P = Birabujijwe) 173
Imbonerahamwe 6.27: Icyiciro cy'Ibidendezi bigari by'amazi (WB) 178
Imbonerahamwe 6.28: Icyiciro cy'Ubwikorezi (T) 179
Imbonerahamwe 6.29: Icyiciro cy'Ibikorwa by'inyungu rusange (U) 181
Imbonerahamwe 6.30: Amabwiriza ya parikingi ahatuwe 185

Imbonerahamwe 6.31: Amabwiriza ya zaparikingi z'ahataragenewe guturwa186
Imbomerahamwe 6.32: Ingamba za parikingi kuhagenewe guturwa 189
Imbonerahamwe 6.33: Ingamba za parikingi ahataragenewe guturwa 190
Imbonerahamwe 7.1: Ibikorwa remezo bifasha abaturage bifite inyongera mwihariko 209
Imbonerahamwe 7.2: Ahantu h'iterambere ry'ibikorwa bibyarira abaturage inyungu hafite umwihariko 214
Imbonerahamwe 7.3: Ahantu hagenewe guhuza ubutaka hafite inyongera-mwihariko 219
Imbonerahamwe 7.4: Inyongera-mwihariko y'ahantu hemejwe ihuzwa ry'ubutaka 223
Imbonerahamwe 7.5: Imirongo ntarengwa 227
Imbonerahamwe 7.6: Ibindi bibujijwe ku kibuga cy'indege 229
Imbonerahamwe 7.7: Ahantu hagenewe ukwisubira kw'ibidukikije hafite inyongera-mwihariko 231
Imbonerahamwe 7.8: Ahantu hafite ubuhaname buri hagati ya (30-50%) hafite inyongera-mwihariko 234
Imbonerahamwe 7.9: Ahantu hagenewe guteza imbere ubukerarugendo hafite inyongera-mwihariko 241
Imbonerahamwe 7.10: Ahantu hagenewe kubungabunga Umurage no kuwuteza imbere hafite inyongera-mwihariko 244
Imbonerahamwe 7.11: Inyongera-mwihariko y'ahantu hakomye ku mapamvu z'ibiza 253
Imbonerahamwe 8.1: Ihererekanya ry'Uburenganzira bwo kubyaza umusaruro ubutaka (TDR) 258
Imbonerahamwe 8.2: Ingamba z'imyubakire itangiza ibidukikije 260
Imbonerahamwe 8.3: Kubaka mu cyaro ahagenewe Ubuhinzi n'Ubworozi 262
Imbonerahamwe 8.4:Igabanya byiciro by'imikoreshereze y'ubutaka ridaheza265
Imbonerahamwe 8.5:Ishyirwaho ry'ahantu rusange, ibikenerwa rusange, ubugeni n'ahantu ndangamuco 267
Imbonerahamwe 8.6:Gushyiraho ahagenewe parikingi zisangirwa ku hantu hari urujya n'uruza rwinshi 269
Imbonerahamwe 8.7: Amabwiriza yihariye ku mishanga minini y'iterambere 271
Imbonerahamwe 8.8: ibyiciro by'ibibanza bigabanijwemo n'imbibi z'ibyiciro by'imikoreshereze y'ubutaka 294
Imbonerahamwe 8.9: Ibibanza bidahuje n'ibiteye nabi 296

Urutonde rw'Amashusho

Ishusho 4-1: Iteganya ry'inzu yo gutura 61
Ishusho 5-1: Igenamigambi ry'Ibyiciro by'imikoreshereze y'ubutaka mu Mujyi wa Kigali 68
Ishusho 6-2: Icyiciro cyo gutura mu buryo bwagutse ku bucucike bwo hasi(R1A)-Inyubako zitandukanye/Zidafatanye 77
Ishusho 6-3: Icyiciro cyo gutura mu buryo bwagutse ku bucucike bwo hasi(R1A)-Inyubako zidatandukanye cyane 78
Ishusho 6-4: Icyiciro cyo gutura mu buryo bwagutse ku bucucike bwo hasi(R1A)-Inyubako zifatanye 79
Ishusho 6-5: Icyiciro cyo gutura mu bice by'icyaro by'Umujyi wa Kigali (R1B)-Imishinga ya IDP ya "2 in 1" 83
Ishusho 6-6: Icyiciro cyo gutura mu buryo bwagutse ku bucucike bwo hasi(R1A)-Inyubako zo ku murongo 85
Ishusho 6-7: Icyiciro cyo gutura mu buryo bwagutse ku bucucike bwo hasi(R1A)-Inyubako zigezweho za "4 in 1" 86
Ishusho 6-8: Icyiciro cyo gutura mu bucucike buringaniye- Icyiciro kivugurura (R2) ubwoko A 91
Ishusho 6-9: Icyiciro cyo gutura mu bucucike buringaniye- Icyiciro kivugurura (R2) ubwoko B 92
Ishusho 6-10: Icyiciro cyo gutura mu bucucike buringaniye-icyiciro cyaguka (R3) Inyubako zo ku murongo 97
Ishusho 6-11: Icyiciro cyo gutura mu bucucike buringaniye-icyiciro cyaguka (R3)Inzu z'umuryango umwe, ubwoko bwa 1 98
Ishusho 6-12: Icyiciro cyo gutura mu bucucike buringaniye-Icyiciro cyaguka (R3) Inzu z'umuryango umwe, ubwoko bwa 2 99
Ishusho 6-13 Icyiciro cyo gutura ku bucucike bwo hejuru (R4) Inyubako zidafatanye 103
Ishusho 6-14: Icyiciro cyo gutura ku bucucike bwo hejuru (R4) Inyubako zifatanye 104
Ishusho ya 6-15: Icyiciro cy'ikomatanya-bikorwa (C1) Inyubako zidafatanye 109
Ishusho ya 6-16: Icyiciro cy'ikomatanya-bikorwa (C1) Inyubako zifatanye ziri ku mihanda minini y'ubwikorezi n'ibishanga 110
Ishusho ya 6-17: Icyiciro cy'ubucuruzi bukorerwa ahatuwe/mu muhana (O-C2) ku (Cyiciro ya R4) 113
Ishusho ya 6-18: Icyiciro cy'ubucuruzi bukorerwa ahatuwe/mu muhana (O-C2) ku (Cyiciro ya R3) 114
Ishusho ya 6-19: Igishushanyo cy'Icyiciro cy'ubucuruzi bukorerwa ahatuwe/mu muhana (O-C2) 116
Ishusho ya 6-20: Icyiciro cy'ubucuruzi bwagutse (C3) Inyubako zitandukanye121
Ishusho ya 6-21: Icyiciro cy'ubucuruzi bwo ku rwego rw'Umujyi(C3) Inyubako zifatanye ziri ku mihanda minini y'ubwikorezi n'ibishanga 122
Ishusho ya 6-21: Icyiciro cy'ubucuruzi bwo ku rwego rw'Umujyi(C3) Inyubako zifatanye ziri ku mihanda minini y'ubwikorezi n'ibishanga 123
Ishusho ya 6-22: Icyiciro cy'ubucuruzi bwagutse (C3) Inyubako zidafatanye cyane ziri ku mihanda minini y'ubwikorezi n'ibishanga 124
Ishusho 6-23: Icyiciro cy'inganda nto zidahumanya (I1) inyubako zidafatanye142
Ishusho 6-24: Icyiciro cy'inganda nto zidahumanya (I1) inyubako zifatanye 143
Ishusho 6-25: Icyiciro cy'Inganda nini n'izishobora guhumanya (I2) 147

Ishusho 7-1: Ibikorwa urange remezo bifite inyongera-mwihariko 212
Ishusho 7-2A: Ahantu h'iterambere ry'ibikorwa bibyarira abaturage inyungu hafite umwihariko (O-IZ)_A 217
Ishusho 7-3B: Ahantu h'iterambere ry'ibikorwa bibyarira abaturage inyungu hafite umwihariko (O-IZ)_B 218
Ishusho 7-4: Ahantu hagenewe guhuza ubutaka hafite inyongera-mwihariko222
Ishusho 7-5: Inyongera-mwihariko y'ahantu hemejwe ihuzwa ry'ubutaka 224
Ishusho 7-6: Ikarita y'ahantu hakorewe inyigo yimbitse mu gishushanyo cy'Umujyi hafite inyongera-mwihariko 226
Ishusho 7-7: Ahantu hakumiriwemo icyabangamira ikoreshwa ry'ikibuga cy'indege 230
Ishusho 7-8: Ahantu hagenewe ukwisubira kw'ibidukikije hafite inyongera-mwihariko 233
Igishushanyo 7-9: Uburyo bwo kubyaza umusaruro ahantu hahanamye 239
Ishusho 7-10: Ahantu hafite ubuhaname buri hagati ya (30-55%) hafite inyongera-mwihariko 240
Ishusho 7-11: Igenamigambi ryo guteza imbere ubukerarugendo ku nyongera mwihariko. 243
Ishusho 7-12: Ahantu hagenewe kubungabunga Umurage no kuwuteza imbere hafite inyongera-mwihariko 246
Ishusho 7-13: Gufata neza umurage n'iteganya migambi ry'inyongera-mwihariko-A 247
Ishusho *7-14: Gufata neza umurage n'iteganya migambi ry'inyongera-mwihariko -B* 247
Ishusho 7-154: Ahantu hazengurutse ibikorwa byihariye hafite inyongera-mwihariko 252
Ishusho 8-1: Ibibanza Bigabanijwemo n'imbibi z'ibyiciro bitandukanye 295
Ishusho 8-2: Ibibanza bigirwaho ingaruka n'iguranwa ry'ubutaka hagamijwe ibikorwaremezo: 298
Ishusho 8-3: Ibibanza bifite impera zihariye zigomba kworoherezwa mu gusigaza ubutaka 298
Ishusho 8-4: Ibibanza bifite ishusho yihariye bigomba kugira ubugari bw'ikibanza bwa metero 8 (8m) 299
Ishusho 8-5: Ibibanza n'ubutaka bifite ishusho yihariye bidahuza n'ingano nto ishoboka yemewe y'ikibanza bishobora kuguranwa kugira ngo bihuze n'ingano nto ishoboka yemewe kugira ngo byemererwe kubakwa. 299

IJAMBO RY'IBANZE

Imiterere y'umushinga

Igishushanyo mbonera cy'Umujyi wa Kigali kivuguruye cya 2019 cyakozwe hisunzwe ingero nziza mpuzamahanga hamwe n'uburyo bwo gucukumbura bwimbitse, hashingiwe ku ikusanyamakuru ryagutse ry'imibereho myiza y'abaturage n'ubukungu kandi risesenguye no kubufatanye buhoraho hagati y'abafatanyabikorwa mpuzamahanga n'abo mu gihugu imbere. Ubu buryo bwatumye Ishami ry'Umujyi wa Kigali rishinzwe imitunganyirize n'iyubakwa ry'Imijyi ryashizeho ingamba zisumbuyeho zihariye zizafasha inzozi za Kigali zo kuba icyicyaro cy'Umujyi w'icyitegererezo muri Afrika.

Imbaraga nyinshi zashizwe mu gukosora ibibazo byagaragajwe mu Gishushanyo mbonera cya 2013, hongerwamo ukungana kwisumbuye, korosha, n'uburyo bwiyongera ku iterambere ry'Umujyi, bigendeye mu murongo w''ibigenderwaho bishya mu gutunganya imijyi by'Ishami ry'umuryango w'abimbumbye ryita ku miturire (UNHABITAT), intego ziterambere rirambye hamwe n'uburyo bwinshi mu guhanga udushya burimo kwigwaho cyangwa bwashizwe mu bikorwa mu kuyobora imitunganyirize yihuse y'imijyi ya Afrika.

Kubakira kuri ubu buryo, Igishushanyo mbonera cy'Umujyi wa Kigali gishya gifite intego zo kwinjiza byisumbuyeho mu koroshya imibereho myiza y'abaturage ku rwego rwo hejuru hamwe no kongera ubukungu, kwemerera kwivanga kw'imibereho myiza y'abaturage n'ubukungu mu Mujyi, guha amahirwe abashoramari bato n'abakuru no koroshya mu guhanga inzira nyinshi z'ibisubizo ku mazu acirirtse, bityo bigafasha mukuzamuka ku buzima bwiza n'umuryango uringaniye neza.

Ivugurura ry'ubu buryo ryakozwe mu gukosora ibyagaragajwe mu gihe cy'imyaka 5 y'ishyirwa mu bikorwa, mu kuvugurura inzira z'uburyo no gushyira mu bikorwa igenamugambi ry'ibikorwa aho bikenewe, kugera ku bisubizo bihuriweho. Ibikorwa byagezweho muri iri vugurura ni ibi bikurikira:

- Uburyo bukomeye bw'ubushakashatsi bwarakoreshejwe mu ivugurura ry'ubu buryo hamwe n'intego zo kumenyesha ingamba z'igenamugambi. Ikusanyamakuru ry'ibanze ryagutse rakozwe rimenyesha imiterere y'imibereho myiza y'abaturage n'ubukungu hamwe no guteganya icyerekezo. Ibarura ry'urujya n'uruza rw'ibinyabiziga naryo ryarakozwe mu gukemura ibibazo by'urujya n'uruza rw'ibinyabiziga mu gihe gito mu Mujyi no kumenyesha uburyo bw'ubwikorezi mu gihe kizaza. Amakuru ahari yose n'inyigo byarakusanyijwe kandi byinjizwa mu gishushanyo.

- Uburyo bwagutse bwo kugisha inama abafatanyabikorwa binyuze mu biganiro, inama n'abafatanyabikorwa, n'ubundi buryo bw'ikoranabuhanga n'imbuga nkoranyambaga mu kugenzura ibibazo mu buryo bucukumbuye no gushaka ibisubizo bihuriweho.

- Kugisha inama guhoraho ku bigo mpuzamahanga (Ishami ry'umuryango w'ababimbye ryita ku miturire, Banki y'Isi, n'ibindi.) byakozwe muguha umurongo ingamba z'Igishushanyo mbonera hamwe n'ibiri gushirwa mu bikorwa ndetse n'ibikorwa byateganyijwe mu Mujyi. Umubonano uhoraho nawo warahamijwe hamwe n'izindi nyigo zirimo gukorwa (Inyigo y''mihanda y'imodoka zitwara abantu, amazi, n'Igishushanyo mbera cy'isuku n'isukura, NLUMP, n'ibindi)

- Ubushakashatsi bwagutse ku ngero nziza ku Isi z'amabwiriza (uburyo bitandukanye bw'ibyiciro), politike y'imiturire (guhuza ubutaka, iterambere ryiyongera, gutera inkunga) n'uburyo bw'iterambere ricirirtse aho byakozwe kumenyesha igishushushanyo mbonera. Buri imwe muri izi ngingo yakoreshejwe mu cyegeranyo cya Kigali kandi bisesengurwa hamwe n'abafatanyabikorwa.

- Uburyo bushya bwo gutwara abantu n'ibintu n'ibikorwa remezo byatunganijwe mu guhamya ko ingamba zo gutanga serivisi zorohereza kugera ku rwego rukuru rwa serivisi, mu gihe bigicirirtse ku nzego z'amikoro atandukanye no mu bice byo gutura mu Mujyi.

- Ibice bishya n'ibyiciro by'amabwiriza byizwe mu guhamya uburyo bucirirtse, uburyo bworoshye n'uburyo bw'ishyirwa mu bikorwa bw'igishushanyo. Igipimo gito cy'ikibanza cyaragabanijwe, aho kubakwa hariyongera, ubwoko bwahiswemo burahamya kubaka mu byiciro no kubaka mu murongo w'ubushobozi bw'umuturage. Ibikorwa rusange na parike z'Igihugu byatekerejwe mu hantu habereye no mu buryo byoroshye.

- Ibikorwa bikomatanije byatekerejwe mu bice byinshi by'Umujyi, korohereza amahirwe yo guhanga akazi mu bice bituwe, bityo bikorohereza kuzamura ubukungu bw'imiryango.

- Parikingi zo ku muhanda zemewe mu mihanda yo mu nsisiro, imihanda ituweho n'imihanda mito na parikingi zihuriweho zashishikarijwe mu kuzamura imikoreshereze y'ubutaka no gufasha imicungire myiza ya parikingi zikenewe mu nzira zo gushishikariza imikoreshereze y'itwara ryabantu n'ibintu rusange n'ubwikorezi bw'ibinyabiziga bidakoresha moteri.

- Kubaka mu byiciro bizashishikazwa mukuzamura ubushobozi bw'ishoramari rihari hatarindiriwe imbaraga y'imyubakire yo mu bihe bizaza.

- Igice kidaheza ku mazu acirirtse zizashishikarizwa kandi bihemberwe mukuzamura ububiko bw'ikoresho by'amazu acirirtse ku byiciro by'abantu bafite amikoro ari hasi n'acirirtse.

Impamvu

Uburyo bw'nzira zakurikijwe mu ishyira mu bikorwa ry'ibikorwa byose byazanye inyungu z'imbere bishingiye ku bwiza bw'ibisubizo no kwihuza kuri Kigali nyayo. Uburyo bwagutse bwo kugisha inama bwakozwe n'abafatanyabikorwa b'abatekinisiye bo mu gihugu imbere n'abo mu mahanga, byahamije imyumvire imwe na hagunda y'ibikorwa ihuriweho mu nzira zakurikizwa.

Ibisubizo byitezwe:

- Guteganya **ingazi zitandukanye n'icyiciro cy'igiciro cy'ibisubizo by'ubucuruzi n'inganda**, hakurikijwe imbaraga z'amasoko ahari n'ateganywa;
- **Koroshya kugera ku isoko ry'bigo bito n'ibicirirtse,** kuri ubu byibanze i Kigali no mu gihugu, kuzamura ihanga ry'ubuzi bwinshi bwemewe;
- **Kwemerera kubaka mu byiciro inyubako z'ubucuruzi n'inyubako zikomatanyije** hagendewe ku bushobozi mu ishoramari bw'abashoramari n'abubatsi ariko hashingiwe ku mirongo ngenderwaho isobanutse;

- **Gushishikariza ikomatanyabikorwa mu bice byose hazamurwa imikorere y'Umujyi mu gihe cy'amasaha 24;**

- **Guhuza ibice by'ibigo bicirirtse** mu hantu hatuwe, hakomatanyijwe n'imibereho, ibikorwa remezo bidaheza n'ubusitani rusange;
- Igabanywa by'ibice byahariwe inyubako z'umuryango umwe, **kuzamura ugutuza abantu benshi hamwe n'ibihembo mu guhindura ubwoko bw'inyubako n'ubucucike;**
- **Koroshya kubaka mu byiciro mu butumburukeno mu butambike,** kwemera imyubakire ikomatanyije mu byiciro, inyubako zo guturamo cyangwa iz'ubucuruzi;

- **Kuzamura ivugururwa cyangwa gutunganya no kuvugurura mu bice ubutaka bufite agaciro kari hejuru aho uburyo bwo guhuza ubutaka** buzaba bwiza bitewe n'uburyo buhuje bwo gutera inkunga y'amafaranga;
- **Gushiyraho inkengero zagutse &Uburyo bwo gufasha abafite amikoro make.** Ahantu hahiswemo mukuborohereza kugera mu nzira z'ubwikorezi rusange. Ibice hazaba ahantu hibikorwa bikomatanyije bizafasha amikoro yagutse y'ubwoko butandukanye kubyara ibikorwa n'ibikorwa remezo rusange;

- **Guhitamo imirongo ngenderwaho yoroshye kandi ibereye**, **ifasha kubaka mu byiciro ubwubatsi buhendutse**, hashingiwe ku mirongo ngenderwaho ishoboka yahanzwe;
- **Kuzamura no gushishikariza ihuza ry'ubutaka nk'igikoresho cy'ingenzi cy'ishyirwa mu bikorwa** muguteganya ibisubizo by'amazu acirirtse;
- **Gushiraho imibereho myiza y'abaturage n'amikoro ahuriweho** mu bice byose by'Umujyi mu guhamya imibereho myiza y'abaturage ishyizwe hamwe mu baturage bariho ubu n'abo mu gihe kizaza
- Guteganya **ubutaka bwinshi bwo guhingamo** hashishikazwa ihuza ry'ubutaka kandi mu bice by'icyaro.

Ibyiciro by'imikoreshereze y'ubutaka n'amabwiriza bigendanye byashyiriweho koroshya iterambere riringaniye kandi rigaragara ry'Umujyi mu gihe hakizamurwa imibereho myiza y'abaturage bawo, ubukungu, n'ibidukikije.

Gushimira

Umujyi wa Kigali wifuje gushimira abantu n'ibigo bikurikira ku bitekerezo by'agaciro n'ubufasha batanze mu ivugurura ry'Igishushanyo mbonera cyawo.

Ibiro bishinzwe imiturire, Amashami y'ibikorwa remezo n'ibidukikije mu turere twa Nyarugenge, Gasabo na Kicukiro Minisiteri y'Ibikorwa remezo (MININFRA) Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi n'ubworozi (MINAGRI) Minisiteri y'Ibidukikije (MoE) Minisiteri y'ubutaka n'amashamba (MINILAF) Ikigo gishinzwe Imiturire mu Rwanda (RHA) Ikigo gishinzwe iterambere ry'Ubuhinzi n'Ubworozi n'ubworozi mu Rwanda (RAB) Ikigo gishinzwe gucunga no guteza imbere amazi n'amashamba mu Rwanda (RWFA) Ikigo gishinzwe guteza imbere ibikorwa by'Iterambere mu Nzego z'Ibanze (LODA) Ikigo k'Igihugu cyo kubungabunga ibikukije (REMA) Ishyirahamwe ry'Uturere twose tugize Igihugu n'Umujyi wa Kigali (RALGA) Ikigo cy'Igihugu gishinzwe imicungire n'imikoreshereze y'ubutaka (RLMA) Ikigo cy'Igihugu cy'Iterambere (RDB) Ikigo cy'Igihugu gishizwe ubwikorezi rusange (RTDA) Urwego rw'Igihugu ngenzuramikorere (RURA) Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Imirenge Uturere twa Gasabo, Nyarugenge na Kicukiro Polisi y'u Rwanda (RNP) Ingabo z'u Rwanda (RDF) *Rwanda Women Network* Urugaga rw'abahanga mu guhanga inyubako mu Rwanda (RIA) Ihuriro rya Sosiyete sivile mu Rwanda (RCSP) *Rwanda Green INYUBAKO Organization (RGBO)* Ikigega kigenewe gutera inkunga ibikorwa byo kubungabunga ibidukikije mu Rwanda (FONERWA) Ikigo gitanga serivisi za internet (BSC) *Uwezo Youth Empowerment* *Safe Motos* *Care International Rwanda* Urugaga rw'abafite Ubumuga *Institute for Transportation and Development Policy (ITDP)* *Rwanda Association of Professional Environmental Practitioners (RAPEP)*	*Global Green Growth Institute (GGGI)* Ishami ry'umuryango w'abimbumbye ryita ku miturire *Swiss Resource Centre and Consultancies for Development (SKAT)* *Strawtec INYUBAKO Solutions* Urugaga rw'abikorera (PSF) *Institute of Policy Analysis and Research (IPAR)* *International Growth Centre (IGC)* Ikigo gishinzwe gukwirakwiza amazi, isuku n'isukura (WASAC) *The Integrated Polytechnic Regional Centre (IPRC) Kigali* Ikigo cy'Igihugu cy'ibarurisha mibare (NISR) Kaminuza y'u Rwanda (UR) Ishyirahamwe ry'abatwara moto (FERWACOTAMO) Urugaga rw'abahanga mu kubaka inyubako mu Rwanda Ikigo cy'Igihugu cy'Ingufu (REG) *Energy Development Corporation Limited (EDCL)* Banki y'iterambere y'u Rwanda (BRD) Ikigo cya Laterite Ishami ry'Iterambere mpuzamahanga mu Rwanda (DFID) Ikigo mpuzamahanga cya VNG Rwanda Ishyirahamwe rya Banki y'Isi Ishyirahamwe ryakira abantu mu Rwanda (RHA) Ihuriro ry'abagore b'i Nyamirambo Ikigo cy'Igihugu Ndangamurage mu Rwanda Urubyiruko rwiyemeje ihuzabuhinzi (YEAN) Ihuriro rw'urubyiruko Nyarwanda ruteza imbere ibikomoka ku buhinzi (RYAF) Ikigo cy'itumanaho cya Airtel Ishyirahamwe rya Zone Ikigo cya Yego Innovisions Abaharanira ibidukikije mu Rwanda Inama y'Igihugu y'ababana n'ubumuga (NCPD) Abahagarariye bose n'abayobozi b'imiryango ishingiye ku idini muri Kigali Justin Garret Moore, AICP. Umuyobozi Nshingwabikorwa, Komisiyo ishinzwe ihanga rusange mu Mujyi wa New York.

1

Uru rupapuro ntirugomba kwandikwaho

Ingingo ya 1: Intangiriro

1.1. Incamake

Aya "mabwiriza" yitwa "AMABWIRIZA AGENGA IMIKORESHEREZE Y'UBUTAKA MU MUJYI WA KIGALI HASHINGIWE KU BYICIRO BYABWO" uhereye ku wa 28 Ukwakira 2020.

1.2. Uburenganzira

Aya mabwiriza yemejwe n'Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali ishingiye ku biteganywa n'urwunge rw'amategeko agenga imijyi mu Rwanda.

1.3. Intego

Intego y'aya mabwiriza ni ugusobanura ibyateganijwe mu gishushanyo cy'ibyiciro by'imikoreshereze y'ubutaka ndetse n'igenzura ry'amabwiriza agenga iterambere ryabwo bikazashishikariza kandi bikayobora ibigo bya leta, abikorera, imiryango y'igenga y'imbere mu gihugu n'imiryango mpuzamahanga, ndetse n'abaturage mu gushyira mu bikorwa igishushanyo mbonera cy'Umujyi wa Kigali mu buryo buboneye kandi bungana mw'iterambere ry'Umujyi wa Kigali.

Mu buryo burambuye, aya mabwiriza yashyizweho hagamijwe:

- Gushyiraho imikoreshereze myiza y'ubutaka mu mujyi;
- Kubungabunga mu buryo buhamye agaciro k'umutungo;
- Guteza imbere ubuzima, Umutekano, n'imibereho myiza y'abaturage muri rusange;
- Kurinda ndetse no kuzamura urwego rw'imibereho y'abaturage n'iterambere ku buryo buhamye mu bice by'Umujyi;
- Kugena ahantu, imikoreshereze, uburebure n'ubunini bw'inyubako n'ibikanka;
- Kugena ahantu, imikoreshereze y 'amapariki n'ahantu ho kuruhukira;
- Gushyiraho ahantu hisanzuye ku rumuri ndetse n'umwuka;
- Ubwirinzi k'umuriro, imyuzure, ndetse n'ibindi byago (Ibiza);
- Gushyiraho ibikenewe ku kiborwa bifitiye umumaro umuryango n'ibiwufitiye akamaro ari byo: ubwikorezi, amazi, ahatunganyirizwa imyanda, amashuli, pariki n'ibindi bikorwa rusange bikenewe;
- Kurinda ibikomoka ku buhinzi n'ubworozi;
- Guteganya inzu z'amahitamo n'ubukungu bw'ingeri zitandukanye bibera muri izo nzu;
- Guteganya uburinzi mu buryo burambye ahantu ho kuruhukira, ibijyanye n'inkomoko y'amateka, amasoko y'amazi, ibishanga, amashyamba, n'bundi butaka bw'ingenzi mu bidukikije.

Igishushanyo cy'ibyiciro by'imikoreshereze y'ubutaka cyemewe, igishushanyo cy'ubwikorezi, n'igishushanyo cy'ibikorwa remezo, ibishushanyo byunganira ku makuru y'ibigize ubumenyi bw'isi biboneka ku rubuga rw'Umujyi wa Kigali bizajya kumugaragaro bihujwe n'amabwiriza ariho akaba ari n'igice cy'ingenzi cy'amabwiriza agenga ibyiciro by'imikoreshereze y'ubutaka n' igishushanyo y'Umujyi wa Kigali.

1.4. Ibisabwa

Nta butaka, nta nyubako n 'ibindi bikanka bizongera gukoreshwa, ndetse nta nyubako cyangwa ibindi bikanka bizubakwa, bizavugururwa, bizahindurwa, bizagurwa, cyangwa kongera, usibye ibyubahirije aya amabwiriza.

1.5. Ikurwaho ry'amabwiriza yagenderwagaho

Aya mabwiriza, ibyongewemo ndetse n'ibyahindutse kugeza ubu, agomba kubahirizwa uhereye igihe yemerejwe n'Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali. Amabwiriza agenga ibyiciro by'imikoreshereze y'ubutaka yemejwe ubushize n'Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali n'ibyongewemo byose biyashamikiyeho arasheshwe uhereye igihe kigaragara mu gika cya 1.1 cy'aya mabwiriza. Iri seswa ntirigomba kubangamira imibereho iyariyo yose y'abakozi kandi ntirigomba kubangamira cyangwa kwangiza amasezerano yose yakozwe, ikosa ryakozwe cyangwa gupfukirana ukuri, inshinganzo izari zo zose zatanzwe cyangwa zakiriwe, igihano, cyangwa gukurirwaho igihano cyabanjirije mbere y'uko iri iseswa ryubahirizwa, ariko ibyo bishobora kwishimirwa, kwemezwa, kubahirizwa, kuregerwa, cyangwa kuvangirwa bisesuye mu buryo bumwe n'iri seswa ritigeze ribangamirwa.

1.6. Aho wasanga ikarita y'ibyiciro by'imikoreshereze y'ubutaka

Imbibi z'ibice byose byagaragajwe by'ubutaka n'ibyahindutse byose bishyirwaho n'Inama Njyana y'Umujyi, nk'uko bigaragara ku ikarita yiswe "Ikarita y'ibyiciro by'imikoreshereze y'ubutaka y'Umujyi wa Kigali" ndetse ikanemeranya igihe aya mabwiriza azemezwa hamwe n'impunduka za vuba zakozwe ku mbibi z'ibyiciro by'imikoreshereze y'ubutaka. Ikarita y' ibyiciro by' ubutaka yemewe, ijyanye n'igihe uhereye ku mpinduka za vuba, zigomba kuba zibitse mu biro by'amashami y'imiturire y'Umujyi wa Kigali n'uturere kandi ikagaragara ku rubuga rw' Umujyi wa Kigali.

1.7. Kuvugurura ikarita y'ibyiciro by'imikoreshereze y'ubutaka n'amabwiriza

Kuvugurura ni uburyo bwimbitse bwo gusubiramo no koroshya amabwiriza agenga ibyiciro n'iterambere ry'Umujyi aho usangamo ivugurura ry'ibice byose n'imikoreshereze yemewe ya buri gice, ivugurura ry'ibisabwa kuri parikingi, ubusitani n'imenyesha ry'ibikenewe ku bucucike mu mujyi, bimwe muri byinshi bindi bikenerwa.

Hashingiwe ku mpinduka nyinshi zakozwe ku mabwiriza yabanjirje agenga ibyiciro by'abutaka, Umujyi wa Kigali uzajya usuzuma ndetse unavugurure aya mabwiriza agenga ibyiciro by'imikoreshereze y'ubutaka mu gihe cy'imyaka 3 uhereye igihe yemerejwe, nyuma yo gukora ubusesenguzi bw'ubushobozi bw'ayo mu iterambere ryihuse ry'Umujyi wa Kigali.

Ivugurura rihoraho ry'ikarita y'ibyiciro ritegetse nk'uko biteganywa n'umutwe wa 4.1

1.8. Imiterere y'amabwiriza y'ibyiciro by'imikoreshereze y'ubutaka

Amabwiriza agenga ibyiciro by'imikoreshereze y'ubutaka mu Mujyi wa Kigali agizwe n'imitwe icyenda.

Umutwe wa 1: Intangiriro – uteganya igihe cy'ishyirwa mu bikorwa ry'aya mabwiriza, intego y'iyi raporo, amakuru ku iseswa ry'amabwiriza abanziriza aya, ivugurura ry'igishushanyo

n'amabwiriza y'ibyiciro by'imikoreshereze y'ubutaka y' Umujyi wa Kigali no gusobanura uko raporo yakoze.

Umutwe wa 2: Intego, Ibisobanuro by'amagambo n'Amahame remezo y'igenamigambi ry'ibyiciro by'imikoreshereze y'ubutaka n'amabwiriza byabyo – usobanura intego, Ibisobanuro by'amagambo n'amahame y'ibanze y'igenamigambi y'ibyiciro by'imikoreshereze y'ubutaka mu kuyobora no korohereza mu gihe kizaza iterambere mu Mujyi wa Kigali.
Umutwe wa 3: Ibisobanuro by'amagambo ugaragaza amagambo yateganyijwe akoreshwa mu mabwiriza y'ibyiciro by'imikoreshereze y'ubutaka mu rwego rwo kugira ngo habeho imyumvire imwe ku bakoresha igenamigambi y'ibyiciro.

Umutwe wa 4: Ingingo rusange – urerekana amabwiriza y'Ingingo rusange ku bice byose by'ubutaka cyangwa byinshi muri byo byemjwe.

Umutwe wa 5: Ikarita y'ibyiciro by'imikoreshereze y'ubutaka n'ibisobanuro byayo – urerekana igishushanyo cy'ibyiciro by'imikoreshereze y'ubutaka n'ibisobanuro bya buri gice cy'ubutaka cyashizwe ku gishushanyo cy'ibyiciro by'imikoreshereze y'ubutaka. Igishushanyo cy'ibyiciro by'imikoreshereze y'ubutaka kigaragaza imbibi nyazo.

Umutwe wa 6: Amabwiriza y'ibyiciro by'uko ubutaka bukoreshwa – uteganya mu buryo bwihariye kandi burambuye amabwiriza y'ibyiciro by'imikoreshereze y'ubutaka ya buri cyiciro cy'ibyiciro by'imikoreshereze y'ubutaka ku gishushanyo cy'ibyiciro by'imikoreshereze y'ubutaka.

Umutwe wa 7: Amabwiriza agenga ibice bifite inyongera-mwihariko – Ushyiraho amabwiriza agenga ibyiciro by'imikoreshereze y'ubutaka y'ibice bifite inyongera-mwihariko mukorohereza iterambere

Umutwe wa 8: Amabwiriza yihariye – usobanura amabwiriza yihariye atandukanye ahyizwe hamwe mu koreohereza ishyirwa mu bikorwa by' igishushanyo mbonera cy'Umujyi wa Kigali.

Umutwe wa 9: Igenamigambi ryo gukurikirana igishushanyombonera cy'Umujyi – urerekana intego y'igenamigambi ryo gukurikirana igishushanyombonera cy'Umujyi n'imbaraga gifite mu gusimbura andi mabwiriza agenga ibyiro by'ubutaka, mu gihe habayeho ukutumvikana.

Umugereka: urerekana urutonde rw'inganda (bitari mu buryo burambuye) ku mikoreshereze ya I1 na I2.

2

Uru rupapuro ntirugomba kwandikwaho

Ingingo ya 2: Intego, Ibisobanuro by'amagambo n'Amahame remezo y'igenamigambi ry'ibyiciro by'imikoreshereze y'ubutaka n'amabwiriza yabyo.

2.1. Intego z'igenamigambi ry'ibyiciro by'imikoreshereze y'ubutaka n'amabwiriza yabyo

Intego y'Amabwiriza y'ibyiciro by'imikoreshereze y'ubutaka mu Mujyi wa Kigali, ni ukugena uburyo busobanutse bwo gushyira mu bikorwa igishushanyo-mbonera cy'Umujyi wa Kigali kivuguruye no kuyobora iterambere ry'abaturage n'iry'abigo byigenga mu gukurikiza neza intego, ibisobanuro n'amabwiriza y'iterambere ndetse n'imirongo ngenderwaho igaruka ku cyerekezo n'ishusho byateganyijwe mu gishushanyo-mbonera. Intego, ibisobanuro by'amagambo n'amabwiriza byizeza ko iterambere rikozwe kubwo kugera ku ishusho y'iterambere mu mujyi risobanutse, rinogeye amaso kandi kuribamo bishoboka, kubwo kubungabunga ubuzima bwite bwacyo n'ibyangombwa nkenerwa, ndetse no gutanga amahirwe y'ubwiyongere hamwe no koroherana mu gusubiza ku bikenerwa ku ihinduka ry'ishoramari n'intumbero y'iterambere. Amabwiriza yibanda cyane ku guha imbaraga iterambere ry'imikoreshereze y'ubutaka inyuranye ndetse n' inyungu zinyuranye kubw'imitunganirize yabwo ishyize hamwe, ihujwe neza, iringaniye kandi ijyanye; bikaba biteguwe mu buryo burambye kandi bikozwe kugira ngo bifashe kugera ku buzima bwiza bw'abantu n'ibintu.

2.2. Igenamigambi ry'ibyiciro by'imikoreshereze y'ubutaka

Icyiciro cy'ubutaka kibwiriza ubwoko bw'imikoreshereze y'ubutaka, ingano n'ibishobora kubukorerwaho, ubucucike bwemewe, ingano (ibipimo) n'Ubutumburukeby'inyubako kuri buri kibanza. Muri ubwo buryo, igishushanyo cy'ibyiciro by'imikoreshereze y'ubutaka gikora nk'igikoresho cyizewe mu mitegurire biganisha ku mikoreshereze isobanutse kandi iri kuri gahunda. Igishushanyo cy'ibyiciro by'imikoreshereze y'ubutaka kiriho kubwo kugenera (kugaragariza) ba nyir'ubutaka, abashoramari n'abandi bafatanyabikorwa ishusho nyayo y'igishobora n'ikidashobora gukorerwa kuri buri gace kose k'ubutaka buri mu Mujyi wa Kigali.

Igishushanyo cy'ibyiciro by'imikoreshereze y'ubutaka kigizwe n'ikarita y'ibyiciro by'imikoreshereze y'ubutaka ndetse n'amabwiriza y'ibyiciro by'imikoreshereze y'ubutaka. Ikarita y'ibyiciro by'imikoreshereze y'ubutaka igaragaza ibice nyabyo biri ahantu hatunganyijwe hashingiwe ku mikoreshereze y'ubutaka, uburyo bw'imitunganyirize, ingano y'ibibukorerwaho, ingano n'Ubutumburukeby'inyubako n'ubucucike bushoboka aho hantu.

Amabwiriza y'ibyiciro by'imikoreshereze y'ubutaka avuga neza imikoreshereze y'ubutaka yemewe, ishobora kwemerwa n'ibujijwe (idashobora kwemerwa), akagargaza aho inyubako igomba kuba ku buso bwa buri kibanza, ingano y'ibikorwa byose bishobora gukorerwa ku kibanza ndetse tutibagiwe n'Ubutumburukebw'inyubako. Amabwiriza yihariye ajyanye n'ishusho rusange y'inyubako, ubusitani bwayo, uburyo bwo kuyubaka n'ibiyiranga; byose bivugwa neza mu mabwiriza y'ibyiciro by'imikoreshereze y'ubutaka. Amabwiriza y'ibyiciro by'imikoreshereze y'ubutaka avuga neza imitunganirize yemerwa mu gace k'ubutaka, ariko iyorohereza mu mitunganirize bihabwa ingufu binyuze mu kwemera

iby'ingenzi birimo ubuso bw'igorofa bwemewe, igabanyabyiciro by'imikoreshereze y'ubutaka ridaheza no kubaka mu byiciro.
Amabwiriza y'ibyiciro by'imikoreshereze y'ubutaka ashyira imikoreshereze mu byiciro bitatu by'ingenzi: Ibyemewe gukorwa, ibishobora kwemerwa gukorwa n'ibibujijwe gukorwa.

- **Ibyemewe gukorwa:** Ni ibikorwa bihuje neza n'ibyateganyirijwe mu ihame ry'ibyiciro by'imikoreshereze y'ubutaka kandi byemewe mu buryo budasubirwaho. Mu ubwo buryo, imitunganyirize y'ubutaka iba ihuye, igihe bijyanye, n'andi mabwiriza y'inyongera agira ibintu runaka abuza, nk'urugero: amahame ngenderwaho y'ibishushanyo cy'Umujyi, ay'uko ibikorwa bigerekerana, uruhererekane rw'umuco no kubungabunga ubutaka.

- **Ibishobora kwemerwa gukorwa**: Ibi ni ibikorwa bisanzwe bishobora gutera mu buryo bugaragara urujya n'uruza rw'abantu n'ibintu, urusaku cyangwa bigatera izindi ngaruka ku bindi bikorwa bibikikije. Bene ibyo bikorwa iyo bigaragajwe bishobora kwemerwa mu gace runaka nyuma y'igenzura ryimbitse no kwemerwa n'ishami rishinzwe imiturire mu Mujyi wa Kigali. Ishami rishinzwe imiturire ribasha gusaba ko imitunganyirize ihuzwa n'ibisabwa n'ibipimo ngenderwaho bidaciye ukubiri n'amahame asanzwe akoreshwa.

  Buri gace gashobora kugira imitunganyirize itandukanye ariko itabangamye ikaba yuzuzanya n'imikoreshereze y'ubutaka n'urugero byagenwe. Nk'urugero, imikoreshereze y'ubutaka mu bucuruzi bucirirtse ishobora kwemerwa ahantu hagenewe gutura mu rwego rwo gufasha abahatuye kubona ibyangombwa nkenerwa bya buri munsi. Mu buryo nk'ubwo nanone, ibikorwa-remezo nk'amashuri, amarerero mato, amatorero n'amadini bishobora kwemerwa ahagenewe gutura (ariko hagasabwa ahantu hagenewe guparika ibinyabizi ndetse n'ibyuma bigabanya urusaku ngo bitabangamira abahatuye), n'ibindi. Bene ibyo bikorwa bishobora kwemerwa, bibasha kwemerwa gusa nyuma y'isuzuma ryimbitse no guhabwa agaciro n'ishami rishinzwe imiturire mu Mujyi wa Kigali kandi bikajyana n'ibindi bintu runaka tsinda rigenzura risanga ko bikenewe kugira ngo intumbero (intego) y'imitunganirize idakomwa mu nkokora, mu buryo ubwo aribwo bwose.

- **Ibibujijwe gukorwa**: Iyi ni imikoreshereze y'ubutaka yose itemewe mu buryo budasubirwaho kandi ikaba inagaragara ko idahuye rwose n'ako gace. Urugero ni nk'inganda nini zitemewe kubarizwa mu bice byagenewe guturwa.

Ibice bifite inyongera-mwihariko: Muri aya mabwiriza y'ibyiciro by'imikoreshereze y'ubutaka, ibice bifite inyongera-mwihariko bitanga ubwisanzure buruseho n'iyoroherezwa binyuze mu kwemerera Umujyi kurinda ibice bimwe na bimwe hamwe no kubuzanya imitunganyirize y'ubutaka imwe n'imwe. Ibice bifite inyongera-mwihariko ni ibice bishushanyijwe bigerekeranye n'ibyiciro by'imikoreshereze y'ubutaka bisanzwe byarateganyijwe kandi ibyo bice bikaba bishobora gukoreshwa mu gushyiraho amabwiriza adasanzwe yo gukumira, kwemerera cyangwa kubuzanya uburyo runaka bw'ubucucike kimwe no guteganya ibindi byihariye kandi by'ingenzi kugira ngo bifashe kugera ku cyerekezo yifuzwa muri ako gace.

Buri gace kose k'ubutaka kari muri ibi bice bifite inyongera-mwihariko kagomba kuba karebwa n'amabwiriza asanzwe y'ibyiciro by'imikoreshereze y'ubutaka ajyanishwa

n'ibisabwa mu bice bifite inyongera-mwihariko. Igice gifite inyongera-mwihariko gishobora kuba kigizwe n'uduce twinshi ndetse n'uduce duto tw'ibyiciro by'imikoreshereze y'ubutaka byinshi bisanzwe. Ibice bifite inyongera-mwihariko y'ubwikorezi, Inyongera-mwihariko ku gishushanyo cy'Umujyi, Imbibi z'ikibuga cy'indege, ahantu ndangamurage n'ahantu hateguriwe kubungabunga ibidukikije ni zimwe mu ngero z'ibyo bice bifite inyongera-mwihariko.

2.3. Amahame agenderwaho mu kugena ibisabwa ku byiciro by'imikoreshereze y'ubutaka

2.3.1. Iterambere ryihagije n'Umujyi uhamye

Uburyo bwo kwibumbira hamwe kubw'iterambere ry'Umujyi byongerera imbaraga ukwaguka (ugukura) kw'imijyi, imigenderanire irambye, ubufatanye no guhuza mu baturage ndetse no gutegura ahantu ho kuba heza. Kurebera Umujyi mu ishusho y'uruhererekane rw'amateka, biha imbaraga ugukomera, nk'uko bizwi "Ubushobozi bw'uburyo bw'imikorere y'Umujyi, abaturage muri rusange, abantu ku giti cyabo, imiryangoinyuranye ndetse n'ishoramari bibasha gukomeza kubaho bikora ndetse no kugira ubuzima bwiza nyuma y'ibiza n'ibindi bibazo; hirengagijwe ingaruka, ugukomera cyangwa buremere bw'ibyo bibazo."
Aya mabwiriza y'ibyiciro by'imikoreshereze y'ubutaka aha imbaraga ubu buryo kandi agafasha mu gukomera kw'Umujyi wa Kigali, atanga ibyangombwa nyabyo n'ibipimo nkenerwa mu rwego rwo gutuma Umujyi ubasha gukura nk'ahantu hateye imbere, aho ibintu-shingiro: Ibikorwaremezo, Ibigo bya Leta n'iby'abikorera, Ishoramari mu bucuruzi n'imibereho myiza y'abaturage; byose bihabwa agaciro.

2.3.2. Ukudaheza n'uruhare rw'abaturage mu igenamigambi

Ukwishyira hamwe n'uburinganire mu mitegurire ndetse no mu mitunganyirize y'ubutaka bifasha kurema imijyi mu buryo burambye, ifite abaturage bafite ijambo n'uburenganzira kuri buri gikorwa kirebana n'imibereho myiza, iterambere ry'ubukungu, imiyoborere myiza ndetse n'ibijyanye n'umuco; aho bagaragaza ibyifuzo n'ibitekerezo byabo bigafasha gukora umuryango mwiza utuye neza kandi utekanye.

Imitunganyirize y'ubutaka yose igomba guha agaciro ibyifuzo by'amatsinda yose atandukanye harimo abatishoboye n'abafite ubumuga, haba mu itegurwa n'ishyirwa mu bikorwa ryabyo. Uburyo bwo guhuza no gukusanya ibitekerezo buba bugomba gukurikizwa bikanyura mu kwegera abaturage no kubatinyura bakagira uruhare mu itegurwa, itunganywa n'igenzura ku ishyirwa mu bikorwa ryabyo.

2.3.3.Kubaka mu byiciro mu buryo bufasha

Ihame ryo kubaka mu byiciro ryashyizweho muri ano mabwiriza y'ibyiciro by'imikoreshereze y'ubutaka mu rwego rwo gufasha abaturage, bashoramari n'abandi bafatanya-bikorwa gutunganya ubutaka bijyanye n'ubushobozi bw'amafaranga bafite uwo mwanya. Umugambi wabyo ni ukorohereza abantu bose mu mwuka w'ubwisanzure no kwisanga mu bikorwa byose, ntihabeho kugira umutwaro ushingiye ku bushobozi bw'amafaranga ahubwo hakanza gukorwa imitunganyirize ishoboka kandi inoze. Hamwe n'ibyo rero, uburyo bwo kubaka mu byiciro bukozwe ku buryo ibikorwa bindi biba bizaza nyuma, bigomba gufasha kugera ku ngano y'ibikorwa biteganyijwe muri ako gace mu myaka izaza.

Kubaka mu byiciro nabwo bifasha abashoramari guhuza neza ibisabwa ku isoko rya none n'iryo mu gihe kizaza, bikabagabanyiriza ibihombo mu ishoramari kunabafasha kugera ku isoko rusange ryagutse ry'abaturage.
Kubaka mu byiciro biba ari amahirwe yo guhagarika ubundi buryo bw'imitunganyirize y'ubutaka itemewe yose; hashyirwa imbaraga mu gutanga ibikorwa remezo mu buryo bwiza, umurimo unoze n'imikoreshereze y'ubutaka ikwiriye.

2.3.4.Imikoreshereze y'ubutaka ikomatanyije

Nk'umurwa mukuru ugenda ugaragaramo imitunganyirize y'Umujyi itari imenyerewe, ubwiyongere bw'abaturage ndetse n'ihindagurika ry'ubuzima (imibereho) bw'abawubamo; Kigali yigaragaza neza nk'ahantu h'ibanze mu kuzamura iterambere ryibumbiye hamwe. Ibirenze ibyo, amategeko y'igihugu, ingamba n'inama zitandukanye zigaruka ku gusimbuza imiturire isanwe idateguye, iri mu kavuyo kandi icirirtse, igasimbuzwa imikoreshereze y'ubutaka ikomatanyije kandi iri ku rwego rwo hejuru ifasha mu miturire inoze isaba gutuza abantu benshi ku butaka buto.

Amabwiriza y'ibyiciro by'imikoreshereze y'ubutaka yemera kandi agaha imbaraga imitunganyirize y'imikoreshereze y'ubutaka ikomatanyije kandi ivanze mu bice byose mu rwego rwo kurema ahantu hari ubucucike nyabwo, hegeranye kandi habereye amaso ku bantu bo mu ngeri zitandukanye no mu bice bitandukanye. Igice cyose gituwe gikwiriye kugira imiturire inoze (aho kuba heza), Ibikorwaremezo by'ubucuruzi, ndanga-muco n'ibindi bikorwaremezo by'ibanze bikenerwa, ndetse n'inganda n'ibigo bito, biteguwe kandi bihujwe neza (biri ahantu heza) mu rwego rwo gufasha urujya n'uruza rw'abantu n'ibintu. Ibi biha imbaraga ukwishyirahamwe, bikazana imirimo itandukanye hafi y'aho abantu batuye kandi bikagabanya kwirema mo udutsiko n'ivangura mu matsinda atandukanye y'abantu.

2.3.5.Umunyamaguru ku isonga

"Imijyi yose ku isi yose ubu iragenda ibona agaciro n'uruhare byo gukoresha amaguru abantu bagenda kugira ngo abatuye iyo mijyi babashe kugira amagara mazima ndetse no mu iterambere ry'imijyi yabo[1]." (Joe Chestnut, Umushakashatsi muri ITDP, akaba n'umwanditsi w'igitabo cyitwa: "Mbere na mbere umunyamaguru").

Muri Kigali, ibinyabiziga by'abantu ku giti cyabo biracyari bike kandi umubare munini w'abayituye bamwe bagenda n'amaguru cyangwa se bakoresha imodoka rusange. Ibi bituma habaho amahirwe akomeye yo gutegura Umujyi ugendeka kandi worohereza abanyamaguru kandi ukabafasha kugira ubuzima bwiza. Abategura imijyi, Abayishushanya n'abayitunganya baba bakwiriye kwita ku buryo bw'imiturire igendeka n'amaguru kandi ikomatanyirije hamwe ibasha guhuza aho abantu batuye n'ibikorwaremezo rusange, ibice byagenewe ubucuruzi ndetse n'ibyagenewe imyidagaduro.

Igishushanyo-mbonera giteganyiriza Umujyi kwagura uburyo bw'ubucuruzi bwawo budakoresha ibinyabiziga mu mujyi wose kugira ngo ube ufite inzira z'abanyamaguru zuzuye, zikomeza kandi zinatekanye ndetse n'inzira z'amagare; byose bikaba bitanga

umutekano w'ibinyabiziga kandi bikaba byorohereza buri wese mu rwego rwe. Ibishushanyo rusange bikorwa kandi bikemerwa binyuze mu gukuraho inzitizi zose zigaragara no kugena imikoranire myiza kubw'imigenderanire ihendutse.

2.3.6.Iterambere rishingiye ku rujya n'uruza rw'abantu n'ibintu (TOD)

Iterambere rishingiye ku rujya n'uruza rw'abantu n'ibintu rigaragara nk'uburyo bwiza kuri Kigali mu rwego rwo gukomeza kugumana umubare muto w'ibinyabiziga by'abantu ku giti cyabo no kurwanya imiturire itarambye, ishingiye ku bwinshi bw'imodoka kandi y'akajagari. Iterambere rishingiye ku rujya n'uruza rw'abantu n'ibintu ni ingenzi cyane ku kwishyira hamwe, uburinganire no gukomera kw'imijyi by'igihe kirekire. Iterambere rishingiye ku rujya n'uruza rw'abantu n'ibintu kandi ryibumbiye hamwe rizana abaturage hafi cyane y'ibikorwa, imirimo, aho gutura n'ahakorerwa ibikorwa rusange binyuze mu kubagenera uburyo bwiza bwo kubibona; rigatanga amahirwe asesuye n'ubushobozi bw'amafaranga mu buryo bucirirtse no ku giciro cyoroheye buri wese ndetse no kurushaho gukomera ku guhangana n'imihindagurikire[2] y'ibirere n'ibindi biza.

Umujyi ukwiriye kugena uburyo bw'urujya n'uruza rw'abantu n'ibintu bwo ku rwego rwo hejuru, butuje kandi bunogeye buri wese kugira ngo habeho iterambere rirambye. Imikoreshereze y'ubutaka ikomatanyije, imitunganyirize y'ubutaka ibumbiye hamwe kandi yo ku bucucike bwo hejuru, ikaba ihujwe neza ku buryo ifite inzira zifasha kugenda n'amaguru cyangwa igare ndetse ikaba iri hafi y'ibikworwa birimo urujya n'uruza rw'abantu n'ibintu; nibyo byibanze kandi by'agaciro igishushanyombonera gishyiramo imbaraga.

2.3.7.Igishushanyo giteguwe mu buryo burambye

Imitunganyirize yose y'ubutaka ikwiriye gukorwa no gutunganywa hitawe cyane ku bidukikije, hashyirwamo ibikorwa bitabangamira ibidukikije n'igishushanyo giteguwe mu buryo burambye byaba mu buryo bw'igishushanyo cyangwa bw'imyubakire y'inyubako. Bikwiriye kuba ibya mbere kandi by'ingenzi mu rwego rwo gufasha mu myubakire ibasha kugira uruhare mu kurengera ibidukikije, kandi ijyanye n'uko imiterere y'Umujyi igomba kuba iri.

Hagendewe ku mavugurura n'igenzura ku mitunganyirize y'ubutaka mu bice bimwe na bimwe, kandi mu cyerekezo kijyanye n'ibipimo ngenderwaho (GBMC)[3] byo hasi bijyanye n'imitunganyirize y'imijyi, ishami rishinzwe imiturire mu mujyi wa Kigali(OSC) rishobora, mu bwisanzure n'ububasha bwaryo, kugira icyo ryongera ku buso bw'inyongera bw'igorofa, uburemere bw'inyubako, cyangwa ingano y'ubuso bujyaho inyubako, mu rwego rwo kunoza imitunganyirize ngo ibe ihuye n'ikoranabuhanga mu bishushanyo biteguwe mu buryo burambye, rikagena n'ubundi buryo bwose cyangwa ibindi bikorwa bizanira nyungu zidasanzwe baturage batuye mu bice runaka; nk'urugero twavuga ahantu hakorerwa ibikorwa rusange cyangwa hagenewe imyidagaduro.

3

Uru rupapuro ntirugomba kwandikwaho

Ingingo ya 3: Ibisobanuro by'amagambo

Uyu mutwe utanga ibisobanuro by'amagambo akoreshwa mu itegurwa ry'igabanya-byiciro by'imikoreshereze y'ubutaka n'ababwiriza yabyo. Ingero z'ibishushanyo nazo zongeweho, aho bikenewe kugirango hizerwe neza ko Ibisobanuro bwumvikanye.

<table>
<tr><td colspan="2">Imyubakire y'amazu acirirtse – Imyubakire y'amazu acirirtse yateganyijwe mu buryo, mu gihe gito gishoboka cyashizweho (gishobora kuba imyaka 10, 15, 25) nyuma y'uko izo nzu zituwe, ijanisha runaka ry'amacumbi azagengwa n'amasezerano akubiyemo ubwimvikane cyangwa amahame agena uburyo ayo amacumbi azagurishwa cg azakodeshwa ku giciro cyangwa kiri munsi, bityo amazu akazagumana umwimerere w'amazu acirirtse nk'uko byashyizweho n'ibipimo ngenderwaho by'Umujyi wa Kigali. Reba ibisobanura by'amazu acirirtse munsi.</td></tr>
<tr><td colspan="2">Icumbi ricirirtse - Tugendeye ku bikorwa ku rwego mpuzamahanga, icimbi ricirirtse ni inzu yo guturamo aho abayituyemo basabwa kwishyura 30 ku ijana (30%) cyangwa munsi yayo (Ishami ry'umuryango w'abimbumbye ryita ku miturire yifuza 25%) y'ibyo binjiza ku mwaka, aho ibyo byinjizwa biri munsi cyangwa bingana n'ikigereranyo rusange cy'ibyinjizwa n'uwo mujyi. Ku bijyanye n'u Rwanda, ijanisha ry'ibyinjira ku mwaka, cyangwa igiciro kinini ku mwaka gishoboka cyakwishyurwa dufatiye ku nzu icirirtse kigomba gushyirwaho mu buryo budahoraho n'Umujyi wa Kigali cyangwa na guverinoma y'u Rwanda, hifashishijwe amakuru aturutse ku bushakashatsi ku mibereho y'abaturage mu ngo (EICV) cyangwa ubundi bushakashatsi bwemewe n'ikigo cy'igihugu cy'ibarurisha mibare (NISR).</td></tr>
<tr><td colspan="2">Ubuhinzi n'Ubworozi -bworozi: Ikura ry'ibihingwa, iyorora n'iyita ku matungo yo mu rugo, ibiguruka n'inzuki harimo ibikwa, itunganywa n'igurisha ry'umusaruro wibikomoka ku buhinzi n'indabyo n'ibikomoka ku mutungo biri aho ibyo bikorwa bw'Ubuhinzi n'Ubworozi bworozi bikorerwa, uretse ibishobora kuba byakwemezwa n'aya mabwiriza.</td></tr>
<tr><td colspan="2">Inyubako z'Ubuhinzi n'Ubworozi -bworozi n'ibikanka: Inyubako cyangwa ibikanka zikoreshwa ku bijyanye n'Ubuhinzi n'Ubworozi -bworozi, hakubiyemo ibiraro by'amatungo n'ububiko bufunze bw'imashini zihinga, n'igemura ibikoresho byifashishwamo.</td></tr>
<tr><td colspan="2">Inyubako: Igikanka acyari icyo cyose gifite igisenge gifashwe n'inkingi cyangwa inkuta hagamijwe kubakwamo ibiraro, amazu, cyangwa ubwugamo bw'abantu, inyamaswa, cyangwa umutungo w'umuntu ku giti cye.</td></tr>
<tr><td>Inyubako y'ibanze: inyubako izamuwe mu kibanza igamijwe gukoreshwa icyo ikibanza cyateganirijwe gukoreshwa mu byiciro by'imikoreshereze y'ubutaka.</td><td rowspan="2"> 
</td></tr>
<tr><td>Inyubako yunganira: inyubako iyo ariyo yose izamuwe mu kibanza ikaba ari iyunganira inyubako y'ibanze biri mu kibanza kimwe igakoreshwa mu buryo bufitanye isano n'inyubako y'ibanze.</td></tr>
</table>

Inzu iri yonyine - inyubako ihagaze yonyine mu mpande zayo zose nta kindi kiyikikije.	
Inyubako ifatanye n'indi - inyubako ifantanye n'indi zihujwe n'urukuta bisangiye.	
Inyubako zifatanye (hakubiyemo inzu zegeranye/inyubako zo mu nsisiro) - urukomatane rw'inyubako zisangiye urukuta cyangwa inkuta n'izindi nyubako aho nta hasigazwa ku ruhande hateganyijwe, uretse ku mpera/ inguni z'inyubako	
Igice cy'inyubako cyubatse munsi y'ubutaka - Igice cy'inyubako yose cyangwa igice cyayo kiri munsi y'ubutaka gifite byibura aho kimwe cya kabiri cy'uburebure bwacyo buri munsi y'ubutaka.	
Ahateretse inyubako - ijanisha ry'ubuso bw'ikibanza bwicaweho n'igice cy'inyubako y'ibanze gikora ku butaka n'inyubako zose ziyunganira kuri icyo kibanza, harimo n'ubuso bw'igicucucucu gitewe n'igice kirombereje cy'inyubako kirereta hejuru kidafashe ku butaka ariko hatarimo ibi bikurikira: •Agace gasohoka hanze k'idirishya kaharombereje kareshya cyangwa kari munsi y'igice cya metero (0.5 m). •Urubaraza rw'igisenge n'aharombereje h'igisenge harinda izuba. •Ubuso bw'igicucucucu bw'inyubako uhereye ku iforofa rya gatatu gusubiza hejuru (Gushishikariza gutunganya ahagenewe ubusitani ku gice cy'inyubako gikora ku butaka n'ibice bitagaragara neza no guteza imbere inyubako zigerekeranye, n'urusobe rw'inyigo zo guhanga inyubako).	 

Ibara ry'ahateretse inyubako rigomba gushyirwamo ibisanzwe byubatswe byose mu kibanza.	
Ubutumburuke bw'inyubako - Ubutumburukebwose bw'inyubako bupimwe bahereye ku butaka cyangwa ku muhanda ugera ku nyubako kugeza ku igorofa ryo hejuru kuruta ayandi cyangwa ahantu harehare cyane h'inyubako ariko hatabariwemo: •Inkuta zitangira zubatse ku mpera y'ibaraza riri hejuru ku gisenge ztarengeje metero imwe n'igice 1.5m •Igice gisaguka hejuru cy'akazu kagenewe gushyirwamo asanseri, •iminara •Ibyumba byubatse ku gisenge bya serivisi y'igenzura n'isuzuma n'ibiknka. •Ibindi bikanka ibyari byo byose byahawe uruhushya nk'uko byemejwe n'ishami ry'imiturire mu Mujyi wa Kigali Ku buhaname cyangwa ubusumbane b'ahantu, Ubutumburukebw'inyubako bupimwa hifashishijwe igishushanyo kiri munsi.	



Guhindura ikoreshwa: ikoreshwa iryo ari ryo ryose rinyuranye n'icyo inyubako cyangwa ubutaka bwakoreshwaga mbere.

Intera isigara ku nyubako - Intera nto ishoboka (mu buryo bushashe) inyubako igomba kwigizwaho uvuye ku rubibi rw'ikibanza, uretse ibyimurwa cyangwa ibikanka bifite uruhushya.

Intera isigara imbere y'inyubako - intera isigara hato hashoboka hapimwa nk'uburebure bw'umurambararo uturutse ku mbibi ziteganye n'umuhanda z'ikibanza kugeza ku gice y'inyuma ku rukuta rw'imbere rw'inyubako y'ibanze cyangwa urw'inyubako y'unganira.

Intera isigara ha kabiri h'imbere y'inyubako: hasobanura ahakenewe gusigazwa hato hashoboka nk'uko hapimwa uturutse ku murongo w'ikibanza urebana n'umuhanda wundi ugera ku kibanza kugeza kurukuta rwo hanze runini rw'inyubako.

Intera isigara ha kabiri h'imbere y'inyubako: hasobanura ahakenewe gusigazwa hato hashoboka nkuko hapimwa uturutse ku murongo w'ikibanza urebana n'umuhanda wundi ugera ku kibanza kugeza kurukuta rwo hanze runini rw'inyubako.

Ubusumbane bw'ibice bigize inyubako: bisobanuye ingano y'icyo igice kimwe cy'inyubako gisumbyaho ikindi kikiri munsi (hejuru uturutse hasi) Ubusumbane bw'ibice bigize inyubako bufasha mu kurema urukurikirane hagati y'ibice bikoze inyubako.



Intera isigara inyuma y'inyubako: ahakenewe gusigazwa hato hashoboka hapimwa nk'uburebure bw'umurambararo uturutse ku Mbibi z'ikibanza kugeza ku gice cyo hanze y'urukuta rw'inyuma rw'inzu y'ibanze cyangwa urw'inyubako y'unganira kurundi ruhande ahatehanye neza n'umurongo w'ahagana imbere h'inyubako.

Intera isigara ku ruhande: ahakenewe gusigazwa hato hashoboka hapimwa nk'uburebure bw'ubutambike uturutse ku Mbibi z'ikibanza kugeza ku gice cyo hanze y'urukuta rwo ku mpande rw'inyubako iyo ariyo yose y'ibanze cyangwa iy'unganira.	
Icumbi (inzu icumbikira imiryango): Icyumba kimwe cyangwa byinshi byateguwe, bibabwamo, cyangwa bigamije kubabwamo ku buryo bw'umwihariko mwimbere harimo aho gutekera, uburyamo, n'ahakorerwa amasuku.	
Inzu zo guturwamo n'imiryango myinshi: inyubako igizwe n'igorofa rimwe cyangwa menshi ifite amacumbi abiri cyangwa menshi.	
Inyubako ndende yo guturamo: inyubako yo guturamo igizwe n'amagorofa menshi irimo amacumbi atatu cyangwa arenze ku buryo ashobora gutandukanywa	
Ikigereranyo cy'imikoreshereze FAR: ikigabanyo cy'ubuso inyubako imwe cyangwa nyinshi zubatsweho ku ngano y'ikibanza cyose zubatsemo. **FAR** = Ubuso bwahubatsweho ugabanyije ubuso bwose bw'ikibanza	
Ubucucike bw'amacumbi: impuzandengo y'umubare w'amacumbi (amazu acumbikira imiryango) ari kuri hegitare y'ubutaka.	
Ubucucike/bwose: buboneka hagabanyijwe umubare w'amacumbi (Inzu zicumbikira imiryango) yose ari ahantu runaka ku butaka bwose bw'ibibanza byose byaho hantu hagenewe guturwa.	
Amazu menshi ari mu gipangu: ubwoko bw'inzu zo guturamo cyangwa zikorerwamo ibikorwa bitandukanye zifite ahinjiririwa hagenzurwa ah'abanyamaguru, amagare cyangwa ibinyabiziga harangwa cyane n'umuzenguruko w'inkuta n'ibipangu.	
Ubuso bw'igorofa bwemewe (GFA): igiteranyo cy'ubuso bwose bw'umurambararo bwubatswe munzu yose, hapimwa uhereye KU RUHANDE rw'inyuma rw'urukuta rwo hanze cyangwa hagati na hagati y'inkuta zisangiwe cyangwa zihariye. Ubuso bw'igorofa bwemewe bugomba kuba burimo igice cy'inyubako kiri munsi y'ubutaka, ahagenewe ingazi, uduce dusohoka ku nkuta, ahaterekwa vase z'indabyo, ahantu rusange nka hururukirwa na koridoro rusange. Hagomba gukurwamo ubuso bwahubatswe za parikingi.	

Igice cy'inyubako kiri munsi y'ubutaka kidakoreshwa nk'icumbi (inzu icumbikira imiryango) cyangwa ubucuruzi kivanwa mu mibare yo gushaka ubuso bw'igorofa bwemewe. Ubuso mwa metero imwe n'igice cyangwa munsi bwubatsweho ibijyanye n'ikoranabuhanga n'itumanaho buvanwa mu mibare yo gushaka ubuso bwose bwubatwe. Lift shafts and service ducts including the thickness of the walls are counted as GFA once at the ground storey level. Akazu kagenewe kujyamo asanseri n' ahanyuzwa imiyoboro ya servisi z'ikoranabuhanga hakubiyemo n'umubyimba w'inkuta bibarwa nk'ubuso bwubatswe incuro imwe gusa ku igorofa ribanza hasi kubutaka. Inyubako yari isanzweho itagirwaho ingaruka n'indi nyubako nshyashya ishobora kubarwa mu buso rusange bwubatswe bwari busanzwe. Gushaka ubuso bw'igorofa bwemewe ku nyubako nshya bwubatswe hagomba kuba harimo n' ubuso bw'igorofa bwemewe bw'inyubako zari zisanzwe Ubuso bw'ibaraza n'uduce dusohoka hanze ku madirishya bukurwa mu mibare yo gushaka ubuso rusange bwubatswe hagendewe ku ibwiriza ryuko ibarazan'uduce dusohoka hanze tw'amadirishya bitarenga icumi ku ijana 10% by'ubuso bwose bw'igorofa bwemewe bw'inyubako.	
Ubuso bw'ikibanza: ubuso bwose (muri metero kare) buri mu mbago z'ikibanza.	
Ahagizwe n'inyubako: ijanisha ryahagizwe n'inyubako mu kibanza cyangwa ikigabanyo cy'ubuso bwubatsweho (bugizwe n'inyubako) ku buso bwose bw'ikibanza	
Ahatubatswe mu kibanza: ijanisha ry'ubuso bw'ikibanza bugizwe n'ubutaka bworoshye, bisobanuye kandi uburyo	

bwiza bwo kurimbisha ahatubatswe no gutera ibyatsi, indabyo n'ibiti ariko hashobora no kubamo ubuso bw' ubutaka bukomeye bukoreshwa nkahahurirwa muri rusange cyangwa aharimbishwa n'ibintu nk'amasoko y'amazi, ibikoresho by'imirimo y'ubukorikori cyangwa agace ko hanze gatwikiriye ko kuganiriramo.	
Igorofa ihuza ayandi: *ni igorofa nihuza amagorofa abiri ariko rihuzwa n'irindi gorofa riri munsi yaryo kdi ntirigomba kujya ahantu harenze 50% by'ubuso bwemewe bw'igorofa riri munsi yaryo*	
Igorofa nto (P): igirofa rya nyuma riheruka andi ku nyubako rifatanye kandi rihujwe n'ikoreshwa ry'igorofa riri munsi yaryo kdi ntirigomba kujya aharenze 30% by'ubuso bwemewe bw'igorofa riri munsi.	
Inzu iturwamo n'umuryango umwe: Inyubako yo guturamo igizwe n'icumbi rimwe (inzu yo gucumbikira umuryango) kandi ibabwamo n'urugo (umuryango) rumwe.	
Iby'ibanze bikenerwa n'abaturage/ibikorwa rusange: Ibintu n'ahantu hose hagerwa kandi hakoreshwa n'abantu bose nk'ahantu h'imyidagaduro, imyemerere, umuco, imbonezamubano, uburezi cyangwa ahakorerwa ibijyanye n'ubuvuzi.	
Ubucuruzi bucirirtse: ni ubucuruzi (umushinga) ukorewe mu nyubako icumbikira imiryango bukozwe n'uhatuye kandi budakoresha abakozi barenze batanu bo hanze, burengeje ubushobozi ubucuruzi bwo mungo ariko buje ari ubwa kabiri kw ikoreshwa ry'inzu icumbikira imiryango nk'uburyo bwo guturamo kandi butanyuranya n'ibiranga ikibanza cyo guturwamo hagendewe ku bipimo ngenderwaho biherereye muri ayo mabwiriza.	
Akazi gakorerwa mu ngo: ni umushinga (UBUCURUZI) bukorewe mu rugo bukozwe n'urubamo kandi budakoresha umukozi urenze umwe uturuka hanze y'urugo, buza ari ubwa kabiri kw ikoreshwa ry'inzu icumbikira imiryango nk'uburyo bwo guturamo kandi butanyuranya n'ibiranga ikibanza cyo guturwamo hagendewe ku bipimo ngenderwaho biherereye muri ayo mabwiriza.	

Imiturire y'ikomatanya bikorwa (MUN): hasobanurwa nk'ahantu hegeranye h'Umujyi harimo ahantu ho guturwa n'ahakorerwa ubucuruzi, akorerwa ibikorwa bikenerwa muri rusange, imirimo icirirtse n'ahantu hagari hitaruye hagenewe abantu rusange. Imiturire ikomatanije muri rusange amasaha menshi y'umunsi haba hakoreshwa kubwiyo mpamvu kagumana urujya n'uruza mu gice kinini cy'umunsi. Imiturire ikomatanije, ahatuwe, ahakorerwa ubucuruzi n'ahakorerwa ibindi bintu hagaragara nkahegeranye cyane.nti bihuriweho gusanga amaresitora, ahagurirwa ikawa, ahahanagurirwa imyenda, amaguriro agezweho, ububiko bw'ibyuma by'ikoranabuhanga, amavuriro n'ibindi. Ubucuruzi n'ahakorerwa ibikorwa rusange hafasha abaturage bahaturiye kdi hafasha abahaturiye mu byo bakenera bya buri munsi. Bene iyo miturire itanga uburyo bwiza bw'imibereho kubantu mu buryo bwo kubaho n'ibi bazanira inyungu. **Inzu ndende zo kubamo zihuriweho:** bisobanurwa nk'imyubakire yegeranye aho amacumi (inzu zicumbikira imiryango) yigenga asangira umubare runaka w'ahantu n'ibintu bikenerwa muri rusange nk'ibyumba bameseramo, aho barerera abana, amajaride, ibikoni n'aho barira. Ibisubizo by'imyubakire ihuriweho ni ingenzi ku banyeshuri, abanyamwuga bakiri bato, imiryango y'abakiri bato cyangwa abageze muza bukuru.
Kubaka mu byiciro: ni imyubakire ishingiye ku buryo bw'ibyiciro aho bimwe cyangwa ibice by'inyubako n'amazu byubakwa bikanababwamo cyangwa bigahabwa ababikoreramo mbere yuko inyubako cyangwa inzo yose irangira kubakwa, hagendewe kubyangombwa cyangwa ubushobozi bw'amafaranga (amikoro) y'abanyirabyo.
Ahantu hakomwe/hitaruye: ikibanza cyangwa ubuso bw'ubutaka bwashyizwe ku ruhande cyangwa habujijwe kubakwa (hakomwe) cyangwa gushyirwa indi mbogamizi hakubiyemo ahakorerwa imyigadagaduro hakoreshwa cyangwa hadakoreshwa.
Ahagenewe kuruhukira: ahantu rusange hanze hagari hitaruye, muri rusange hatandukanye mu ngano kugeza kuri hegitare imwe (1ha) hakoreshwa nk'ahantu h'ingenzi ho kwidagadurira no gukorerwa ibindi bikorwa rusange ku bahaturiye kandi ni igice cy'ingenzi cyaharuhukirwa muri Kigali. Ahagenewe kuruhukira hagomba kubamo n'ikibuga cy'imyidagaduro. Aha hantu hashobora gukorerwa ibintu bitandukanye harimo imyidagaduro itandukanye bishingiye k'umubare w'abaturage batuye ako gace ndetse n'umuco wabo, amahirwe n'isano bafitanye naho batuye. Ahagenewe kuruhukira hagomba kuba hagerwa n'abanyamaguru, amagare cyangwa imodoka rusange byibura muri metero 500 uhereye aho batuye, kandi hakaba hari uburyo bworoheye abana n'abageze muzabukuru kuhagera.
Aharuhukirwa mu mujyi - ahantu rusange hagari hitaruye hatarengeje hegitare 6 (6ha) hafite ibikorwa rusange hakubiyemo ibibuga by'imyidagaduro, ubusitani, aho guterera, aho kwirukira n'imikino ngoraramubiri cyangwa utuyira, ibibuga bya siporo n'utuyira, ibyumba rusange byo kuruhukiramo cyangwa aho gutemberera hagendewe ku igenamigambi n'ubwiza nyaburanga bugaragara aho hantu.

Imihora itoshye - ahantu hafungutse mu buryo bwa kamere hashobora kuba hari nk'igishanga, umuhora cyangwa umuhanda utatse ubwiza bw'ibimera ku mpande. Usanga hatanga inzira ku banyamaguru n'abakoresha amagare kandi hahuza ahakomye nyaburanga, ah'umuco cyangwa se ibyiza byihariye by'Umujyi.
Ahantu nyaburanga z'ah'ubucuruzi - ahantu hafungutse ubusanzwe hakorerwa ibikorwa byose nk'ubucuruzi buto n' ibiro. Byibura 50% yah o hagomba kuba ari ahantu hapavomye. Igice cyaho kigari gikwiye kuba ari ari ahantu hapavomye, hakoreye ubugeni, imitako ikoze cyangwa se y'ibikorwa bivomera n'amazi, n'ibiti nyaburanga bitondetse neza mu buryo hagati hagiye harimo umwanya.
Inkuta nyaburanga – inkuta zikoze mu buryo bw'ubugeni zihererye ahaca abantu mu buryo bwo kuruhuka no kwishimisha, hari igicucu cyangwa hatwikiriye ariko harimo urumuri ruhagije.
Akayira nyaburanga- ni inzira iherereye mu gice gituwe itwikiriye kandi ifite ibishobora gutangira abantu bayinyuramo mu rwego rwo kubarinda impanuka.
Inzira zihuza inyubako - inzira z'abanyamaguru hagati y'inyubako zishobora kuba mo imbere cyangwa hanze zitanga uburyo bwo kuva mu nyubako nini ujya mu yindi.
Inzu y'imyidagaduro - inzu cyanwa inyubako yateguriwe kdi itunganyirizwa igihe n'ibikorwa by'imikino n'imyidagaduro.
Ahantu hanze hakorerwa imyidagaduro/hakora - ahantu hanze, ibibuga cyangwa inyubako zateguriwe zikanatunganirizwa ibikorwa bijyanye n'igice cy'imyidagaduro, cyane cyane ahantu karemano hateguwe kakorerwa kandi hakenera ibikoresho.
Imyidagaduro - ibikorwa bikubiyemo ibikorwa bidakoresha cyangwa bikoresha gake ibidukikije harimo gutembera, kwicara, kwitegereza, ibibaho cyangwa ameza y'imikino.
Resitora - inyubako zitunganyirizwamo zikanatangirwamo amafunguro (ibiribwa n'ibinyobwa).
Iduka: ni ahantu hagurishirizwa ibicuruzwa, ibyo kurya bifunze cyangwa ibicuruzwa rusange bikoreshwa n'umuntu ku giti cye cyangwa ibiribwa by'ingo kdi hatanga serivisi zijyanye n'igurwa ry'ibyo bicuruzwa.
Imbata y'inzu – igishushanyo kinoze kandi kitaye miterere y'ahantu cy'ibiri cyangwa biteganyijwe mu kibanza cyangwa mu bibanza bias neza n'ibiba byaragenwe kuba aho ngaho.
Igorofa – ni igice cy'inyubako kiri hejuru y'ubutaka kiri hagati yo hasi n'igisenge cyangwa purafo y'inyubako ikurikiraho.
Igice kipakirirwamo – ahantu hihariye ndetse hagenewe guparika mu gihe gito amakamyo Manini ari gupakira cyangwa gupakurura mu rwego rwo gufasha ibikorwa bikorerwa aho.
Parikingi yitaruye umuhanda – Parikingi ya kure y'umuhanda mu kibanza – Igice cy'ikibanza cyagenewe ndetse gishyirwamo parikingi mu kibanza kirimo inyubako iyo parikingi ifasha.

Parikingi yitaruye umuhanda–**<u>Parikingi yitaruye umuhanda isangiwe</u>** - Ikibanza cyagenewe gusa parikingi kiri ukwacyo, aho isangirwa n'abantu bafite ibikorwa bitandukanye cyangwa se bafitanye amasezerano.
Parikingi yo ku muhanda: Parikingi iherereye mu gisate cy'umuhanda unyurwamo wihariye cyangwa se rusange.
Ikibanza cya parikingi– Ubuso bw'ahagenewe guparikwa, ahari inyubako, kure y'umuhanda cyangwa se ahitaruye ahanyurwa.
Parikingi Isangiwe cyangwa ihujwe: Ugusangira parikingi kw'ibikorwa bibiri cyangwa byinshi buri gikorwa gifite igihe kihariye gikoresha iyo parikingi.

Impine

CoK	Umujyi wa Kigali
OSC	Ishami ry'imiturire n'imitunganyirize y'Umujyi (Umujyi wa Kigali n'uturere)
Ex Com	Komite Nyobozi
ESS	Sitation nto y'amashanyarazi
FAR	Ikigereranyo cy'imikoreshereze
G	Igorofa iringaniye n'umuhanda
GFA	Ijanisha ku ikoreshwa ry'ubutaka
P	Igorofa nto (P)
N/A	Si Ngombwa
MUN	Ahantu hatuwe kandi hakomatanyije
LSP	Igenamigambi ry'igabanyabice ry'ikibanza
TDR	Ihererekanya ry'uburenganzira bw'iterambere
IZ	Igice kidaheza
GBMC	Amabwiriza yo kwihuza gushoboka ku nyubako zitangiza ibidukikije
RTDA	Ikigo cy'Igihugu gishizwe ubwikorezi rusange
WASAC	Ikigo gishinzwe gukwirakwiza amazi, isuku n'isukura
REMA	Ikigo cy'Igihugu cyo kubungabunga ibikukije
RURA	Urwego rw'Igihugu ngenzuramikorere
REG	Sosiyete y'u Rwanda ishinzwe ingufu
MININFRA	Minisiteri y'Ibikorwa remezo
TOD	Iterambere rishingiye ku rujya n'uruza rw'abantu n'ibintu
NMT	Ibinyabiziga bidakoresha moteri
RCAA	Ikigo cy'igihugu gishinzwe iby'indege za gisivile
PSZ	Igice rusange gitekanye
ATZ	Igice cyateganyirijwe kuzamuka no kumanuka ku indege

4

Uru rupapuro ntirugomba kwandikwaho

Ingingo ya 4: Ingingo rusange

4.1. Amahitamo y'Umujyi wa Kigali ku ishyirwa mu bikorwa ry' amabwiriza agenga ibyiciro by' imikoreshereze y'ubutaka

Ishami rishinzwe imiturire mu Mujyi wa Kigali rishobora guhitamo mu korosha ubudasa ku mabwiriza agenga ibyiciro by'imikoreshereze y'ubutaka y'ahantu ku handi aho bisaba ko ubudasa mu iterambere ry'aho hantu budasobanya n'intego rusange ziteganywa n'igishushanyo mbonera kandi butazagira icyo buhindura ku miterere rusange, umudendezo, cyangwa se ishusho y'iterambere ry'uduce tuhakikije.

Ubwo bubasha bw'amahitamo bushobora gushyirwa mu bikorwa n'ishami rishinzwe imiturire mu Mujyi wa Kigali mu buryo bukurikira -ariko si aha honyine bugarukiye, nka:

- Imiterere karemano ishobora kubangamira iterambere riteganyijwe kandi bisaba gukora impinduka ku byiciro by' ubutaka, ibikorwaremezo, cyangwa ibiteganyijwe mu gutwara abantu n'ibintu kugirango bihuzwe n'imiterere y'ikibanza (ingero: ubutumburuke, siyansi ijyanye n'amabuye y'agaciro, siyansi ijyanye n'imitembere yamazi kw'isi, ibikorwa n'abantu bitimukanwa bihasanzwe, n'ibindi).

- Andi merekezo yagaragajwe y'ibikorwaremezo cyangwa y'ibindi bikorwa byifashishwa bisaba gusubiramo ibibanza biri mu byiciro by'imikoreshereze y'ubutaka bwagenewe imihanda n'ibikorwa rusange bifasha abaturage abaturage kandi ubu bikaba nta zindi mbogamizi zibitambamiye (ingero: ahantu hagenewe sitasiyo z'amashanyarazi ariko ubu ikaba itakihakenewe, bitewe no guhitamo ahandi hantu hakwiye ibyo bikorwaremezo).

- Ibiteganyijwe cyangwa se ibikorwa bigari by'iterambere bisaba kwitabwaho byihariye bitewe n'umumaro munini bifitiye Umujyi (ingero: ibikorwa rusange bifasha baturage, ishoramari ry'imishinga mini ishobora kwihutisha iterambere mu karere, iteganywa ry'ibikorwa remezo, kubaka inzu zicyiritse nk'uko bisobanurwa muri aya mabwiriza, n' ibindi).

- Ihuza ry'imishinga isaba kuvanga ibikorwa, ubucucike bwo hejuru, izindi nzira z'imbere z'ingendo cyangwa se izindi mpinduka nini zigamije ishyirwa mu bikorwa ry'iterambere ry'imibereho myiza n'ubukungu (ingero: gutangiza ibikorwa byinshi bigamije ubucuruzi kugirango haterwe inkunga yo kubaka amazu acyiritse cyangwa se kugezwaho ibikorwaremezo).

- Ikindi gikorwa cyose cyagaragajwe n'ishami ry'imiturire mu Mujyi wa Kigali ko gikwiriye ndetse cyanemejwe n'Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali cyangwa komite Nyobozi y'Umujyi wa Kigali nk'uko byashizweho n'Itegeko.

4.1.1. Inzira ikurikizwa ku gusaba ko hahindurwa ibyiciro by' imikoreshereze y'ubutaka

Inzira ikurikizwa ku gusaba ko hahindurwa ibyiciro by'imikoreshereze y'ubutaka izashyirwaho n'Umujyi wa Kigali. Igomba kuba nibura ikubiyemo mu byiciro bikurikira:

- Ushaka kubaka agomba kugeza ubusabe bwe mu ishami rishinzwe imiturire mu Mujyi wa Kigali. Amafaranga ya serivisi azashyirwaho n'Umujyi wa Kigali hakurikijwe agiciro k'ifaranga kagezweho.
- Ishami rishinzwe imiturire risuzuma ubusabe kandi rikabwemeza cyangwa rikabwanga.

Igihe impinduka ku byiciro by'imikoreshereze y'ubutaka zifujwe zemewe n'ishami rishinzwe imiturire, ubusabe buzajya bushyikirizwa Komite Nyobozi y' Umujyi wa Kigali kugirango habeho iyemezwa ry'ibanze ubundi bishyikirizwe Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali kugira ngo ibyemeze burundu. Urutonde rw' impinduka ku byiciro by'imikoreshereze y'ubutaka zifujwe, hamwe n'isobanurampamvu kuri izo mpinduka zifujwe, n'ingaruka nziza cyangwa mbi, ishami rishinzwe imiturire rizajya rubishyikiriza Komite Nyobozi n'Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali **byibura mu gihembwe** kugira ngo habeho guhuza n'ivugurura rihoraho ry'ikarita y'igishushanyo mbonera.

4.1.2. Ibyiciro by' ishyirwamubikorwa

Ibyiciro by'iteganyabikorwa rigamije korohereza abashyira mu bikorwa, guha amahirwe menshi iterambere mu gace runaka k'Umujyi kandi hagamijwe kubona ubushobozi buhagije bwo gutera inkunga imishinga yatoranyijwe. Iha guverinoma, imiryango n'abaterankunga ubwisanzure bwo guha amahirwe menshi ibikorwaremezo na serivisi zo mu mujyi zigendana nabyo mu kongera iterambere rikozwe mu buryo bw' ibyiciro.

Imbonerahamwe 0.1: Ibyiciro by'ishyirwamubikorwa

Amabwiriza	
Aya mabwiriza azakurikizwa ku: • Uduce twose/ahantu turi mu byiciro by' ubutaka biteganyijwe muri 2050 muri Kigali.	
Ibikurikizwa	**Icyitonderwa**
a)Umujyi wa Kigali kandi ushyire mu bikorwa igishushanyombonera, nk'uko ibyiciro by'ishyirwa mu bikorwa ribiteganya, mu buryo bukurikirana, kugirango habeho iterambere rirambye kandi ryateguwe neza. Mu ntangiriro za buri myaka 7 y'ingengo y'imari, Umujyi wa Kigali uzajya utangaza ku mugaragaro icyiciro kizajya gishyirwa mu bikorwa muri icyo gihe. b)Ikurikirana ry'iterambere rizazirikana ko ibyiciro bikurikizwa bishobora gukenera koroshywa hagamijwe gutanga ibisubizo ku bikenewe ku isoko. Umujyi wa Kigali uzashyira imbere ibikorwa by' iterambere n'igenamigambi ry'ubukungu, gushora, hakurikijwe ibiteganywa na gahunda y'iterambere y'imyaka 7 kugirango hakorwe ibikorwaremezo bifite ireme. c)Guha amahirwe menshi ibikorwa biteza imbere ibikorwaremezo kuri buri cyiciro cy'ibikorwa, bizajya bigendera kuri gahunda y' imyaka 7 ya guverinoma kugirango hitabwe ku mahitamo y'ingenzi n'imirongo ngenderwaho y'ibanze yagenwe nagahunda ya guverinoma y' imyaka 7.	Kurikiza ibyiciro by'ishyirwamubikorwa

d) Gahunda yo kwegereza ibikorwaremezo na serivisi bizashyirwa mu bikorwa mu byiciro. N'ubwo buri cyiciro cy'ibikorwa kizaba gifite ibikorwaremezo bihagije n'ibindi bikorwa rusange bifasha kugirango buri cyiciro kibe gifite umwihariko wacyo, n'ubwo ntakindi cyiciro gikurikiraho cyakozwe. e) Guha amahirwe ibikorwa by'iterambere muri buri cyiciro cy'ibikorwa bizita, ku kwimura abantu, uburyo bwifashishwa mu micungire y'ubutaka, inkunga ziboneka, n' imirongo ngenderwaho n'amategeko, bishobora gukenerwa.	
Ibice biteganyijwe gushyirwa mu bikorwa mu byiciro bikurikira	**Icyitonderwa**
a) Ibice biteganyijwe gushyirwa mu bikorwa mu byiciro bikurikira bizakomeza kugendera ku mikoreshereze y'ubutaka isanzwe kandi nta kindi gikorwa kizemerwa cyangwa kizahabwa uburenganzira kugeza igihe Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali itangaje ku mugararagaro itangizwa ry'icyo cyiciro (Reba kuri "d" hano munsi mu iyoroshya ry'ishyirwa mu bikorwa mu byiciro bikurikira mbere yo kubitaha) b) Iyemeza mu buryo bwemewe n'amategeko inyubako zujuje ibisabwa, ibikanka n'ikoreshwa ryabyo, bizakomeza kugendera ku bikorwa bisanzwe kandi bishobora gusabirwa impushya zo kuvugurura cyangwa zo kubaka ku rwego rw'ishami ry'imiturire mu Mujyi wa Kigali mu gihe ibiri gukorwa bigendanye n'icyo ubutaka bwateganyijwe gukoreshwa hamwe n'ubucucike mu byiciro by'imikoreshereze y'ubutaka biteganyijwe mu cyiciro cy' ibikorwa byateganyijwe. c) Iyemeza mu buryo bwemewe n'amategeko ibikorwa by'iterambere bihasanzwe bitujuje ibisabwa bishobora gusabirwa impushya zo kuvugurura nk'uko byagenwe n'aya mabwiriza mu gace ka **4.3**. d) Gushyigikira iterambere ry'ubukungu mu bice byose by'Umujyi kandi hanacungwe umuvuduko w'iterambere ry'Umujyi, umwihariko mu byiciro by'ishyirwa mu bikorwa ushobora kwemerwa ku mpamvu zikurikira: • Kugeza amazu acirititse mu bice by'ikomatanyabikorwa (MUN) nk'uko bisobanurwa muri aya mabwiriza. Inyubako zemerewe kubakwa zizajya zigena nibura 30% y'amacumbi acirititse hakurikijwe ibisobanuro bikubiye muri aya mabwiriza. • Umushinga y'igerageza mu byiciro by'imikoreshereze y'ubutaka bya R1B, R2, R3. Bene izo nyubako	

zishobora gutangirwa uburenganzira n'ishami rishinzwe imiturire mu Mujyi wa Kigali mu gihe nibura 50% y'amazu yubatswe cyangwa se ibibanza byakoreshejwe byujuje ibisabwa ku mazu acirirriritse biri muri aya mabwiriza cyangwa se byunganiwe mu buryo ubwaribwo bwose. •Ibikorwaremezo bigenwe, ubucuruzi, inganda, cyangwa se imicungire y'ibikorwa bifitiye akamaro Igihugu cyangwa se Akarere. •Imishinga y'amazu aho iterambere rikozwe mu byiciro rishoboka. e) Umwihariko wose wagaragajwe mu gika cyo hejuru ushobora guhabwa uburenganzira gusa mu gihe hari ibigenderwaho bikurikira: •Ukwiyemeza binyuze mu nyandiko ko ukora ibikorwa azishingira agaciro k'ibikorwaremezo n'imihanda kandi ko nta busabe bundi azatanze ku Mujyi wa Kigali. Ibi ntagaciro bizagira igihe Umujyi cyangwa ikindi kigo cyangwa abaterankunga bazatera inkunga cyangwa se bagatanga amafaranga y'inkunga nk'icyemezo cy'ubufasha. •Ibikorwaremezo byigenga (isukura, igutunganya ry'amazi yanduye, n'ibindi) bifite uburyo busobanutse bugamije guhuza uburyo busanzwe bukoreshwa n'ibikorwaremezo byo mu gihe kizaza byegerejwe abaturage. •Ukwiyemeza bikozwe mu nyandiko ku batanga amashanyarazi n'amazi, mu guhuza umidugudu mushya n'imiyoboro isanzwe. •Ukwiyemeza bikozwe mu nyandiko kw'ibigo bishinzwe gutwara n'ibintu mu gushyiraho bubwikorezi rusange bufite urwego rwiza rwo gutanga serivise nziza kandi zinoze ku mudugudu mushya.	

4.2. Ibikorwa byakozwe bitakijyanye n'aho biherereye

Ibikorwa bitajyanye n'aho biherereye ni ibyari bisanzwe byarakozwe, bidahuye kandi bitajyanye n'amabwiriza mashya agenga ibyiciro by'imikoreshereze y'ubutaka (ingero: Inganda zubatse mu bice byateganyijwe guturwa). Amabwiriza agenga ibyo yaratanzwe mu kubiha uburenganzira bwo kuhaguma ariko hagakumirwa ibindi bikorwa bimeze nka byo bishobora kuhashyirwa. Amabwiriza agamije gushyiraho umwihariko w'ahantu no gusigasira ubuzima buzira umuze, kugira umutekano n' ubuzima bwiza muri rusange.

Imbonerahamwe 0.2: Ibikorwa bitajyanye n'aho bisanzwe biri

	Amabwiriza	Icyongerwaho
Ibigenderwaho mu isuzuma	**Ibikorwa bitajyanye n' aho biherereye** • Ibikorwa bitajyanye n'aho biherereye ni uburenganzira bwo gukoresha umutungo mu buryo bwakabaye ubundi bubangamiye ibigenderwaho cyangwa bidahuye neza n'ibiteganyijwe mu n'amabwiriziza y'ibyiciro by' imikoreshereze y'ubutaka bw'aho. Kubihakorera byemewe kuberako nyir' ubutaka yari asanzwe akoresha ubutaka cyangwa se inyubako na mbere yuko ibyiciro by' imikoreshereze y'ubutaka bishya bitangira Gushyirwa mu bikorwa. Ibikorwa bitajyanye naho biherereye bifatwa nk' "ibitarebwa n'itegeko rishya" ku kiranga icyo ubwo butaka bugenewe gukoreshwa. Mu kumenya ibikorwa bitajyanye naho biherereye, ibyo bikorwa bigomba kuba byarakomeje gushyirwa mu bikorwa bitajyanye n'aho biherereye. **Inyubako zisanzwe zahawe uruhushya ariko zitajyanye n'ibiteganyijwe aho ziri** • Amavugururа ya ngombwa mu gusigasira inyubako zemewe zisanzwe zihari ariko zitakijyanye n'aho ziri n'ikoreshwa ryazo mu buryo bwiza no gusana bizajya bihabwa uburenganzira igihe bikozwe gusa mu rwego rwo gusigasira umutekano wo gukoresha iyo nyubako, harimo kuvugururа ibikorwa byifashishwa mu isuku n'isukura, igisenge, gukomera kw' imiterere y'inyubako. Ntabwo byemewe kubaka indi nzu hejuru yiyari isanzwe ihari (itaje) itakijyanye n'igihe. **Guhindura inzu yagenewe guturwamo iyo gukorerwamo indi mirimo** • Guhindura inzu yagenewe guturwamo iyo gukorerwamo indi mirimo bizasuzumwa n' ishami rishinzwe ubutaka n' ibikorwaremezo mu mujyi wa Kigali. Isuzuma rizashingira kuri ibi bikurikira: • Kuba hafite aho baparika ibinyabiziga hujuje ibisabwa ku nyubako zitari izo guturamo cyangwa se hagaragajwe neza ahandi baparika hafi y'iyo nyubako (parikingi yo ku muhanda cyangwa se parikingi ihuriweho). • Gusuzuma niba nta ngaruka zatezwa n'ibikorwa bishya bigiye kuhakorerwa.	

	Amabwiriza	Icyongerwaho
	• Gukumira guhindura cyane isura y'inyubako bishobora kugira ingaruka mbi ku isura nziza isanzwe iranga ako gace. **Kwangiza, Gusenya, cyangwa Guhagarika ikoreshwa** • Ukwangiza cyangwa gusenyuka kw'inyubako itajyanye n'aho iri birenze 25% y'agaciro kagaragajwe k'iyo nyubako, ikoresha ry'iyo nyubako rirahagarikwa, noneho hakubakwa ibihura n'ibisabwa gukorerwa aho hantu. • Iyo iyangirika cyangwa isenyuka ry'inyubako itajyanye n'aho iri bitarenze 25% y'agaciro kagaragajwe k'iyo nyubako, iyo nyubako ishobora gusanwa, igihe byagaragajwe ko itazongera urwego rutuma itajyana n'igihe. • Iyo inyubako itajyanye naho iri ihagaritswe gukoreshwa mu gihe kirenze imyaka ibiri, cyangwa se hari icyaricyo cyose yakoreshwaga gihagaritswe, nyuma yaho hazakoreshwa gusa bijyanye n'ibigenderwaho bigezweho. Ariko, ibi ntibizakurikizwa mu gihe cy'intambara, guverinoma cyangwa se imishinga ivuguruye y'ibigo bya leta n'ingorane ku bakozi. **Gusesa:** • Ikoreshwa ry'ibidahuje rishobora gukomeza mu gihe cy'imyaka 5 (5) uhereye igihe byatangajwe mu igazeti y'amabwiriza y'ibyiciro by'imikoreshereze y'ubutaka mu cyiciro cya mbere cyangwa imyaka itanu nyuma y'imurimurika ku mugaragaro y'ibyiciro bikurikiyeho. Nyuma y'icyo gihe, ikoreshwa ry'ibidahuje bizaseswa, hanyuma ikoreshwa ry'ibihuje bizashyirwa mu bikorwa, uretse icyemezo cyihariye gitanzwe n'ishami ry'imiturire mu Mujyi wa Kigali.	

4.3. Ahantu hatuwe ntavogerwa

Ahantu ntavogerwa ntabwo hatanga amahirwe y' ubusabane hagati y' abantu no kwibonanamo kw'abahatuye, bituma hakurara ikintu cyo kuba ba nyamwigendaho mu muryango mugari, ivangura no gutandukana ku duce tw' Umujyi bitewe no gufunga utuyira tuduhuza, mu buryo bugaragarira amaso no mu maranga mutima. Ntabwo bahuriza hamwe bigatuma hakomeza kwaguka itandukaniro riri hagati y' ibyiciro by' abakene n'abakire. Igishushanyo mbonera cy' Umujyi wa Kigali cyubakiye mu kwisanganamo, guhuza ubumwe, kubana na bose kandi kuri iyi mpamvu, nta hantu ntavogerwa, keretse hari impamvu yihariye nyuma y' isesengurwa ry' ishami rishinzwe

ubutaka n' ibikorwa remezo mu mujyi wa Kigali (CoK OSC) no kwemezwa na Komite Nyobozi, hazashyirwaho ku butaka bw' Umujyi.

Imbonerahamwe 0.3: Ahantu ntavogerwa

Amabwiriza	
Aya mabwiriza akurikizwa aha: Ibyiciro by'imikoreshereze y'ubutaka bwa genewe guturwa n'ibikorwa bikomatanye birenze ingano ya ha 1 (hegitari imwe)	
Ibigenderwaho	**Icyitonderwa**
Umujyi wa kigali ntabwo uzigera wemera ko habaho ahantu ntavogerwa mu hantu ahariho hose hashya hagiye gushyirwa ibikorwa, kugirango hasigasirwe ibihuza abantu bo mu bice byose bigize Umujyi kandi himakazwe guhuza abantu banyuranye. Inkuta zitabonerana zirengeje metero imwe n'igice (m 1.5) ujya hejuru ntabwo zizemerwa, kugirango habeho ahantu hagaragara neza kandi umuntu abashe no kureba mu muhanda. Inzitiro zibonerana ni zo zonyine zemewe hejuru y'uburebure bwemewe bw'urukuta. Ahantu harindiwe umutekano mu nyubako nini hashobora kwemerwa gusa ku gice gito gishoboka, mu buryo bwihariye bitewe n'umutekano wihariye ukenewe, nyuma y'isuzuma ryimbitse ryakozwe n'ishami rishinzwe imiturire mu Mujyi wa Kigali. Ahantu hari hasanzwe ari ntavogerwa cyangwa ahari ibikorwa by'iterambere byitaruye harengeje hegitari imwe (ha 1) hazavanwa imbogamizi cyangwa ibibangamye byose, kugirango horoshywe urujya n'uruza mu mujyi, mu gihe cy'umwaka umwe kuva ku itariki aya mabwiriza yatangiye kubahirizwa. Ahantu ntavogerwa hakumiriwe (hari munsi ya ha 1) hashobora kugaragazwa mu gihe hari ahantu hari umutekano wihariye cyangwa se hari abahahejwe ariko hari impamvu ifatika isobanura iryo vangura	Mu gihe hagenzurwa ko wujuje ibisabwa ushaka uruhushya rwo kubaka no mu gihe cy'ishyira mu bikorwa.

4.4. Uburyo bwo kubaka mu byiciro

Kubaka mu ibyiciro bizafasha mu guha isura uduce tw'Umujyi nk'amahitamo y'Umujyi wa Kigali wose kugirango hagabanuke kubaka inzu nkeya ziharira ubuso bunini zitatanye hagashyigikirwa inyubako zegeranye kandi zakira ibikorwa byinshi.

Kubaka mu byiciro hagamijwe iyoroshya mu iterambere ry'Umujyi n'imyubakire y'amazu, bitanga igisubizo ku imibereho y'abahatuye, ibyifuzo n'ibyiyumviro byabo, n'ubushobozi bw'abafatanyabikorwa, harimo na guverinoma. Bitanga amahirwe mukugenzura

iterambere rikozwe mu buryo butemewe, bitanga uburyo nyabwo bw'ibikorwa remezo no gutanga serivisi n'ikoreshwa neza ry'ubutaka.

Imbonerahamwe 0.4: Uburyo bwo kubaka mu byiciro

	amabwiriza	**Icyitonderwa**
AHANTU HAGENEWE GUTURWA	o Umujyi wa kigali uzafasha kubaka mu byiciro by'Umujyi n'imyubakire binyuze mu byiciro by'igishushanyo no gushyira mu bikorwa iyo gahunda y'iteganya bikorwa n'imishinga. o Umujyi wa Kigali uzafasha mw'iteganya ry'ubutaka, aho bikenewe binyuze mukongera kubuhindura / n'uburyo bwo kubuhuriza hamwe (reba mu gice cya 7.2) o Inzu zose z'ubushobozi bugereranyije zigomba kuba zakifashishwa mu buryo bwo (ubufasha, inguzanyo mu gihe gito, inguzanyo mu gihe kirekire n'ibindi) mu gufasha ba nyir' amazu mu kwiteza imbere no kubaka amazu yabo mu byiciro. o Umujyi wa Kigali ugomba gushishikariza abafatanya bikorwa mu iterambere, Leta, ibigo by'ishoramari, imiryango itegamiye kuri Leta (aho bikenewe) n'abo bifitiye umumaro, mu bufatanye mu gutera inkunga ikenewe muburyo bwo kubaka mu byiciro. o Umujyi wa Kigali kandi ugomba kwemerera ba nyir' ubutaka mu gutangira kubaka mu byiciro no kuvugurura bijyanye n'ibyifuzo byabo no kubona ubushobozi. Inzu zizemererwa kubakwa no kuvugururwa mu byiciro bijyanye n'ubushobozi kugirango hashyikwe ku byiciro bisabwa na FAR kandi n'ubucucike buteganywa n'ibisabwa mu byiciro by'imikoreshereze y'ubutaka. o Ba nyir' ubutaka/Ababubyaza umusaruro bagomba gutanga ubusabe bwo kubaka berekana mu buryo nyabwo: o Imbata ya nyuma y'inyubako iteganyijwe, umubare ugereranije wa GFA, yujuje ibyo parikingi zisabwa kandi igaragaza ukudacucika aho biherereye ngombwa; o Gahunda y'ibyiciro iteganyijwe isobanura neza ibyiciro byo kubaka biteganijwe n'igihe	

	cyateganijwe cy'iterambere. Umujyi wa Kigali ushyiraho imbonerahamwe mu buryo buboneye y'imishinga yemejwe kubakwa mu byiciro kugira ngo byoroshye ikurikiranwa ry'ishyirwa mu bikorwa ryayo. o Ubusabe bw'impushya zo kubaka bushobora kandi gutangwa na koperative cyangwa amatsinda hifashishijwe imbata ihuriweho mu kubaka inzu nyinshi. Amashyirahamwe y'Ahababahanga mu guhanga inyubako n'abahanga mu by'ubwubatsi bashobobora kunganira muri iki gikorwa. o Abagenerwa bikorwa bazemererwa gufata amazu, bigendeye kuburyo busanzwe, bikazabafasha nanone kuvugurura mu ibyiciro nk'uko byateganijwe ugendeye ku bushobozi bwabo binyuze mukuzigama, inguzanyo nto kandi z'igihe gito, ibimina n'ibindi. o Umujyi wa Kigali ugomba gukurikirana ko iyubakwa mu byiciro bikorwa neza mu mucyo hatangwa ubufasha mu by'ubumenyi (aho bihererereye ngombwa), higishwa ibigendanye n'ubuzima n'umutekano w'ahakorwerwa imirimo y'ubwubatsi ndetse bigakorwa mu buryo bunoze. o Gutesha agaciro biteganyijwe n'urwunge rw'amategeko agenga imyubakire bishobora gukorwa n'ishami rishinzwe imyubakire mu Mujyi wa Kigali (CoK-OSC) mu gihe uko gutesha agaciro bituma ikiguzi cy'imirimo y'ubwubatsi kigabanuka kandi mu gihe bitabangamiye umutekano w'iterambere muri rusange. o Umujyi wa kigali ku bushake bwawo ku bufatanye n'ikigo gishinzwe imiturire mu Rwanda (RHA) bashobora gutanga ubufasha mu bumenyi ngiro no mu mafaranga (binyuze mu byemejwe mu gishushanyo cyemewe, inkunga za Leta, inguzanyo y'igihe gito n'ibindi.) ku miryango idashobora kubona ibikoresho by'ibanze byo	

	mu nzu ku giti cyabo. o Umujyi wa Kigali (CoK) ugomba gukurikirana ko kuvugurura mu byiciro inzu zisanzwe zo guturamo bikorwa hubahirijwe ingamba zisabwa z'umutekano ku bahatuye. Igihe cyose ibikorwa byo kuvugurura mu byiciro bishobora guteza ibyago cyangwa kugwira abayirimo, ishami rishinzwe imyubakire mu Mujyi wa Kigali (CoK-OSC) rishobora kubasaba kwimuka by'igihe gito	
AHANTU HATAGENEWE GUTURWA	• Umujyi wa Kigali wemerera banyir'ubutaka gukoresha ibice by'utaka ibindi bikorwa bitari ibyo gutura (ibikorwa by'ucuruzi, ibikorwa byinshi bitandukanye) ibikorwa bijyanye n'ibyifuzo byabo, bishobora gutanga umusaruro. Inyubako zubucuruzi cyangwa ibindi bikorwa bitandukanye zemerewe kubakwa mubyiciro bijyanye n'ubushobozi kugirango hashyikwe kuri FAR n'ingano ijyanye n'ubwiyongere bw'abaturage nk'uko byateganyije mugace. • Abateza imbere/ba nyir' amazu, bemerewe gufata inyubako bagakora ibikorwa, ku gace ka nyuma karangiye k'inyubako. Bikazabemerera kuvugurura mu byiciro hashingihwe kubushobozi bafite. • Nta muntu ukodesha, nyir'ubutaka, ukoresha ubutaka, cyangwa undi muntu uwo ari we wese ugomba kuba atuye cyangwa akoresha igice cy'inyubako mu gihe cy'imirimo yo kuyivugurura keretse abiherewe uruhushya n'ishami rishinzwe imyubakire mu Mujyi wa Kigali (CoK-OSC) nyuma yo kwerekana neza no kugagarwagazwa na nyir'ubutaka, ko imirimo yo kuvugurura izakorwa mu buryo butateza ibyago ibyo ari byo byose abakoresha inyubako. • Ba nyir' ubutaka/Ababubyaza umusaruro bagomba gushyikiriza ubusabe bwo kwemererwa kubaka berekana: oIgishushanyo cyifuzwa cy'inyubako, GFA ikenewe igaragaza ibyo parikingi zisaba kandi ntoya aho bishoboka oIteganya byiciro ryerekana ibyiciro byo kubaka biteganijwe n'igihe cyateganijwe ku iterambere. • Inyubako zo hagati ntizishobora mu buryo ubwo aribwo bwose kugaragara zituzuye, zikirikubakwa	

	zitarangiye neza kubakwa bishobora kwangiza ubwiza n'imiterere y'inyubako biri kumwe.	
UBURYO BWO KUBAKA MU BYICIRO	Ibiishushanyo byerekana uburyo bwo kubaka mu byiciro:  	

4.5. Ahatangirwa serivisi n'ibikoresho.

- Nta bubiko bwo hanze buzemerwa muri buri gace.
- Amerekezo yemewe y'ububiko bwo hanze bwanzwe bushobora kugenwa n'ishami rishinzwe imiturire mu Mujyi wa Kigali, nyuma yo gusuzuma ubusabe bw'ibizubakwa.
- Ku kigereranyo ibigega by'amazi n'ibikoresho by'amamashini bigomba gushyirwa i ruhande cyangwa inyuma y'inyubako.
- Ku kigereranyo cyangwa ahaterekwa ikigega cy'amazi hejuru y'inyubako, ibikoresho by'amamashini, n'iminara y'itumanaho n'ibikoresho byayo, ntibigomba kugaragarita abari mu muhanda kandi bigomba kuba byatoranyijwe n'ishami rishinzwe imiturire mu Mujyi wa Kigali.
- Ku bikorwa by'ubucuruzi cyangwa inganda, aho gupakirira (niba hahari) hagomba kuba hahererey e inyuma cyangwa ku ruhande rw'inyubako. Mu gihe inyuma y'inyubako harebana n'aho gutura, ahantu ho gupakirira hagomba kuba haratoranijwe neza ku buryo hatagaragarira abahatuye.
- Aho gupakirira hagomba kuba hazwi neza mu mibare n'igishushanyo, ugereranyije n'ibikorwa by'ubucuruzi biteganywa gukorerwa mu nyubako. Ishami rishinzwe imiturire mu Mujyi wa Kigali rifite uburenganzira bwo gushyiraho ahandi hantu ho gupakirira cyangwa gusubiramo igishushanyo cyateganyijwe.

4.6. Uburyo bwo kugera ku bibanza

Igenamigambi ry'ibyiciro by'imikoreshereze y'ubutaka ryerekana uburyo bwo kugera ku kibanza kugeza ku rwego rw'umuhanda muto. Ni inshinga z'ishami ry'imiturire mu Mujyi wa

Kigali, rifatanyije n'inzego z'ibanze, mu gukora ibishushanyo mu buryo burambuye by'ibice bituwe mu rwego rwo koroshya uburyo bwo kugera ku bibanza byose cyangwa itsinda ry'ibibanza bihuje umuhanda umwe. Imihanda yo muri ako gace gatuwe yose igomba kuba isobanutse kandi igaragara mu gihe cyo kwemeza. Mu kuyoborwa ndetse n'ubufasha bw'Umujyi wa Kigali, ibibanza byegeranye bigomba guteganya umuhanda ubigeraho ufatiye ku butaka buhegereye, aho nta muhanda wari uhasanzwe.

Mu gihe ubwo buryo bwo kugera ku bibanza budashobotse ku mpamvu zo kutagabanywa kw'ikibanza, birasaba ko ba nyir' ubutaka bo mu gace runaka batangira gukosoza, guhuza, cyangwa gushyira hamwe ibibanza byabo, mu rwego rwo koroshya uburyo bwo kugera ku bibanza byose byo muri ako gace.

Aho igishushanyo cyo kugabanyamo ibibanza gisabwe n'Umujyi wa Kigali, mbere yo kwemeza uruhushya rwo kubaka, nta ruhushya rwo kubaka rushobora gutangwa, kimwe no ku kibanza gikora ku muhanda, cyereka mu gihe igishushanyo cy'ibibanza cyatanzwe kandi kikanemezwa kerekana uburyo bwo kugera ku bibanza byose muri ako gace.

4.7. Iteganywa ry'ubucuruzi bucirirtse.

Uduce twatoranyijwe two guturamo (reba umutwe wa 5) byari byaremejwe mbere n'ishami rishinzwe imiturire - twemerera abaturage badutuyemo kujya mu bikorwa by'ubucuruzi bikorewe nzu yo guturamo ariko batarengeje abantu batanu (5) cyangwa abakozi batahatuye, ku buryo ibikorerwa aho atari byo by'ingenzi byahagenewe kuhakorerwa kandi bidahindura imiterere y'inyubako zo guturamo, kandi bishamikiye ku bipimo ngenderwaho byagaragajwe muri aya mabwiriza.

Imbonerahamwe 0.5: iteganywa ryubucuruzi bucirirtse

	Amabwirizas	**Icyitonderwa**
Ibigenderwaho mu isuzuma	• **Ibibujijwe mu guhindura umwimerere:** o Birabujijwe guhindura umwimerere w'inyuma ku nyubako yo kubamo ugamije gukora ubucuruzi ataribyo yagenewe o Birabujijwe gukoresha igice kirenga na 30% by'ubuso inyubako iteretsemo mu bikorwa by'ubucuruzi. o Aho ahantu hatwikiriwe n'igice cy'inyongera-mwihariko O-C2, amabwiriza ya O-C2 arakurikizwa. o Ibikorwa by'ubucuruzi bucirirtse bikorerwa ku nyubako yo hasi gusa • **Ingaruka z'urunyurane rw'abantu n'ibinyabiziga:** o Ibikorwa by'ubucuruzi ntibigomba kuzana Umubare mwinshi w'abantu cyangwa ubucucike bw'ibinyabiziga ku bintu	

	bihakikije cyangwa ahantu byegeranye. o Kwemerera abantu batarenze 5 badatuye muri ako gace kuhakorera. o Parikingi zindi zitari izo ku muhanda zinyongera zizateganywa kuri buri metero kare 200 z'ubuso bw'inyubako iteretsemo hakoreshwa ku ruganda rucirirtse. • **Ibikorwa byemewe:** o Itunganya n'ibikwa ry'imbuto n'imboga. o Ikorwa ry'ibikomoka kw'ifarini o Idoda ry'imyenda y'uruganda o Imirimo yo kurangiza kudoda imyenda y'uruganda o Ikorwa ry'imyenda y'indondo zisobekeranye kandi idozwe n'inshinge z'ibyuma o Ikorwa ry'ibintu bikozwe mu nganda o Ikorwa ry'amatapi akomeye n'ayoroshye o Ikorwa ry'imyenda o Ikorwa ry'ibikapo, amasakoshi n'ibindi bisa nkabyo, intebe n'imigozi bikoreshwa ku ifarashi o Ikorwa ry'inkweto o Ivubura ry'impapuro na serivisi y'imirimo ijyanye nabyo o Ikorwa ry'imiringa, ahakorerwa imiringa n'ibijyanye nabyo o Ikorwa ry'imikino n'ibikinisho o Udushya, ubugeni n'ibikorwa bishimisha. Ishami ry'imiturire mu Mujyi wa Kigali rishobora kuvugurura cyangwa guhindura uru rutonde bitewe n'impinduka mu miterere y'ubukungu by'Umujyi cyangwa agace kihariye.	

	• **Ibikorwa bibujijwe:** o Ibikorwa by'ishoramari bitemewe, cyangwa bitubahiriza amategeko, cyangwa imyitwarire o Ibikorwa by' ishoramari bigomba kuba bitumvikanisha urusaku, umwotsi, umunuko, ubutabire/amazi yanduye, cyangwa umukungu bishobora kwakangiza. o Ububiko cyangwa ikoreshwa ry'ibikoresho by'ubutabire cyangwa ibindi bintu byangiza birabujijwe. o Ntagikorwa cy' ishoramari kibangamiye cyangwa gisebya abaturage kemewe • **Ibikenerwa mukwirinda:** o Ibikorwa by'inganda zicyiritse bigomba kuba byubahirije amategeko yashyizweho yo kwirinda inkongi.	

4.8. Ibiteganywa mu nzu yo guturwamo

Uduce twose two gutura twemerera abahatuye kuhakorera ibindi bikorwa igihe kirekire gishoboka ariko ubutaka bukomeza kuba ubwoguturwaho, n'ibindi bikorwa byateganijwe kuhakorerwa byujuje ibisabwa n'ibibujijwe nkuko bigaragara mu mabwiriza.

Imbonerahamwe 0.6: Ibiteganywa kunzu zo guturwa

	Amabwiriza	**Icyitonderwa**
Ibishingirwaho mugusuzuma	• **Uburyo n'uburenganzira bwokugenzura bw'ishami rishinzwe ubutaka n'imiturire:** o Inzu zo guturamo ntibisaba kubanza kwemezwa n'Umujyi wa Kigali cyangwa ishami ry'akarere rishinzwe ubutaka n' imiturire. Ariko mugihe inyubako igiye gukoreshwa ibindi bikorwa cyangwa ishora mari ritateganyijwe bigomha kumenyeshwa ishami ry'akarere rishinzwe ubutaka n'imiturire. o Abagenzura baturutse mu ishami rishinzwe ubutaka n' imiturire kubushake bwabo basura ibikorwa bakareba niba byubahirije amategeko. • **Ibibujijwe muguhindura umwimerere:** o Birabujijwe guhindura umwimerere	

	w' inzu yogutura ugamije gukora igikorwa cy'ishoramari kitateganyijwe. o Birabujijwe gukoresha 25% cyangwa metero kare 20 –ubucye ubwaribwo bwose bw'igorofa yo guturamo mubikorwa by'ishoramari. • **Ibisabwa bya parikingi** o Kwemerara abantu baterenze umwe batahatuye gukorera muri ako gace o Gushyiraho parikingi zo k' umuhanda kuri buri metero kare 200 y'igorofa ikoreshwa nka biro. (reba igishushanyo 4-1). o Gushyiraho parikingi zo kumuhanda zateganijwe (mukibanza cyangwa no gushyiraho parikingi zihuriweho iyo zihari) bigomba gukorwa aho bisabwe, mukwirinda ubucucike bw'imodoka zishaka serivisi. • **Ibikorwa byemewe:** o Ubuganga, ubuvuzi bwamenyo, ubuvuzi gakondo, ubuvuzi bw' imitsi. o Ibiro byo gushushanya, ubwubatsi, amategeko o Gukangura imitsi, ubuvuzi bw' indwara zo mu mutwe. o Aho gusubiriramo indirimbo (kuburyo bikozwe muburyo bu tunvikanisha urusaku). o Ikoranabuhanga n' ibindi byakwifashishwa, imbuga nkoranya mbaga. o Serivisi z'icunga mutungo. o kwinjiza amakuru o kwigisha ibitateganyijwe n' amashuli nkuko byaganyijwe o N' ibindi bikorwa by' ubunararibonye • **Ibikorwa by'ishoramari bibujijwe** o Ibikorwa by'ishoramari ntibigomba kuba ibikorwa bitemewe byica amategeko, cyangwa imyitwarire. o Ibikorwa by'ishoramari bigomba kuba bitumvikanisha urusaku, umwotsi, impumuro mbi, imyanda	

	cyangwa amatembabuzi yavuye mubikorwa by'ubutabire byakangiza. o Ububiko cyangwa ikoreshwa ry'ibikoresho by'ubutabire cyangwa ibindi bintu byangiza birabujijwe o Ntagikorwa cy' ishoramari kibangamiye cyangwa gisebya abaturage kemewe • **Ibikorwa by'ishoramari bitemerewe gukorerwa ahantu hatuwe.** o Ishoramari ritnga amasezerano. o Ishoramari mubucurizi bw'imidoka. o Amashuli y'ubucuruzi urugero: amashuli yo kubyina, aho bigishiriza indimi, ibigo byakira abantu mu matsinda. o Ibiro bishinzwe abakozi o Ishoramari risaba gukoresha abantu benshi o Ishoramari ryo kwakira no gutanga impapuro o Uburuhukiro, ibigo byakira abantu • **Ibisabwa mu bwirinzi:** o Ibikorwa by'ishoramari bigomba kuba byubahirije amategeko yashyizweho yo kwirinda inkongi.	





Ikarita (nta mpuzandengo)

Ishusho 0-1: Iteganya ry'inzu yo gutura
Aho byavuye: Surbana Jurong

4.9. Izindi nzu nto zo guturamo

Ku bw'inyungu zo gukomeza intego mu kongera amazu menshi ahendutse, byifuzwaga ko iyo nzu yiyongera mu kibanza igomba kubakwa yujuje ibisabwa ku mazu acirirtse biteganywa n'ibisobanuro by'aya mabwiriza agenga ibyiciro by'imikoreshereze y'ubutaka cyangwa n'isuzuma rikorwa n'Umujyi wa Kigali ku biciro by'amazu yo guturamo acirirtse. Ba nyir'ayo mazu bashishikarizwa kuyubaka bagendeye ku mirongo ngenderwaho.

4.10. Ibipimo

- Amazu yiyongera mu kibanza yemerewe gusa mu duce twa R1, R1A, R2 na R3.
- Inzu yiyongera mu kibanza yemerewe gusa kubakwa nk'inzu yiyongera ku nzu ifite uruhushya rwo kubaka.
- Imigaragarire y'inyuma y'inzu yiyongera mu kibanza igomba kuba ifite ishusho n'imiterere by'inzu y'ibanze mu myubakire yayo, ibikoresho by'ubwubatsi, n'uburyo irangiye. Imigaragarire y'inyuma ntibishobora guhindura imiterere y'inzu yo guturwamo n'umuryango mu duce twa R1 uko yaba igaragara kose. Ntakurenza amazu 3 yiyongera mu kibanza ku nzu ifite uruhushya rwo kubaka.
- Ubuso bw'aho inzu yiyongera mu kibanza yubatse hagomba kuba hafite byibuze metero kare 9 (9m^2) ku cyumba kimwe na metero kare 15 (15m^2) ku byumba ibiri.
- Ntana rimwe ubuso bw'aho inzu yiyongera mu kibanza bugomba kurenza ijanisha rya 50 (50%) ry'ubuso bwose bw'ahatuwe bw'inzu yose y'ibanze.
- Inzu yiyongera mu kibanza igomba kuba iri mu kibanza ku buryo yubahiriza ibisabwa bwose mu byiciro by'imikoreshereze y'ubutaka ku nyubako nshya. Nta nzu yiyongera mu kibanza igomba kuba munsi y'ubutaka cyangwa muri kave cyereka mu gihe aho munsi y'ubutaka cya kave bigizwe n'igice cyo gusohokeramo.
- Inzu yiyongera mu kibanza igomba kuba nibura ifite Umuryango umwe wo hanze uyitandukanya n'inzu y'ibanze.
- Inzu yiyongera mu kibanza igomba kuba itandukanye n'inzu y'ibanze: ibyifashishwa mu gikoni, ubwogero bwuzuye n'ahantu h'umuriro w'amashanyarazi hafite ubwinjiriro butandukanye. Mu gihe hari amazu menshi yo guturamo yiyongera mu kibanza kimwe, ibyo bikorwa bifashishwa bishobora gusaranganywa muri izo nzu zitandukanye.
- Ikigereranyo kingana cya parikingi zitari izo ku muhanda n'izo ku muhanda zigomba guteganywa hubahirijwe amabwiriza mashya agenga ibipimo ngenderwaho bya parikingi.

4.10.1. Ingingo rusange

- Nta mbogamizi ku gihe igikanka kizaba kimaze cyateganyijwe, igihe cyo kugira uburenganzira ku nzu cyangwa kubaka izindi nzu ziyongera kugirango hubakwe inzu iyariyo yose yiyongera mu kibanza, keretse uko biteganywa muri iki gice.

- Ingingo ya zose z'amategeko agenga imyubakire mu Rwanda, harimo uburyo bwo gusaba impushya zo kubaka n'impushya zo gukorera mu nyubako, n'ibindi bisabwa byose n'amabwiriza cyangwa amategeko agenga imyubakire bigomba kubahizwa mu kubaka inzu yiyongera mu kibanza.

- Ukodesha agomba kuba afite amasezerano y'ubukode yanditse.

- Umuntu ushaka kubaka inzu yiyongera mu kibanza cye agomba gutanga ibyangombwa by'ubusabe mw'ishami rishinzwe imiturire mu Mujyi wa Kigali hamwe n'ubusabe bw'icyemezo cyo kuzayituramo hifashishijwe ahagenwe kuzuzwa hemejwe n'Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali. Ubwo busabe bugomba kuba buherekejwe, n'igishushanyo kigaragaza imiterere y'inzu, uko inzu ihagaze, igishushanyo cyerekana ibice by'imbere mu nzu bishushanyije mu ihundurangano; harimo n'impinduka zigomba gukorwa inyuma ku inzu yari ihasanzwe, amafoto agaragaza inyuma y'inzu yari ihasanzwe. Ubusabe bugomba gusuzumwa kugirango bwemezwe kandi buriho umukono ubyemeza w'ishami rishinzwe imiturire mu Mujyi wa Kigali, ishami rishinzwe kugenzura inyubako nk'uko bisabwa n'amabwiriza agenga imyubakire mu mujyi wa Kigali.

- Nyuma yo kurangiza kubaka abashinzwe kugenzura imyubakire bagomba kugenzura niba warubahirije ibisabwa kandi bakanabigaragaza baguha icyangombwa kibyemeza.

- Nta mafaranga atangwa mukwaka icyangombwa cyo kubaka andi mazu yiyongera mu kibanza.

4.11. Ahogerezwa imodoka n'amagaraje

Ahogerezwa imodoka n'amagaraje hashobora kwemerwa mu bundi buryo bushoboka mu bice by'ubucuruzi n'ibikomatanyije ibikorwa, harimo n'ahasangwa hari mu cyiciro cy'ubucuruzi bw'ahatuwe O-C2, mu gihe hujuje ibisabwa bikurikira:

- Kubaha Amabwiriza y'ubuziranenge ya RSB: RS 402 Amabwiriza ku Kubaka no gucunga Igaraji & RS 368 Amabwiriza Gucunga imyanda y'amagaraji
- Urusaku n'ihumanya by'ikirere ari bike na/cyangwa bigabanyije;
- Imyanda ibitse neza intera isigara inyuma y'inyubako;
- Imyanda y'ibisukika ibyaribyo byose byateza impanuka (gasoline, petroleum solvents, diesel, ethylene glycol, used oil, acetone, new oil, methyl ethyl ketone) bifundikiye neza muri kontineri kandi bidashobora kunyanyagizware ahariho hose habangamiye ibidukikije;
- Nta bikorwa by'ahogerezwa imodoka n'amagaraje byemewe gukorerwa mu muhanda rusange cyangwa inzira z'abanyamaguru;
- Andi mabwiriza yaturuka mu Ishami ry'imiturire ry'Umujyi wa Kigali cyangwa amabwiriza yemejwe kuri icyo gikorwa.

AMABWIRIZA AGENGA IMIKORESHEREZE Y'UBUTAKA
HASHINGIWE KU BYICIRO BYABWO

Uru rupapuro ntirugomba kwandikwaho

5

Uru rupapuro ntirugomba kwandikwaho

5. Ikarita y'ibyiciro by'imikoreshereze y'ubutaka n'ibisobanuro byabyo

Uyu mutwe ugaragaza ibyiciro by'imikoreshereze y'ubutaka bitandukanye byateganyijwe mu Mujyi wa Kigali ndetse ukanagaragaza imbibe za buri cyiciro cy'ahantu hakorewe igenamigambi:

5.1. Ikarita y'ibyiciro by'imikoreshereze y'ubutaka mu Mujyi wa Kigali

Ikarita y'ibyiciro by'imikoreshereze y'ubutaka igaragaza imbibi zihariye z'ibyiciro bitandukanye biboneka mu Mujyi wa Kigali. Izo mbibi zikaba zaragenwe ndetse zigahabwa n'ibisobanuro hashingiwe ku mahame akurikira:

- Kwita ku ihame ry'ikomatanyabikorwa.
- Kwita ku ihame ry'iterambere ry'ubwikorezi,
- Kwita ku ihame ry'uko nta bikorwa bibangamira ibindi mu gice biherereyemo.

5.2. Ihitamo ry' Ikarita y'ibyiciro by'imikoreshereze y'ubutaka mu Mujyi wa Kigali

Ibi bikurikira nibyo byiciro n'utwiciro by'ubutaka biteganyijwe mu Mujyi wa Kigali:

- Gutura
    - Icyiciro cyo gutura ku bucucike bwo hasi (R1)
    - Icyiciro cyo gutura mu buryo bwagutse ku bucucike bwo hasi(R1A)
    - Icyiciro cyo gutura mu bice by'icyaro by'Umujyi wa Kigali (R1B)
    - Icyiciro cyo gutura ku bucucike buringaniye – Kuvugurura imiturire y'utujagari (R2)
    - Icyiciro cyo gutura ku bucucike buringaniye – Amacumbi acirirtse (R3)
    - Icyiciro cyo gutura ku bucucike bwo hejuru (R4)

- Ubucuruzi
    - Icyiciro cy'ubucurizi - ikomatanyabikorwa (C1)
    - Icyiciro cy'ubucuruzi bukorerwa ahatuwe (O-C2)
    - Icyiciro cy'ubucuruzi bwagutse (C3)
- Inganda
    - Icyiciro cy' Inganda nto zidahumanya (I1)
    - Icyiciro cy'Inganda nini n'izishobora guhumanya (I2)
    - Icyiciro cy'Ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro na kariyeri (I3)

- Icyiciro cy'Ibikorwa rusange bifasha abaturage
    - Icyiciro cy'Uburezi n'ubushashatsi - PF1
    - Icyiciro cy'Ubuzima - PF2
    - Icyiciro cy'Iyobokamana - PF3
    - Icyiciro cy'Umuco n'inzibutso - PF4
    - Icyiciro cy'Amarimbi n'ahashyingurwa - PF5

- Icyiciro cy'Ibikorwa n'imirimo bya Leta (PA)
- Pariki n'Ubusitani (P)
    - Icyiciro cya Pariki n'ubusitani rusange (P1)
    - Icyiciro cy'Ibikorwa bya Siporo n'ubukerarugendo (P2)
    - Icyiciro cya Pariki z'Igihugu (P3-A)
    - Icyiciro cy'Amashyamba (P3-B)
    - Icyiciro cy'Imisozi ihanamye (> 30%) (P3-C)

- Icyiciro cyo Kubungabunga ahantu kamere(P3-D)

- Icyiciro cy'Ubuhinzi n'Ubworozi (A)
- Icyiciro cy'Ibishanga (W)
- Icyiciro cy'Ibidendezi bigari by'amazi (WB)
- Icyiciro cy'Ubwikorezi (T)
- Icyiciro cy' Ibikorwa rusange bifitiye abaturage akamaro (U)

Ibisobanuro birambuye bya buri cyiciro biboneka mu mutwe wa gatanu w'iki gitabo.



Ishusho 5-1: Igenamigambi ry'Ibyiciro by'imikoreshereze y'ubutaka mu Mujyi wa Kigali
Aho byakuwe: Surbana Jurong

Uru rupapuro ntirugomba kwandikwaho

6

6. Amabwiriza agenga ibyiciro by'Imikoreshereze y'ubutaka

Nk'uko bigaragara hasi, aya ni amabwiriza y'ibyiciro by'uko ubutaka bukoreshwa n'ibibukorerwaho mu Mujyi wa Kigali.

6.1. Amabwiriza agenga ibyiciro by'imikoreshereze y'ubutaka – Imiturire

Amabwiriza n'imirongo igenderwaho akurikizwa mu mikoreshereze y'imiturire mu bice bitandukanye byo gutura mu Mujyi wa Kigali. Amasanisha yarobanuwe agaragaza ku bice by'imiturire n'ubucuruzi yarateganyijwe, mukumvikanisha mu buryo bworoshye n'aho biturutse.

6.1.1. Icyiciro cyo gutura ku bucucike bwo hasi (R1)

Ibisobanuro rusange: Igice cyo gutura ahadacucitse (R1) kiganisha ku bwoko bw'amazu ya vila na bingalo n'ibikorwa rusange bifasha abaturage bikenewe byuzuzanya. Ibice bya R1 byibanze ahantu hatuwe cyane mu Mujyi wa Kigali ku mpamvu zo kwirinda iterambere ry'Umujyi udacucitse n'ishyishikarizwa ry'iterambere rihuje. **Mu bice byose bya R1, amabwiriza ya R1A aremewe**.

Imbonerahamwe 6.1: Icyiciro cyo gutura ku bucucike bwo hasi (R1)

	Amabwiriza	**Icyitonderwa**
Aya mabwiriza akoreshwa ku: • Imyubakire n'ivugurura ry'ahantu ho gutura mu bice byo gutura ahadacucitse (R1) • Ibibanza byakatswe cyangwa byongeye gukatwa ku hantu ho gutura mu bice byo gutura ahadacucitse (R1)		
1.0 Imikoreshereze		
1.1 Ibyemewe	• inzu z'umuryango umwe • Ibikorerwa mu ngo zituwemo	
1.2 Ibibujijwe	• ibikorwa by'inganda • ibikorwa remezo binini	
1.3 Ibindi bishoboka	• Ibikorwa byemewe muri R1A • amagorofa aturwamo na benshi • Inzu zidatandukanye • inzu zakira imiryango myinshi • aho kurira, amacumbi, hoteli • Ibikorwa rusange bifasha abaturage mu gihe byemewe n'ibikorwa rusange bifasha abaturage abaturage bifite inyongera-mwihariko (igika 7.1) • Ibikorwa by'ubucuruzi byunganira abaturage iyo byemewe ahantu hafite inyongera-mwihariko O-C2 (igika 6.2.2) • Inzu yo guturamo yiyongera mu kibanza	Reba ahantu hafite inyongera-mwihariko O-C2 n'ibikorwa remezo bifasha abaturage bifite inyongera-mwihariko mu kuyobora ahantu h'ubucuruzi n'ah'ibikorwa-bifasha abaturage.

	Amabwiriza	Icyitonderwa
1.4 ahakorerwa ibindi bintu	• parikingi • ububiko n'ibyumba byo gutangiramo serivisi • inzu y'umurinzi /umuzamu	
1.5 Ingano y'ikibanza	• Kutarenga metero kare 500 hashingiwe ku mabwiriza ajyanye n'imituganyirize y'imijyi n'imyubakire (UPC) • Ibibanza bitarengeje metero kare 300 bizakurikiza amabwiriza yo R1A • Ibibanza birengeje metero kare 500 ariko byamaze kubakwa bizagumana imikoreshereze byari bifite.	
2.0 UMWANYA		
2.1 Ubuso bunini buterekwaho inyubako	• 40% nibwo bwinshi bushoboka	
2.2 Ubuso buto ku busitani	• 20%	
2.3 Ikigereranyo cy'imikoresherez e (FAR)	• 0.5 nicyo kinini gishoboka	
3.0 UBUCUCIKE BUTO BUSHOBOKA.		
3.1 Inyubako zo gutura	• 10-15 Du/Ha	
3.2 Ikomatanyabiko rwa ku nyubako	• 7-10 Du/Ha (Mu gihe igice cy'inyubako gikorerwamo n'ibindi bikorwa nk'uko biteganywa n'amabwiriza agenga ibice bifite inyongera-mwihariko (O-C2)	
4.0 INYUBAKO		
4.1 umubare ntarengwa w'amagorofa	• G+1+P (Inzu y'igorofa imwe itarengeje 30% by'ubuso buteretseho inyubako) • G (izindi nyubako zunganira))	
4.2 Igisenge	• Ubuhaname bw'igisenge bugomba kuba buri munsi ya 30% • Nta gikoresho cy'icyuma cyo ku gisenge kigarura urumuri cyemewe kandi amabara yacyo agomba kujyana n'ubusitani bukikije aho.	
4.3 Intera hagati y'igorofa n'iy'indi	N/A	Nk'uko biteganywa n'amabwiriza ajyanye n'imituganyirize y'imijyi n'imyubakire
4.4 Ishusho y'inyubako	• Yitaruye • Ifatanye n'indi	

	Amabwiriza	Icyitonderwa
5.0 UBURYO BW'ITERAMBERE		
5.1 Imyubakire y'ikibanza cy'umuntu ku giti cye. 5.2 Kugabanyamo ubataka ibice 5.3 Amazu menshi ahuje imiterere imwe kandi yubatswe hamwe: nta ruzitiro rwemewe ahantu hubatswe amazu menshi ahuje imiterere imwe kandi yubatswe hamwe ku buso burengeje 1ha "reba Ingingo rusange"		
6.0 INGENDO		
6.1 Abanyamaguru	• N/A	
6.2 Ubwikorezi rusange	• N/A	
7.0 IBIRANGO		
7.1 Ibyemewe	• Ikirango kimwe kiri ku rukuta ahagana intera isigara imbere y'inyubako. • Ikirango kinini gishoboka cya 35cm z'Ubutumburukex 35cm z'ubugari kiremewe. • Gushyiraho ibimenyetso bitarenga imbibi z'ikibanza.	

Aho byakuwe: Surbana Jurong

ISANISHA:



Igishushanyo
(Kitari ku ihindurangano)

B1: Inyubako y'ibanze
B2: Inyubako yunganira

P1: Igice gishashemo amapave
L1: Igice cy'Ubusitani



Ishusho 6-1: Icyi

IREBEWE KU RUHANDE

6.1.2. Icyiciro cyo gutura mu buryo bwagutse ku bucucike bwo hasi (R1A)

Ibisobanuro rusange: Icyiciro cyo gutura mu buryo bwagutse ku bucucike bwo hasi (R1A) ni igice cyagenewe gutura mu buryo bw'inzu zidatandukanye cyane, inzu z'umuryango umwe, inzu zakira imiryango myinshi ndetse n'amagorofa mato. Icyiciro cya R1A kigamije gufasha mu myubakire y'amagorofa mato n'aciriritse hamwe n'ibikorwa by'ubucuruzi byuzuzanya n'ibikorwa rusange bifasha abaturage abaturage bya ngombwa. Ingano y'ikibanza hano mu cyiciro cyo gutura ahadacucitse cyane cya R1A ni nto cyane ugereranyije n'iy'ikibanza cyo mu cyiciro cyo gutura ahadacucitse cya R1, mu rwego rwo kugaragaza neza icyiciro cya R1A nk'ahari ubucucike bwinshi mu cyiciro cy'amagorofa mato. Intego ni ukurushaho kongera uburyo bwiza bw'imikoreshereze y'ubutaka mu bice by'ingenzi by'Umujyi binyuze mu kwemerera kwegeranya no kuvanga imikoreshereze y'imitunganyirize isanzwe y'imiturire idacucitse.

Imbonerahamwe 6.2: Icyiciro cyo gutura mu buryo bwagutse ku bucucike bwo hasi(R1A)

	Amabwiriza	**Icyitonderwa**
Aya mabwiriza akoreshwa: • Ahantu hashya ndetse n'ahasanzwe mu Icyiciro cyo gutura mu buryo bwagutse ku bucucike bwo hasi(R1A) • Ibibanza byakatswe cyangwa byongeye gukatwa mu Icyiciro cyo gutura mu buryo bwagutse ku bucucike bwo hasi(R1A) • Ibibanza byakatswe mu Icyiciro cyo gutura ku bucucike bwo hasi (R1)		
1.0 IMIKORESHEREZE		
1.1 Ibyemewe	• Inzu z'umuryango umwe (amoko yazo yose) • Inzu zidatandukanye cyane • Inzu zakira imiryango myinshi • Inyubako ziri ku murongo zifatanye • Inyubako ziri ku murongo • Ibikorerwa mu ngo zituwemo • Inzu zo guturamo zunganira izisanzwe	
1.2 Ibibujijwe	• Inzu yo guturamo irengeje amagorofa 2 (G+2) • Imikoreshereze y'inganda • Ibikorwa-remezo bigari	
1.3 Ibindi bishoboka	• Resitora, hoteli, amacumbi, B&B • Ibikorwa rusange bifasha abaturage nk'uko biteganywa n'Ibikorwa rusange bifasha abaturage bifite inyongera-mwihariko (igika 7.1) • Ubucuruzi bucirirtse, ibiro bifasha abaturage mu gihe byemewe ahantu hafite inyongera-mwihariko O-C2 (igika 6.2.2)	Reba ahantu hafite inyongera-mwihariko O-C2 n'ibikorwa rusange bifasha abaturage bifite inyongera-mwihariko

	Amabwiriza	Icyitonderwa
1.4 Ahakorerwa ibindi bintu	• Parikingi • Ububiko, n'ibyumba byo gutangiramo serivisi • Inzu y'umurinzi/umuzamu	
1.5 Ingano y'ikibanza	• Kutarenga metero kare 300	
2.0 UMWANYA		
2.1 Ubuso bunini buterekwaho inyubako	• 50% nibwo bwinshi bushoboka	
2.2 Ubuso buto ku busitani	• 20% nibwo buto bushoboka	
2.3 Ikigereranyo cy'imikoresherez e (FAR)	• 1.0 niwo mubare munini ushoboka	
3.0 UBUCUCIKE BUTO BUSHOBOKA MU NYUBAKO ZO GUTURA		
3.1 Inyubako ifite imikoreshere ze imwe	• 20-30 Du/Ha	
3.2 Inyubako ifite ikomatanya bikorwa	• 15-20 Du/Ha (igihe igice cy'inyubako gifite indi mikoreshereze nk'uko biteganywa n'amabwiriza agenga ibice bifite inyongera-mwihariko O-C2)	
4.0 INYUBAKO		
4.1 Umubare ntarengwa w'amagorof a	• Inyubako ifite amagorofa 3 (G+2) • G (izindi nyubako zunganira)	
4.2 Igisenge	• Ubuhaname bw'igisenge bugomba kuba buri munsi ya 30% • Nta gikoresho cy'icyuma cyo ku gisenge kigarura urumuri cyemewe kandi amabara yacyo agomba kujyana n'ubusitani bukikije aho.	
4.3 Intera hagati y'igorofa n'iyindi	N/A	Kurikiza amabwiriza ajyanye n'imituganyirize y'imijyi n'imyubakire
4.4 Ishusho y'inyubako	• Inzu iri yonyine • Inyubako ifatanye n'indi • Inyubako zifatanye	
5.0 UBURYO BW'ITERAMBERE		

	Amabwiriza	Icyitonderwa
5.1 Imyubakire y'ikibanza cy'umuntu ku giti cye 5.2 Guhuza ubutaka 5.3 Kugabanyamo ubutaka ibice 5.4 Amazu menshi ahuje imiterere imwe kandi yubatswe hamwe: nta ruzitiro rwemewe ahantu hubatswe amazu menshi ahuje imiterere imwe kandi yubatswe hamwe ku buso burengeje 1ha "reba Ingingo rusange"		Reba Ahantu hagenewe guhuza ubutaka hafite inyongera-mwihariko (Igika cya 7.3) mu ihuzwa ry'ubutaka
6.0 INGENDO		
6.1 Abanyamaguru	• N/A	
6.2 Ubwikorezi rusange	• N/A	
7.0 IBIRANGO		
7.1 Ibyemewe	• Ikirango kimwe kiri ku rukuta ahagana intera isigara imbere y'inyubako. • Ikirango kinini gishoboka cya 35cm z'Ubutumburukex 35cm z'ubugari kiremewe • Ibimenyetso bigari biremewe ku nyubako z'amacumbi cyangwa umudugudu nyuma yo kwemerwa n'ishami rishinzwe imiturire mu Mujyi wa Kigali. • Gushyiraho ibimenyetso bitarenga imbibe z'ikibanza	

Aho byakuwe: Surbana Jurong

ISANISHA:



Ishusho 6-1: Icyiciro cyo gutura mu buryo bwagutse ku bucucike bwo hasi(R1A)-Inyubako zitandukanye/Zidafatanye

ISANISHA:



Ishusho 6-2: Icyiciro cyo gutura mu buryo bwagutse ku bucucike bwo hasi(R1A)-Inyubako zidatandukanye cyane

ISANISHA:



Ishusho 6-3: Icyiciro cyo gutura mu buryo bwagutse ku bucucike bwo hasi(R1A)-Inyubako zifatanye

6.1.3. Icyiciro cyo gutura mu bice by'icyaro by'Umujyi wa Kigali (R1B)

Ibisobanuro rusange: Icyiciro cyo gutura mu bice by'icyaro by'Umujyi wa Kigali (R1B) ni igice cyo gutura kigena imyubakire iri hamwe mu bice by'icyaro. Iki gice cya R1B kigamije gufasha mu kugena imiturire icirirtse n'iringaniye mu bucucike nka kimwe mu bigize igice cy'abantu babeshejweho n'Ubuhinzi n'Ubworozi ndetse no kugena ibikorwa rusange bifasha abaturage bikenewe muri ako gace. intego wabyo ni ukurema umugudugu wo guturwamo mu buryo burambye kandi wegeranye mu bice by'icyaro by'Umujyi, hakumirwa ukuvogera ubutaka bugomba guhingwa kandi busanzwe bwera.

Imbonerahamwe 6.3: Icyiciro cyo gutura mu bice by'icyaro by'Umujyi wa Kigali (R1B)

	Amabwiriza	Icyitonderwa
Aya mabwiriza akoreshwa: • Ahantu hashya ndetse n'ahasanzwe mu cyiciro cyo gutura mu bice by'icyaro (R1B) • Ibibabanza byakatswe cyangwa byongeye gukatwa mu cyiciro cyo gutura mu bice by'icyaro (R1B)		
1.0 IMIKORESHEREZE		
1.1 Ibyemewe	• Inzu z'umuryango umwe (amoko yazo yose) • Inyubako ziri ku murongo • Inzu zakira imiryango myinshi (nka "4 muri 1 cyangwa "8 muri 1") nk'uko biteganywa n'imidugudu y'icyitegererezo • Amacumbi acirirtse • Ibikorerwa mu ngo zituwemo • Inzu zo guturamo zunganira izisanzwe	
1.2 Ibibujijwe	• Ibikorwa by'inganda • ibikorwa-remezo bigari	
1.3 Ibindi bishoboka	• Amaresitora • Amacumbi • Ibikorwa rusange bifasha abaturage, mu gihe byemewe n'ibikorwa rusange bifasha abaturage abaturage bifite inyongera-mwihariko (igika 7.1) • Ubucuruzi bucirirtse, ibiro byunganira abaturage mu gihe iyo byemewe mu cyiciro cy'ubucuruzi bw'ahatuwe hafite inyongera-mwihariko O-C2 (igika 6.2.2) • Ibigo bito by'ubucuruzi	Reba ahantu hafite inyongera-mwihariko O-C2 n'ibikorwa rusange bifasha abaturage bifite inyongera-mwihariko

	Amabwiriza	Icyitonderwa
1.4 Ahakorerwa ibindi bintu	• Parikingi • Igikoni cyo ku ruhande • Ububiko	
1.5 Ingano y'ikibanza	• Ikibanza ntikirenza Metero kare 100 ku nzu zubatswe ku murongo cyangwa izakira umuryango umwe • Inzu zakira imiryango myinshi cyangwa iyubakwa ry'amacumbi hashyizwemo ibyumba by'inyongera bikodeshwa bizemerwa, zikagenwa hagendewe ku bisabwa ku bucucike buto bushoboka nk'uko biri mu gace ka 3.0 kari muri iyi mbonerahamwe	
2.0 UMWANYA		
2.1 Ubuso bunini buterekwaho inyubako	• 60% nibwo bwinshi bushoboka	
2.2 Ubuso buto ku busitani	• N/A	
2.3 Ikigereranyo cy'imikoresherez e (FAR)	• 1.2 niwo mubare munini ushoboka	
3.0 UBUCUCIKE BUTO BUSHOBOKA		
3.1 Inyubako zo gutura	• 40-70 Du/Ha	
3.2 Inyubako zivanze	• 30-50 Du/Ha (igihe igice cy'inyubako gifite indi mikoreshereze nk'uko biteganywa n'amabwiriza agenga ibice bifite inyongera-mwihariko O-C2)	
4.0 INYUBAKO		
4.1 Umubare ntarengwa w'amagorof a	• Inzu y'igorofa imwe (G+1) ku nzu zagenewe umuryango umwe • Inzu y'amagorofa abiri (G+2) ku yandi moko yose y'inzu • G (inyubako zunganira)	
4.2 Igisenge	• Ubuhaname bw'igisenge bugomba kuba buri munsi ya 30%. • Nta gikoresho cy'icyuma cyo ku gisenge kigarura urumuri cyemewe kandi amabara yacyo agomba kujyana n'ubusitani bukikije aho.	

	Amabwiriza	Icyitonderwa
4.3 Intera hagati y'igorofa n'iyindi	N/A	Reba amabwiriza ajyanye n'imituganyirize y'imijyi n'imyubakire
4.4 Ishusho y'inyubako	• Bingalo zitandukanye • Inyubako ifatanye n'indi • Inzu zakira imiryango myinshi • Inzu zubatswe ku murongo	
5.0 UBURYO BW'ITERAMBERE		
5.1 Guteza imbere ikibanza cy'umuntu 5.2 Guhuza ubutaka 5.3 Kugabanyamo ubataka ibice		Reba ahantu hagenewe guhuza ubutaka hafite inyongera-mwihariko (Igika cya 7.3) mu ihuzwa ry'ubutaka
6.0 INGENDO		
6.1 Ku banyamaguru	• N/A	
6.2 Ubwikorezi rusange	• N/A	
7.0 IBIRANGO		
7.1 Ibyemewe	• N/A	

Aho byakuwe: *Surbana Jurong*

ISANISHA:



Igishushanyo (Kitari ku ihindurangano)

B1: Inyubako y'ingenzi
B2: Inyubako yunganira

P1: Igice gishashemo amapave
L1: Igice cy'ubusitani



IREBEWE KURUHANDE

Ishusho 6-4: Icyiciro cyo gutura mu bice by'icyaro by'Umujyi wa Kigali (R1B)-Imishinga ya IDP ya "2 in 1"

ISANISHA:



Ishusho 6-5: Icyiciro cyo gutura mu buryo bwagutse ku bucucike bwo hasi(R1A)-Inyubako zo ku murongo

ISANISHA:



Ishusho 6-6: Icyiciro cyo gutura mu buryo bwagutse ku bucucike bwo hasi(R1A)-Inyubako zigezweho za "4 in 1"

6.1.4. Icyiciro cyo gutura ku bucucike buringaniye – Kuvugurura imiturire y'utujagari (R2)

Ibisobanuro rusange: Icyiciro cyo gutura mu buryo buringaniye - Icyiciro kivugururwa (R2) cyateguwe cyane cyane mukuvugurura imidugudu ituwe mu kajagari cyangwa se kongera gutunganya ibice by'Umujyi mu buryo bushya, aho bishoboka hose ku butaka bwahozeho ibikorwa by'inganda cyangwa ubucuruzi. Urunyurane mu bwoko bw'amazu n'imyubakire iteguye neza bitanga icyerekezo mu rwego rwo korohereza ivugurura, kongera gutunganya no kongerera ubushobozi ibi bice by'imiturire.

Umugambi w'iki cyiciro ni ukurushaho kunoza ibikenerwa bigaragara n'imibereho myiza mu midugudu yagaragajwe ituwe mu kajagari iri muri Kigali, binyuze mu kuhavugurura by'igihe gito, no kongera gutunganya imiturire hifashishijwe uburyo bwo guhuza ubutaka by'igihe kiringaniye, mu rwego rwo gufasha gukoresha ubutaka bushobora kubyazwa umusaruro mu bice by'ingenzi by'Umujyi kugira ngo hahuzwe n'ahantu hacirirtse mu miturire kandi hanoze ndetse no kugena ibikorwa-remezo n'ibikorwa rusange bifasha abaturage.

Imbonerahamwe 6.4: Icyiciro cyo gutura mu buryo buringaniye- Icyiciro kivugurura (R2)

	Amabwiriza	Icyitonderwa
Aya mabwiriza akoreshwa: • Ahantu hashya, ahavuguruwe ndetse n'ahasanzwe mu cyiciro cyo gutura mu buryo buringaniye - Icyiciro kivugurura (R2) • Ibibabanza byakatswe cyangwa byongeye gukatwa mu cyiciro cyo gutura mu buryo buringaniye- Icyiciro kivugurura (R2)		
1.0 IMIKORESHEREZE		
1.1 Ibyemewe	• Inyubako ziri ku murongo • Aamacumbi acirirtse • Ibikorerwa mu ngo zituwemo • Inzu zo guturamo zunganira izisanzwe	Umujyi wa Kigali mu bubasha bwawo ushobora kwemeza urwego rw'inyubako zicirirtse n'iteganya ry'ibipimo ngenderwaho by'ibikorwaremezo mu ivugurura.
1.2 Ibibujijwe	• Ibikorwa bigari by'inganda • Ibikorwa-remezo bigari • Iyubakwa ry'amazu yagenewe umuryango umwe	

	Amabwiriza	Icyitonderwa
1.3 Ibindi bishoboka	• Resitora • Amahoteli (harimo ibizunganira), amacumbi, B&B • Ibikorwa rusange bifasha abaturage, mu gihe byemewe n'ibikorwa rusange bifasha abaturage abaturage bifite inyongera-mwihariko (igika 7.1) • Ubucuruzi bucirirtse, ibiro byunganira abaturage mu gihe iyo byemewe mu cyiciro cy'ubucuruzi bw'ahatuwe hafite inyongera-mwihariko O-C2 (igika 6.2.2) • Ibigo bito by'ubucuruzi	Reba ahantu hafite inyongera-mwihariko O-C2 n'ibikorwa rusange bifasha abaturage bifite inyongera-mwihariko
1.4 Ahakorerwa ibindi bintu	• Ububiko n'ibyumba byo gutangiramo serivisi	
1.5 Ingano y'ikibanza	**Inyubako ziri ku murongo:** Ikibanza kitarengeje metero kare 200 **Amacumbi acirirtse:** N/A (ingano y'ikibanza yemerwa kandi ikagenwa hagendewe ku bisabwa ku bucucike buto bushoboka nk'uko biri mu gace ka 3.0 kari muri iyi mbonerahamwe	
2.0 UMWANYA		
2.1 Ubuso bunini buterekwaho inyubako	• 60% nibwo bwinshi bushoboka	
2.2 Ubuso buto ku busitani	• 20% nibwo buto bushoboka	
2.3 Ikigereranyo cy'imikoresher eze (FAR)	• 1.4 niwo mubare munini ushoboka	
3.0 UBUCUCIKE BUTO BUSHOBOKA		
3.1 Imikoreshereze ku gikorwa kimwe	• 60-100 Du/Ha	
3.2 Imikoreshereze ikomatanyije	• 40-70 Du/Ha (igihe igice cy'inyubako gifite indi mikoreshereze nk'uko biteganywa n'amabwiriza agenga ibice bifite inyongera-mwihariko O-C2)	
4.0 INYUBAKO		
4.1 Umubare ntarengwa w'amagorofa	• Inzu z'amagorofa atatu (G+3) • Igorofa imwe (1) irengaho ishobora kwemerwa bitewe n'imiterere y'ubutaka, mu rwego rwo kugera ku bucucike bukenewe cyangwa se kugera ku mitunganyirize ikwiriye kandi ishoboka mu cyerekezo cy'ubukungu	

	Amabwiriza	Icyitonderwa
4.2 Igisenge	• Ubuhaname bw'igisenge bugomba kuba munsi ya 30%. • Nta gikoresho cy'icyuma cyo ku gisenge kigarura urumuri cyemewe kandi amabara yacyo agomba kujyana n'ubusitani bukikije aho.	
4.3 Intera hagati y'igorofa n'iyindi	• N/A	Reba amabwiriza ajyanye n'imituganyirize y'imijyi n'imyubakire
4.4 Ishusho y'inyubako	• Inzu zubatswe ku murongo • Amacumbi acirirtse	
5.0 UBURYO BW'ITERAMBERE		
5.1 Ihindurwa ry'ibikorwaremezo cyangwa kubivugurura mu gihe bigaragara ko ibisanzwe bikimeze neza 5.2 Kubaka mu bibanza byemewe byubakwamo kuburyo ibibanza byose biri ahantu hamwe byagira ubwinjiriro buke bushoboka 5.3 Ivugurura ry'Umujyi binyuze mu ihuzwa ry'ubutaka / kuwuha icyerekezo igihe uko wari usanzwe bibisaba/bibyemera kubwo uruhare rukomeye		Reba ahantu hagenewe guhuza ubutaka hafite inyongera-mwihariko (Igika cya 7.3) mu ihuzwa ry'ubutaka
6.0 INGENDO		
6.1 Abanyamaguru	Ku bireba imyubakire y'ahantu hagari • Inzira z'abanyamaguru zikwiriye kuba zihuza amazu n'ibindi bikorwa biri muri ako gace n'imihanda rusange binyuze mu nzira z'ibinyabiziga bitagira moteri. • Ibikoresho byo kurwanya inkongi y'umuriro bikwiriye kuba bishobora kugera ahantu hose muri ako gace, n'ubwo inzira z'ibinyabiziga zidashoboka. • Inzira z'abanyamaguru zikwiriye kuba zikozwe mu buryo bworoshye kandi bukoreshwa na buri wese mu rwego rwe.	
6.2 Ubwikorezi rusange	• Imihanda rusange igomba kuba ifite ibyapa bya bis/aho bisi zihagarara mu ntera iri hagati ya metero 300 na 500.	
7.0 IBIRANGO		

	Amabwiriza	Icyitonderwa
7.1 Ibyemewe	• Ikirango kimwe kiri ku rukuta ahagana intera isigara imbere y'inyubako. • Ikirango kinini gishoboka cya 35cm z'Ubutumburukex 35cm z'ubugari kiremewe • Ibimenyetso bigari biremewe ku nyubako z'amacumbi, nyuma yo kwemerwa n'ishami rishinzwe imiturire mu Mujyi wa Kigali. • Gushyiraho ibimenyetso bitarenga imbibe z'ikibanza	

Aho byakuwe: Surbana Jurong

ISANISHA:



Ishusho 6-7: Icyiciro cyo gutura mu bucucike buringaniye- Icyiciro kivugurura (R2) ubwoko A

ISANISHA:



Igishushanyo (Kitari ku ihinduranganо)

B1: Inyubako y'ingenzi
B2: Inyubako yunganira

P1: Igice gishashemo amapave
L1: Igice cy'ubusitani

IREBEWE KURUHANDE

Ishusho 6-8: Icyiciro cyo gutura mu bucucike buringaniye- Icyiciro kivugurura (R2) ubwoko B

6.1.5. Icyiciro cyo gutura ku bucucike buringaniye – Amacumbi acirirtse (R3)

Ibisobanuro rusange: Icyiciro cyo gutura mu bucucike buringaniye - Icyiciro cyaguka (R3) cyashyizweho ngo gifashe kongerera ubushobozi no kongera gutunganya ibice bizengurutse Umujyi n'ibice bitubatse hifashishijwe ingamba zihariye z'imiturire mu rwego rwo kugena ibisubizo byinshi mu miturire.

Uburyo bwo kubishyira mu bikorwa bushyirwaho n'Umujyi wa Kigali ufatanyije n'ibigo bya leta bibifite mu nshingano kubwo gufasha gushyiraho urwego rw'ubukungu mu iterambere ry'iki gice.
Mu gihe abakozi bateguwe ndetse banatojwe neza bagombye guhabwa akazi k'ubwubatsi, ukwiyubaka bikazagenzurwa mu rwego rwo kuzamura no guhindura imibereho y'icyiciro cy'abantu bafite amikoro make.

Iki cyiciro cyitezweho guha imbaraga imitunganyirize yo kubaka mu byiciro mu buryo buhendutse mu mwihariko wo kongera gutunganya ahantu cyangwa ibice bitubatse. Intego y'icyiciro cya R3 ni ugufasha uburyo bwo kugena imiturire ifasha abantu b'amikoro make, binyuze mu kubagenera amacumbi acirirtse, ubucucike bwinshi mu gutunganya ibice bitubatse by'Umujyi. Mu rwego rwo gushimangira imikoreshereze y'ubutaka ikomatanyije ibikorwa n'ubushobozi butandukanye, ibisubizo byinshi mu myubakire biremerwa.
Ibyiciro bya R3 biri mu bice bizengurutse Umujyi, hafi y'umuhora uteganyijwe w'ubwikorezi bityo imtunganyirize mike ishoboka y'ibyo bice iremewe. **Ibice byose byagenewe R3, amabwiriza ya R2 nayo aremerwa.**

Imbonerahamwe 6.5: Icyiciro cyo gutura mu bucucike buringaniye-icyiciro cyaguka (R3)

	Amabwiriza	**Icyitonderwa**
Aya mabwiriza akoreshwa: • Ahantu hashya n'ahasanzwe mu cyiciro cyo gutura mu bucucike buringaniye-icyiciro cyaguka (R3) • Ibibabanza byakatswe cyangwa byongeye gukatwa mu cyiciro cyo gutura mu bucucike buringaniye-icyiciro cyaguka (R3)		
1.0 IMIKORESHEREZE		
1.6 Ibyemewe	• Inzu z'umuryango umwe • Inzu ziri ku murongo • Amacumbi acirirtse • Inzu zakira imiryango myinshi • Inzu zo guturamo zunganira izisanzwe • Ibikorerwa mu ngo zituwemo	

	Amabwiriza	Icyitonderwa
1.7 Ibibujijwe	• Ibikorwa by'inganda • Ibikorwa-remezo bigari • Inzu zagenewe umuryango umwe • Indi mitunganyirize y'ubutaka yose itujuje ibigenderwaho mu mitunganyirize y'uburyo bucirirtse ataganywa muri aya mabwiriza.	
1.8 Ibindi bishoboka	• Resitora • Amahoteli /Amacumbi (harimo ibizunganira) • Ibikorwa rusange bifasha abaturage, mu gihe byemewe n'ibikorwa rusange bifasha abaturage abaturage bifite inyongera-mwihariko (igika 7.1) • Ubucuruzi bucirirtse, ibiro byunganira abaturage mu gihe iyo byemewe mu cyiciro cy'ubucuruzi bw'ahatuwe hafite inyongera-mwihariko O-C2 (igika 6.2.2) • Ibigo bito by'ubucuruzi	Reba ahantu hafite inyongera-mwihariko O-C2 n'ibikorwa remezo bifasha abaturage bifite inyongera-mwihariko mu kuyobora ahantu h'ubucuruzi n'ah'ibikorwa-bifasha abaturage
1.9 Ahakorerwa ibindi bintu	• Ububiko n'ibyumba byo gutangiramo serivisi	
1.10 Ingano y'ikibanza	• Ikibanza ntikirenza Metero kare 100 ahagenewe inzu z'umuryango umwe zubakwa mu byiciro mu bishushanyo bishya by'bibanza byakatswe • Ikibanza ntikirenza Metero kare 150 ku nzu zubatswe mu murongo • N/A (Inzu zakira imiryango myinshi cyangwa iyubakwa ry'amacumbi hashyizwemo ibyumba by'inyongera bikodeshwa bizemerwa, zikagenwa hagendewe ku bisabwa ku bucucike buto bushoboka nk'uko biri mu gace ka 3.0 kari muri iyi mbonerahamwe)	
2.0 UMWANYA		
2.1 Ubuso bunini bushoboka buterekwaho inyubako	• 60% nibwo bwinshi bushoboka	

	Amabwiriza	Icyitonderwa
2.2 Ubuso buto bushoboka ku busitani	• 20% nibwo buto bushoboka	
2.3 Ikigereranyo cy'imikoresherez e (FAR)	• 1.2 niwo mubare munini ushoboka	
3.0 UBUCUCIKE BUTO BUSHOBOKA		
3.1 Inyubako zo gutura	• 50-90 Du/Ha	
3.2 Inyubako zikomatanyij e ibikorwa	• 40-70Du/Ha (igihe igice cy'inyubako gifite indi mikoreshereze nk'uko biteganywa n'amabwiriza agenga ibice bifite inyongera-mwihariko O-C2)	
4.0 INYUBAKO		
4.1 Umubare ntarengwa w'amagorof a	• G+2 Inzu z'amagorofa abiri (G+2) • Igorofa imwe (1) irengaho ishobora kwemerwa bitewe n'imiterere y'ubutaka, mu rwego rwo kugera ku bucucike bukenewe cyangwa se kugera ku mitunganyirize ikwiriye kandi ishoboka mu cyerekezo cy'ubukungu • G (Inyubako zunganira)	
4.2 Igisenge	• Ubuhaname bw'igisenge bugomba kuba munsi ya 30%. • Nta gikoresho cy'icyuma cyo ku gisenge kigarura urumuri cyemewe kandi amabara yacyo agomba kujyana n'ubusitani bukikije aho.	
4.3 Intera hagati y'igorofa n'iyindi	N/A	Reba amabwiriza ajyanye n'imituganyiriz e y'imijyi n'imyubakire
4.4 Ishusho y'inyubako	• Inzu zubatswe ku murongo zifatanye • Amacumbi afatanye, ayegeranye, atandukanye ndetse n'inzu zibasha gucumbikira abantu benshi	
5.0 UBURYO BW'ITERAMBERE		

	Amabwiriza	Icyitonderwa
5.1 Guhuza ubutaka 5.2 Ahantu na serivise 5.3 Ibibanza binini by'abantu ku giti cyabo bitunganywa hakurikijwe ubucucike buto bushoboka busabwa birebewe mu ishusho yo kubaka mu byiciro.		Reba ahantu hagenewe guhuza ubutaka hafite inyongera-mwihariko (Igika cya 7.3) mu ihuzwa ry'ubutaka
6.0 INGENDO		
6.1 Abanyamaguru	Ku bireba imyubakire y'ahantu hagari • Inzira z'abanyamaguru zikwiriye kuba zihuza amazu n'ibindi bikorwa biri muri ako gace n'imihanda rusange binyuze mu nzira z'ibinyabiziga bitagira moteri. • Inzira z'abanyamaguru zikwiriye kuba zikozwe mu buryo bworoshye kandi bukoreshwa na buri wese mu rwego rwe.	
6.2 Ubwikorezi rusange	• Imihanda rusange igomba kuba ifite ibyapa bya bisi/aho bisi zihagarara mu ntera iri hagati ya metero 300 na 500.	
7.0 IBIRANGO		
7.1 Ibyemewe	• Ikirango kimwe kiri ku rukuta ahagana intera isigara imbere y'inyubako. • Ikirango kinini gishoboka cya 35cm z'Ubutumburukex 35cm z'ubugari kiremewe • Ibimenyetso bigari biremewe ku nyubako z'amacumbi, nyuma yo kwemerwa n'ishami rishinzwe imiturire mu Mujyi wa Kigali. • Gushyiraho ibimenyetso bitarenga imbibe z'ikibanza	

Aho byakuwe: Surbana Jurong

ISANISHA:



Ishusho 6-9: Icyiciro cyo gutura mu bucucike buringaniye-icyiciro cyaguka (R3) Inyubako zo ku murongo

ISANISHA:



Ishusho 6-10: Icyiciro cyo gutura mu bucucike buringaniye-icyiciro cyaguka (R3)Inzu z'umuryango umwe, ubwoko bwa 1

ISANISHA:



Ishusho 6-11: Icyiciro cyo gutura mu bucucike buringaniye-Icyiciro cyaguka (R3) Inzu z'umuryango umwe, ubwoko bwa 2

6.1.6. Icyiciro cyo gutura ku bucucike bwo hejuru (R4)

Ibisobanuro rusange: Icyiciro cyo gutura ku bucucike bwo hejuru (R4) cyashyizwe mu rwego rwo kurema uburyo bwiza buteguwe bw'imiturire n'amacumbi afite ibikenerwa byose harimo ubucuruzi ndetse n'ibikorwa rusange bifasha abaturage, ahantu rusange n'ibindi. Ingano y'ibibanza bito bishoboka byo mu cyiciro cyo gutura mu bucucike bwo hejuru (R4) iri hejuru cyane kurusha ingano y'ibyo mu cyiciro cyo gutura mu bucucike buringaniye (R3). Ibi byakozwe mu rwego rwo gufasha kurema ahantu ho gutura hateguwe neza, ku bucucike bwo hejuru kandi hagaragara imikoreshereze ikomatanyije mu gice gituwe kandi gitoshye.

Imbonerahamwe 6.6: Icyiciro cyo gutura ku bucucike bwo hejuru (R4)

	Amabwiriza	Icyitonderwa
Aya mabwiriza akoreshwa: • Ahantu hashya n'ahasanzwe mu cyiciro cyo gutura mu bucucike bwo hejuru (R4) • Ibibabanza byakatswe cyangwa byongeye gukatwa mu cyiciro cyo gutura mu bucucike bwo hejuru (R4)		
1.0 IMIKORESHEREZE		
1.1 Ibyemewe	• Inzu zo guturwamo mu bucucike bwo hejuru • Ibikorerwa mu ngo zituwemo • Amoko y'inzu yo mu cyicyiro cya R2 mu gihe ikibanza gifite ubuso buri munsi ya metero kare 750	
1.2 Ibibujijwe	• Ibikorwa by'inganda • Ibikorwa-remezo bigari	
1.3 Ibindi bishoboka	• Resitora • Amahoteli (harimo ibizunganira), amacumbi, B&B • Ibikorwa rusange bifasha abaturage, mu gihe byemewe n'ibikorwa rusange bifasha abaturage abaturage bifite inyongera-mwihariko (igika 7.1) • Ubucuruzi bucirirtse, ibiro byunganira abaturage, ibigo bito by'ubucuruzi mu gihe iyo byemewe mu cyiciro cy'ubucuruzi bw'ahatuwe hafite inyongera-mwihariko O-C2 (igika 6.2.2) • Ibigo bito by'ubucuruzi	Reba ahantu hafite inyongera-mwihariko O-C2 n'ibikorwa remezo bifasha abaturage bifite inyongera-mwihariko mu kuyobora ahantu h'ubucuruzi n'ah'ibikorwa-bifasha abaturage
1.4 Ahakorerwa ibindi bintu	• Parikingi y'imodoka • Inzu y'umurinzi • Ububiko n'ibyumba bitangirwamo serivisi	

	Amabwiriza	Icyitonderwa
1.5 Ingano y'ikibanza	• Metero kare 750 • Ibibanza biri munsi ya metero kare 750 bitunganywa hakurikijwe amabwiriza yo mu cyiciro cya R2 • Ibibanza birengeje metero kare 750 bishobora gutunganywa hagendewe ku mabwiriza yo mu cyiciro cya R2 niba igabanya ry'ibibanza ryemerwa gukoreshwa n'amabwiriza yo mu cyiciro cya R2	
2.0 UMWANYA		
1.4 Ubuso bunini buterekwaho inyubako	• 50% nibwo bwinshi bushoboka	
1.5 Ubuso bunini buterekwaho inyubako	• 20% nibwo buto bushoboka	
1.6 Ikigereranyo cy'imikoresherez e (FAR)	• 1.8 niwo mubare munini ushoboka	
3.0 UBUCUCIKE BUTO BUSHOBOKA		
3.1 Inyubako zo gutura	• 80-120 Du/Ha	
3.2 Inyubako zivanze	• 60-80 Du/Ha (igihe igice cy'inyubako gifite indi mikoreshereze nk'uko biteganywa n'amabwiriza agenga ibice bifite inyongera-mwihariko O-C2)	
4.0 INYUBAKO		
4.1 Umubare ntarengwa w'amagorofa	• G+4 (amacumbi) nyinshi zishoboka • Igorofa imwe (1) irengaho ishobora kwemerwa bitewe n'imiterere y'ubutaka, mu rwego rwo kugera ku bucucike bukenewe cyangwa se kugera ku mitunganyirize ikwiriye kandi ishoboka mu cyerekezo cy'ubukungu • G (ku nyubako zunganira) nyinshi zishoboka	
4.2 Igisenge	• Ubuhaname bw'igisenge bugomba kuba munsi ya 30%. • Nta gikoresho cy'icyuma cyo ku gisenge kigarura urumuri cyemewe kandi amabara yacyo agomba kujyana n'ubusitani bukikije aho.	

	Amabwiriza	Icyitonderwa
4.3 Intera hagati y'igorofa n'iyindi	• Metero 4 ni zo nyinshi zishoboka	
4.4 Ishusho y'inyubako	• Amacumbi • Amoko y'inzu yo mu cyicyiro cya R2 ku bibanza bifite ubuso buri munsi ya metero kare 750	
5.0 UBURYO BW'ITERAMBERE		
5.1 Guteza imbere ikibanza cy'umuntu mu gihe ibibanza byose biri ahantu hamwe bifite ubunjiro buke bushoboka. 5.2 Guhuza ubutaka 5.3 Ibibanza bifite munsi ya metero kare 750 bishobora bitunganywa hakurikijwe amabwiriza yo mu cyiciro cya R2. 5.4 Ibibanza birengeje metero kare 750 bishobora gutunganywa hakurikijwe amabwiriza yo mu cyiciro cya R2 niba kubigabanyamo ibice bijyanye n'iki cyiciro cya R2 bishoboka		Reba ahantu hagenewe guhuza ubutaka hafite inyongera-mwihariko (Igika cya 7.3) mu ihuzwa ry'ubutaka
6.0 INGENDO		
6.1 Abanyamaguru	Ku bireba imitunganyirize y'ahantu hagari h'amacumbi menshi: • Inzira z'abanyamaguru zikwiriye kuba zihuza amazu n'ibindi bikorwa biri muri ako gace n'imihanda rusange binyuze mu nzira z'ibinyabiziga bitagira moteri. • Inzira z'abanyamaguru zikwiriye kuba zikozwe mu buryo bworoshye kandi bukoreshwa na buri wese mu rwego rwe.	
6.2 Ubwikorezi rusange	• Imihanda rusange igomba kuba ifite ibyapa bya bis/aho bisi zihagarara mu ntera iri hagati ya metero 300 na 500.	
7.0 IBIRANGO		
7.1 Ibyemewe	• Ibirango bibiri biri kimwe ku rukuta rwo rubibi, ikindi kikajya ku rukuta rw'imbere. • Ikirango kinini gishonoka cya 1.5m z'Ubutumburukex 7m z'ubugari kiremewe. • Gushyiraho ibimenyetso bitarenga imbibe z'ikibanza	

Aho byakuwe: Surbana Jurong

ISANISHA:



Ishusho 6-12 Icyiciro cyo gutura ku bucucike bwo hejuru (R4) Inyubako zidafatanye

ISANISHA:



Ishusho 6-13: Icyiciro cyo gutura ku bucucike bwo hejuru (R4) Inyubako zifatanye

6.2. Amabwiriza y'ibyiciro by'imikoreshereze y'ubutaka – Ikomatanya-bikorwa n'ubucuruzi

Amabwiriza n'imirongo-ngenderwaho muri iki gice akoreshwa ku mikoreshereze y'ubutaka ikomatanyije ibikorwa n'imikoreshereze y'ubucuruzi mu bice byitandukanye by'ubucuruzi mu Mujyi wa Kigali. Imirongo-ngenderwaho ku byiciro by'ubucuruzi, iragaragazwa neza hifashishijwe isanisha ribisobanura, mu ngingo zikurikira.

6.2.1. Icyiciro cy'ikomatanya-bikorwa (C1)

Ibisobanuro rusange: Icyiciro cy'ikomatanya-bikorwa (C1) ni icyiciro cyashyizweho mu rwego rwo kurushaho kurema ubworoherane bukomeye mu mikoreshereze y'ubutaka ikomatanyije ibikorwa no kurushaho guha imbaraga ibikorwa by'ubucuruzi bya buri munsi mu buryo buhoraho ndetse no gukena amahirwe y'imirimo abantu babasha gukorera mu magorofa nk'urugero ibiro cyangwa amahuriro. Iki cyiciro giha umwanya ibicuruzwa n'imirimo ndetse n'ahantu ho kuba mu buryo buhoraho cyangwa hakodeshwa mu rwego rwo kurema igice cy'ikomatanya-bikorwa cy'ubucuruzi gikomeye.

Imbonerahamwe 6.7: Icyiciro cy'ikomatanya-bikorwa (C1)

	Amabwiriza	**Icyitonderwa**
Aya mabwiriza akoreshwa: • Ku hantu hashya n'ahavuguruwe h'ubucuruzi hari mu cyiciro cy'ikomatanya-bikorwa (C1) • Ku bibanza byakatiwe imikoreshereze y'ubucuruzi mu cyiciro cy'ikomatanya-bikorwa (C1)		
1.0 IMIKORESHEREZE		
1.1 Ibyemewe	• Inzu z'ubucuruzi bucirirtse • Aho barira n'ahagenewe imyidagaduro • Ibiro kuva ku igorofa ya 1 • Imyanya yindi ifasha mu mikorere • Inzu zo guturamo/amacumbi • Ibikorerwa mu ngo zituwemo	
1.2 Ibibujijwe	• Ibikorwa by'ubucuruzi bwagutse/bugari • Ibikorwa by'inganda • Ibikorwa-remezo bigari	

	Amabwiriza	Icyitonderwa
1.3 Ibindi bishoboka	• Ibikorwa rusange bifasha abaturage • Ahasorezwa urujya n'uruza rw'abantu n'ibintu • Amahoteli • Ububiko bwa Peterori/Sitasiyo • Amagaraji n'ahasanirwa imodoka-Icyiciro cya E nk'uko bitaganywa n'amabwiriza y'ubuziranenge ya RSB[4] n'Umujyi wa Kigali • Ibinamba by'imodoka	Hifashishwa ibishushanyo byunganira O-C2 n'iby'ibikorwa-remezo rusange
1.4 Ahakorerwa ibindi bintu	• Udushami duto tw'ibikorwa by'amashanyarazi. • Ahantu h'ingoboka mu gihe cy'ibibazo	
1.5 Ingano y'ikibanza	• 500 m^2 • Ibibanza bifite munsi ya metero kare 500 ahantu hasanzwe ubucuruzi bufatika mu mujyi, bishobora kwemererwa ibikorwa by'ubwubatsi kuvugurura no gusana igihe biri mu kibanza gifite kitari munsi ya metero kare 200, nyuma yo kwemezwa n'ishami ribishizwe (OSC) mu mujyi wa Kigali	
2.0 UMWANYA		
2.1 Ubuso bunini buterekwaho inyubako	• ≤60% (Butarengeje 60%)	
2.2 Ubuso buto ku busitani	• >10%(Butari munsi ya 10%)	
2.3 Ikigereranyo cy'imikoreshereze (FAR)	• ≤1.6(Bitarengeje 1.6)	
3.0 INYUBAKO		
3.1 Umubare ntarengwa w'amagorofa	• G+4(amagorofa ashobora kurengaho agomba kwemezwa n'ishami ribishinzwe mu Mujyi wa Kigali, ku mihanda minini, imbere y'ibishanga n'indi miyoboro yagutse). • G (ku nyubako zunganira)	
3.2 Intera hagati y'igorofa n'iyindi		Hashingirwa ku mabwiriza agenga inyubako

Parikingi yagiye igira umumaro cyane bitewe no kwiyongera k'umubare w'abatunze imodoka n'izamuka ry'ihuta ry'iterambere ry'imijyi. Bityo ni ingenzi kugira ingamba zerekeye parikingi zifasha mu micungire yaza parikingi hagamijwe kugabanywa umurongo muremure w'ibinyabiziga bibyigana, ikoreshwa ry'amamodoka no guteza imbere uburyo burambye bw'ubwikorezi. Ku isi yose, hagiye habaho impinduka zitandukanye hagamijwe kushyiraho amabwiriza agenga parikingi zihagije, aho gushyiraho hato, hagamijwe igabanuka ry'umubare wa w'ahagenewe parikingi hadakoreshwa cyane (mu masaha zidakoreshwa cyane) mu mujyi, binyuze mu micungire inoze y'aho hantu kugirango hakoreshwe mu buryo buhagije.
Mu gihe amabwiriza yerekeye ahato hashoboka hagenewe za parikingi hashyirwaho aho abubaka basabwa gushyiraho ahantu hahagije hagenewe za parikingi, hagendewe kuzikenewe ahantu runaka, amabwiriza yerekeye parikingi nyinshi zihagije akoreshwa aho amabwiriza ari ngombwa cyane nk'ahantu higanje urujya n'uruza rw'ibinyabiziga (ahantu higanje ibinyabiziga byinshi, ahegeranye n'uruhurirane rw'uburyo bwinshi bw'ingendo n'ibindi.

6.7.2. Amabwiriza rusange agenga za parikingi

Umujyi wa Kigali uzakomeza kugabanya umubare wa za parikingi zidakoreshwa (mu masaha zidakoreshwa cyane) mu Mujyi, binyuze mu micungire inoze yazo hagamijwe ikoreshwa nzazo ku buryo buhagije. igaragara ryibura ryazo rizajya rigenzurwa mbere yuko amabwiriza yerekeranye n'ahakenewe nka parikingi ajyaho. Nk'ingamba zihutirwa, ni byiza ko habaho amabwiriza ngenderwaho yerekeye parikingi nto ishoboka. Nyamara Umujyi wa Kigali (OSC) N'urwego rushinzwe ibikorwaremezo binyuze mu igenzura ushobora gukoresha amabwiriza yerekeye ishyirwaho rya parikingi nini zishoboka, gusa ku bibanza bihereye mu bice by'amasantere, mu gihe cy'itangira ry'imirimo nkuko ibi bizatuma whole scheme bikorwa kandi bikemerwa n'abaturage bose.

Umujyi uzagenda gacye gacye ugana ku ikoreshwa gusa ry'amabwiriza ngenderwaho ya za parikingi nini zihagije, nyuma y'inyigo ya parikingi isesenguye/igenzweho (ijyanye n'igihe), ingamba n'igenamigambi ry'imicungire yaza parikingi zishyirwaho. Ibi bizafasha abubaka gufata icyemezo (guhitamo) umubare ukwiriye w'ahagenwe nka parikingi zigomba gushyirwaho ziri mu mabwiriza y'Umujyi wa Kigali yerekeye parikingi zihagije.
Amabwiriza yose ya parikingi agomba kugenzurwa n'Umujyi wa Kigali hagendewe kuri parikingi zisanzweho, ibihakorerwa, igice haherereyemo n'ubwiganze bw'ubwikorezi rusange, kandi utegure/uvugurure ingamba zisanzweho z'amaparikingi n'igenamigambi ry'imicungire y'amaparikingi. bityo amabwiriza ya za parikingi nini n'intoya zishoboka zikenewe yashyizwe mu mbonerahamwe 6.19 na 6.20 ziri hasi, ashobora guhinduka hagendewe ku nyigo inononsoye n'igenamigambi ry'imicungire ryatoranyijwe.

Imbonerahamwe 6.30: Amabwiriza ya parikingi ahatuwe

Ubwoko bw'inyubako/icyo ikoreshwa	**Amabwiriza ya Parikingi nto ishoboka**	**Amabwiriza Parikingi nini ishoboka**	**Icyitonderwa**
Inzu nto zo kuruhukiramo, inzu y'umuzenguruko yo kuruhukiramo, inyubako zifatanye n'inyubako ndenge ituwemo n'imiryango myinshi	Ahajya imodoka 1/buri inzu	Ahajya imodoka 2/ku nzu	Ku mitungo iri muri metero 500 (500m) y'imihanda ya bisi (BRT) amabwiriza ya parikingi nto zishoboka ashobora kugabanywa nyuma y'igenzura ryitondewe ry'Umujyi wa Kigali, ishami rishinzwe ibikorwaremezo
inyubako zo mujyi zo guturamo	0.75 by'Ahajya imodoka /buri inzu	Ahajya imodoka 1/buri inzu	
Inyubako yo guturwamo n'imiryango myinshi	0.75 by'Ahajya imodoka /buri inzu 5 1.5 by'ahajya moto n'igare/buri nzu	Ahajya imodoka 1/buri inzu 5 Imyanya 2 ya moto n'amagare 2/buri nzu	
inyubako ndende zo guturwamo	0.75 by'Ahajya imodoka /buri inzu 5(mu byiciro bya R2, R3) Ahajya imodoka 1/buri inzu (mu cyiciro cya R4 Ahajya imodoka 1/buri inzu (mu byiciro bya C1, C3 no mu byiciro byose by'ubucuruzi) 1.5 by'ahajya moto n'iby'ahajya igare/buri nzu	Ahajya imodoka 1/buri inzu 5 (mu byiciro bya R2, R3) Ahajya imodoka 1/buri inzu (mu cyiciro cya R4) Ahajya imodoka 1/buri inzu (mu byiciro bya C1, C3 no mu byiciro byose by'ubucuruzi) ahajya moto 2 n'amagare2 /buri nzu	

Imbonerahamwe 6.31: Amabwiriza ya zaparikingi z'ahataragenewe guturwa

Icyo hakoreshwa	Amabwiriza ya Parikingi nto ishoboka	Amabwiriza yerekeye Parikingi nini ishoboka
Amaresitora, utubari, ahafatirwa ikawa, ahakorerwa imigati n'ibindi	0.75 by'Ahajya imodoka /buri metero kare 150 (150 m^2) GFA 0.75 by'aho bapakirira cyangwa bapakururira/buri metero kare 1000 za GFA (1000m^2GFA) Ahajya moto 1.5 /buri metero kare 150(150 m^2) GFA	Ahajya imodoka 1 /buri metero kare 150(150 m^2) GFA Umwanya 1 w'aho bapakirira cyangwa bapakururira/buri metero kare 1000 za GFA (1000m^2GFA) Ahajya moto 2/ buri metero kare 150(150 m^2) GFA
Amaduka, iduka ricuruza ibiribwa biteguwe bifunitse, amasoko ya kijyambere, amaduka manini, inganda ntoya zidahumanya		
Amahoteri, za moteri, n'amazu acumbikira abashyitsi	Parikingi ingana na 0.75 /buri buryamo 5 Ahajya moto 1/ buri metero kare 150(150 m^2) GFA	Aho baparika imodoka 1/buri buryamo 5
Ibiro	0.75 by'Ahajya imodoka /buri metero kare 100(100 m^2) GFA Ahajya moto 1/ buri metero kare 100(100 m^2) GFA	Parikingi y'imodoka 1 /buri metero kare 100(100 m^2) GFA
Industrial Parks/Estate	0.75 by'Ahajya parikingi y'imodoka /buri metero kare 200 (200 m^2) 0.75 by'Ahajya parikingi ya rumoroki /buri metero kare 1000 (1000 m^2) GFA Ahajya moto 1.5/ buri metero kare 200 (200 m^2) GFA	Ahajya Parikingi y'imodoka 1 /buri metero kare 200(200 m^2) Ahajya parikingi ya rumoroki 1/buri metero kare 1000 (1000 m^2) GFA Ahajya moto 2/ buri metero kare 200 (200 m^2) GFA
Ibitaro	Parikingi ingana na 0.75 /buri buryamo 5 Ahajya moto 1/ buri buriri 5 Ahajya parikingi y'imodoka zitwara abarwayi n'ahajya ibindi	Ahajya Parikingi y'imodoka 1 /buri buriri 5 Ahajya moto 1.25/ buri buriri 5

AMABWIRIZA AGENGA IMIKORESHEREZE Y'UBUTAKA
HASHINGIWE KU BYICIRO BYABWO

Icyo hakoreshwa	Amabwiriza ya Parikingi nto ishoboka	Amabwiriza yerekeye Parikingi nini ishoboka
	binyabiziga byifashishwa mu kazi hagomba gushyiraho hagendewe ku bwoko n'ibikenerwa n'ibitaro.	
Amashuri abanza n'ayisumbuye	0.75 by'Ahajya parikingi y'imodoka/buri byumba 2 by'ishuri Parikingi y'ahajya bisi hagomba gushyirwaho hagendewe k'ubufasha bukenewe bw'ibyunganira mu burezi	Ahajya parikingi y'imodoka 1/buri byumba 2 by'ishuri
Kaminuza	0.75 by'ahajya parikingi y'imodoka /buri barimu 5	ahajya parikingi y'imodoka 1/buri barimu 5
Ibikenerwa n'abantu muri rusange (amavuriro, ibigo nderabuzima, amashuri y'incuke)	Ahajya parikingi y'ibinyabiziga byifashishwa mu kazi hagomba gushyiraho hagendewe ku bwoko n'ibikenerwa n'abantu rusange	Ahajya Parikingi y'imodoka 1/buri metero kare GFA200 (200 m^2) GFA
Inzu ndangamurage, amasomero, ibigo ndangamuco n'ahagenewe ubukerarugendo, ahantu hagenewe imyemerere	0.75 by'Ahajya Parikingi y'imodoka/buri metero kare GFA 150 (150 m^2) GFA	Ahajya Parikingi y'imodoka 1 /buri metero kare GFA150 (150m^2) GFA
Inzu z'amateyatere, za sinema n'iy'indi myidagaduro	0.75 by'Ahajya Parikingi y'imodoka /buri byicaro 10	Ahajya Parikingi y'imodoka 1 / buri byicaro 10
Sitade	0.75 by'Ahajya Parikingi y'imodoka /buri byicaro 10	Ahajya Parikingi y'imodoka 1 / buri byicaro 10
Ahagenewe kuruhukira n'imyidagaduro	0.75 by'Ahajya Parikingi y'imodoka /buri metero kare 1000 (m^2) z'ubuso bw'aho baruhukira	Ahajya Parikingi y'imodoka 1/buri metero kare 1000 (m^2) z'ubuso bwaho baruhukira

6.7.3. Itoranywa ry'ahantu n'ubwoko bw'ibibanza bya parikingi

Parikingi zitari izo ku muhanda - mu kibanza

- Parikingi zitari izo ku muhanda - mu kibanza zigomba gushyirwa mu bibanza kugirango bikoreshwe n'ababituyemo n'abakoresha inyubako hagendewe ku bipimo ngenderwaho muri ayo mabwiriza.
- Parikingi zitari izo ku muhanda mu kibanza ntizigomba gushyirwa intera isigara imbere y'inyubako zo mu byiciro bya R2, R4, C1, O-C2 na C3 kuko zishobora kuba imbogamizi ku mihanda/zivangira inyubako kandi zikagira ingaruka ku bwisanzure bw'abagenzi ku nzira yagenewe abagenzi. Ibibanza byose byagenewe parikingi bigomba gushyirwa ku gice cy'inyuma cy'ikibanza. Ahagenewe parikingi ku gice cyo ku ruhande cy'ikibanza hagomba kwemerwa gusa nyuma y'igenzurwa ry'ibangamirana rishobora kubaho hagati y'abanyamaguru n'ibinyabiziga.
- Umubare no kwisubiramo by'abagera kuri parkingi zitari izo ku muhanda mu kibanza ugomba kugabanywa kandi aho bishoboka zigasangirwa hagati y'ibibanza bitandukanye ku mihanda ihuza amakaritsiye. Ubwo buryo ni itegeko ku nyubako nshyashya zose cyangwa ubuso bwose bwerekeranya n'ihuzwa ry'ubutaka.

Parikingi zitari izo ku muhanda zisangirwa

- Ahantu hasangangirwa n'abantu rusange hagomba kwerekanwa kandi hagashyirwaho mu gihe cya guhuza ubutaka n'isubirwamo ry'ubutaka, inyubako nini n'ubundi bwoko bw'inyubako zegeranye zigomba guteganya ishyirwaho rya parikingi ihagije ku bantu hahurirwa n'abantu benshi.
- Parikingi zisangirwa zitari izo ku muhanda ntizigomba kwemerwa ku mihanda ya bisi (BRT), imihanda minini, cyangwa imihanda minini yo mu mujyi, by'umwihariko mu masangano y'imihanda.
- Parikingi zitari izo ku muhanda zisangirwa zishobora kwifashisha ku buso bwagenewe parikingi zo ku butaka, izo mu nyubako cyangwa parikingi zo munsi y'ubutaka.

Parikingi zo ku muhanda

- Parikingi zo ku mihanda zemezwa kandi zikagaragazwa n'Umujyi wa Kigali werekana mu buryo buhingagurika imihanda yaho parikingi zo ku mihanda zeewe ikanashyiraho amabwiriza genderwaho abyerekeye.
- Parikingi zo ku mihanda zishobora kwemerwa ku mihanda yo mu ngo, mitoya n'iyituweho. Nyamara parikingi zo ku mihanda zigomba gushyirwaho gusa nyuma yuko ubwikorezi budakoresha moteri bwamaze guhazwa.
- Parikingi zo ku mihanda ntizigomba kwemerwa ku mihanda ya za bisi, imihanda minini, cyangwa imihanda minini yo mu mujyi.
- Parikingi zo ku mihanda ahagenewe kunyurwa n'amagare zizasuzumwa n'Umujyi wa Kigali (ishami rishinzwe ibikorwaremezo) ahantu ku hantu hagendewe ku myanya iboneka no kumbogamizi zikomeye ku banyamagare zitewe n'ibinyabiziga biparitswe.
- Amabwiriza ya ngombwa ku nyigo z'imihanda yo kwakira parikingi zo ku mihanda azashyirwa mu gitabo gikubiyemo amabwiriza y'inyigo z'imihanda.
- Uburyo bwemewe bwo guparika ku muhanda ni:

Guparika mu cyerekezo cy'umuhanda - **BUSHISHIKARIZWA GUKORESHWA** ni bwo buryo bwiza mu cyerekezo cyo kwirinda impanuka kuko butabyara imbogamizi nkeya ku migendere y'ibinyabiziga. Nyamara ifata uburebure bunini bw'umuhanda bityo hagomba gushyirwaho umubare ntarengwa w'ibinyabiziga bishobora guparikwa ku burebure bw'inkengero z'umuhanda runaka.

Ubu buryo bwa parikingi bugomba kwemezwa kurenza ubundi buryo bwo bw'imfuruka (guhengeka) ku hantu hari umwanya uhagije
Parikingi y'imfuruka ya 30 (30°) ibinyabiziga biparikwa kuri mfuruka ya 30 ° hagendewe ku cyerekezo cy'umuhanda. Muri ubu buryo ibinyabiziga byinshi bishobora guparikwa ugereranyije na parikingi zo mu cyerekezo cy'umuhanda kandi bikorwa mu buryo bwiza, bugabanya gukerereza ingendo z'ibindi binyabiziga.

Parikingi y'imfuruka ya 45 (45°) na 60 (60°) - uko imfuruka ya parikingi yiyongera niko n'umubare w'ibinyabiziga bishobora guparikwa wiyongera

Parkingi z'imfuruka ya 90 (90°) - ibinyabiziga biparikwa mu cyerekezo kibusanye n'icyerekezo cy'umuhanda. N'ubwo bitwara ubugari bunini bw'umuhanda, uburebure bw'inkengero z'umuhanda bukenerwa ni bucye. Muri ubu bwoko bwa parikingi z'ibinyabiziga bukorwa mu buryo bugoranye kandi bukongera ibyago by'impanuka. Ubu buryo kandi bushobora guteza imboganizi nini ku migendere y'ibindi binyabiziga by'umwihariko iyo ubugari bw'umuhanda ari buto.

6.7.4. Ingamba kuri parikingi

Umujyi wa Kigali ugomba kugenzura ikenerwa rya parikingi binyuze mu kugira ingamba za parikingi zifasha mu buryo bwiza bw'ubukungu bw'agace no gushyigikira amahitamo arambye y'ubwikorezi. Umujyi ugomba kugenzura ahagenewe parikingi zawo binyuze mu gushyiraho ikiguzi cyo guparika gifasha mu kurwanya guparika bya hato na hato no gukoresha uburyo rusange bw'ingendo aho buboneka. Ishyirwaho rihagije rigomba gukorwa ku binyabiziga bitabara (byihariye) no kuzanwa kw'ibicuruzwa na za serivisi. Imbonerahamwe 6.21 na 6.22 zikurikira zitanga uburyo bworoshye bwo kwifashisha bwerekana ingamba za parikingi ku hakoresha nk'ahaturwa n'ahataragenewe guturwa.

Imbomerahamwe 6.32: Ingamba za parikingi kuhagenewe guturwa

Ubwoko bw'inyubako/icyo ikoreshwa	Ingamba za parikingi	Amabwiriza
Inzu nto zo kuruhukiramo, inzu y'umuzenguruko yo kuruhukiramo, inyubako zifatanye n'inyubako ndenge ituwemo n'imiryango myinshi	• Parikingi zitari izo ku muhanda mu kibanza	Parikingi zihuriweho rusange zo ku muhanda cyangwa zitari izo kumihanda zigomba gushyirwaho kandi zikagenzurwa
Inyubako zo mu mujyi zo guturamo	• Parikingi zitari izo ku muhanda mu kibanza	

Ubwoko bw'inyubako/icyo ikoreshwa	Ingamba za parikingi	Amabwiriza
	• Parikingi zo ku muhanda, aho bikenewe • Parikingi zisangiwe zitari izo ku muhanda	n'Umujyi wa Kigali nka parikingi zishyurwa (inyigo n'ibiciro bya parikingi bigomba gutegurwa n'Umujyi wa Kigali)
Inyubako yo guturwamo n'imiryango myinshi	• Parikingi zitari izo ku muhanda mu kibanza • Parikingi zisangiwe • Parikingi zo ku mihanda (aho guhuza ubutaka bitari).	
Inyubako ndende yo guturwamo	• Parikingi zitari izo ku muhanda mu kibanza (mu byiciro bya R1, R1A n'umubare uwo ari wo wose ushoboka mu byiciro bya R3, C1, C3) • Parikingi zisangirwa zitari izo ku muhanda (mu byiciro bya R1B, R2 na R3) • Parikingi zo Ku muhanda (aho bikenewe kandi bishoboka ku byiciro byose) • Parikingi rusange zitari izo ku muhanda zisangiwe (mu gihe nta guhuza ubutaka naho bishoboka harimo n' ibyiciro bya C1, C3)	Ku nyubako ziri muri metero 500(500m) uturutse ku mihanda ya bisi (BRT) (mu gihe bishoboka), kwirengagiza parking bishobora kwemerwa n'Umujyi wa Kigali nyuma y'isesengura ryitondewe.

Imbonerahamwe 6.33: Ingamba za parikingi ahataragenewe guturwa

Icyo hakoreshwa	Ingamba za Parkingi	Amabwiriza
Amaresitora, utubari, ahacururizwa ikawa, ahakorerwa imigati n'ibindi	• Parikingi zitari izo ku muhanda ku kibanza (mu byiciro bya R1 na R1A) • Parikingi zo ku muhanda (aho bikenewe n'aho bishoboka ku byiciro byose) • Parikingi rusange hakurikijwe ihuzwa ry'ubutaka (ibyiciro bya R1B, R2, R3, R4) • Parikingi rusange zitari izo ku muhanda (mu gihe nta guhuza ubutaka ndetse naho bishoboka hakubiyemo ibyiciro bya C1, C3)	Ubusitani n'ahantu hagenewe amagare hagomba gushyirwaho hafi yaho bapakirira banapururira ibintu n'abagenzi. Ahantu hagenewe parikingi rusange zo ku mihanda n'izitari izo ku muhanda zigomba gushyirwaho kandi
Amaduka, amaduka acuruza ibiribwa biteguwe, amasoko ya kijyambere, amaduka manini, inganda nto zidahumanya		
Amahoteri, za moteri, n'amazu acumbikira		

AMABWIRIZA AGENGA IMIKORESHEREZE Y'UBUTAKA
HASHINGIWE KU BYICIRO BYABWO

Icyo hakoreshwa	Ingamba za Parkingi	Amabwiriza
abashyitsi		zikagenzurwa n'Umujyi nka parikingi zishyurwa (inyigo n'ibiciro bya parikingi bigomba gutegurwa n'Umujyi wa Kigali) Hagomba kubaho parikingi zisangiwe hagati ya parikingi z'amazu maremare yo guturwamo na parikingi za ku manywa zikenerwa n'amaresitora, ahacururizwa ikawa, ahakorerwa imikati, amaduka n'ubundi bucuruzi, ahantu h'inganda nto n'ibiro (Ibande ku mabwiriza ya parikingi zisangiwe zigenwa n'uduhimbazamusyi agace ka 8.4)
Ibiro		
Ahagenewe inganda/imitungo	• Parikingi zitari izo ku muhanda mu kibanza • Parikingi zisangirwa rusange	
Ibitaro	• Parikingi zitari izo ku muhanda mu kibanza • Parikingi zo Ku muhanda • Parikingi rusange zitari izo ku muhanda	
Amashuri abanza n'ayisumbuye	• Parikingi zitari izo ku muhanda mu kibanza	
Za kaminuza	• Parikingi zitari izo ku muhanda mu kibanza	
Ibikorwa rusange bifasha abaturage abaturage (amavuriro, ibigonderabuzima, amashuri y'incuke	• Parikingi zitari izo ku muhanda mu kibanza mu (byiciro bya R1 na R1A) • Parikingi zo ku muhanda (aho bikenewe n'aho bishoboka ku byiciro byose) • Parikingi rusange zitari izo ku muhanda hakurikijwe guhuza ubutaka (mu byiciro bya R1B, R2, R3 na R4) • Parikingi rusange zitari izo Ku muhanda (mu gihe nta guhuza ubutaka ndetse naho bishoboka hakubiyemo ibyiciro bya C1, C3)	
Inzu ndangamurage, amasomero, ahantu ndangamuco n'ubukerarugendo, ahantu ho gusengera	• Parikingi zitari izo ku muhanda mu kibanza • Parikingi zo ku muhanda • Parikingi rusange zitari izo Ku muhanda	
Ibyumba by'amateyatere za sinema n'indi myidagaduro entertainment		
Sitade		
Ahantu haruhukirwa n'aho kwidagadurira		

6.7.5. Amabwiriza ku bikoresho bya pavoma za parikingi byemerera amazi kwinjira mu butaka

Ubuso bwose bwagenewe parikingi zo ku mihanda n'izitari izo ku mihanda bugomba gushyirwaho, aho bishoboka hagakoreshwa ibikoresho byemera kunyurwamo n'amazi menshi cyangwa macye kugirango hagabankwe itemba ry'amazi no kongera ingano y'amazi yinjira mu butaka. Ibikoresho byemewe n'uburyo bikoreshwa ni ibi bikurikira ariko sibyo byonyine:

- Pavoma ya za beto zigerekeranye zemera kunyurwamo n'amazi;
- Pavoma z'ibyatsi;
- Pavoma z'amatafari y'ibumba yemera kunyurwamo n'amazi;
- Pavoma igizwe n'amabuye mato afatanye;
- Beto yinjirwamo n'amazi;
- Pavoma z'amaparasitiki;
- Kaburimbo yinjirwamo n'amazi;
- Amabuye mato mato y'igaraviye.

6.7.6. Umwihariko ku mabwiriza rusange ya parikingi

Umwihariko ku mabwiriza ya parikingi zo ku mihanda n'izitari izo ku mihanda ashobora kwemezwa n'Umujyi wa Kigali ishami rishyizwe iterambere ry'ibikorwaremezo bu bihe bikurikira:

- Ku mpamvu z'amateka cyangwa ahahoze hatuwe cyane aho kugaragaza umwanya wa parikingi nshyashya bidashoboka mu kibanza cyangwa bishobora guhindura uburyo busanzweho bw'ibimerere y'Umujyi, imimerere y'umuco cyangwa amateka by'ahantu ndetse n'idakoreshwa ry'ikibanza.
- Mu gihe cya guhuza ubutaka cyangwa inyigo zo kugabanyama ubutaka mo ibice, aho za parikingi zitari izo ku mihanda herekanywe.
- Mu gihe gushyiraho za parikingi zo ku mihanda byamaze gukorwa, byemejwe kandi bigashyirwa mu bikorwa n'Umujyi wa Kigali ishami ry'iterambere ry'ibikorwaremezo
- Mu gihe harimo kuvugururwa imiturire yo mu kavuyo cyangwa kongera kubaka kandi hagendewe ku mpamo y'ubukenerwe bwitezwe bwa parikingi, biganisha ku nyigo runaka hibandwa ku hantu ku kantu bikozwe n'Umujyi wa Kigali ishami ry'iterambere ry'ibikorwaremezo
- Mu gihe inyubako zihererereye muri metero 500 z'uburerebure uturutse ku mihanda ya za bisi (BRT) (aho bishoboka) kandi Umujyi wa Kigali ukora igenzura ryitondewe ku byangombwa.
- Mu gihe, bitewe n'imiterere runaka y'ahantu (ubutumburuke, imimerere y'Umujyi, ukwegerana kw'imihanda n'ibindi) Umujyi wa Kigali ishami rishinzwe iterambere ry'ibikorwaremezo ushobora kwemera umwihariko udasanzwe.

6.8. Amabwiriza agenga ibyo gusiga intera hagati y'inzu n'imbibi z'ikibanza

6.8.1. Intangiriro

Amabwiriza y'ibyiciro by'imikoreshereze y'ubutaka agena ko inyubako nshyashya igomba gushyirwaho ku nkengero y'umuhanda ugera ku kibanza, cyangwa kubahiriza intera runaka, iteganyijwe. ibi bituma habaho gushoboka kw'ishyirwaho ry'ubusitani bw'Umujyi, hagendewe ku buryo busanzweho cyangwa ubwifuzwa bw'izamuka ry'imijyi.
Niba inyubako mubisanzwe ishyirwa ku mpera z'umurongo w'umuhanda ugera ku kibanza, amazu mato yo kuruhukiramo buri gihe yigizwayo metero nkeya kandi amazu mato yo kuruhukiramo n'amazu Manini yo guturwamo ntabwo zihererezwa mu buryo bumwe n'ahantu hatuwe cyane ndetse n'ahantu hakikije Umujyi hatuwe gacye.
Amabwiriza yo kwigizayo inyuma inyubako ashingira kuri:

- Kwibanda ku bwiza/inyigo: ni ikibazo cyo kurema ubusitani bw'Umujyi
- Kwita ku isuku, isukura n'imimerere myiza y'abaturage
- Kurinda no kubahiriza uburyo bw' imiturire (imirasire y'izuba n'umwihariko w'abantu).

Ayo mabwiriza atanga ibirango byo kubungabunga ayo mahame mugihe cyo kwemerera ingano runaka ry'ubworohereze ku bubaka kubaka mu kibanza.

6.8.2. Amahame agenga ibyo gusiga intera hagati y'inzu n'imbibi z'ikibanza

Isano hagati y'inyubako n'umuhanda risobanura ubwoko bw'imihurize hagati y'ahantu rusange n'ahantu h'umuntu ku giti cye.

- Ku hantu hatuwe hacucitse buke biremewe ko intera isigara ku kibanza hagaragaza kandi hubakiwe ku mimerere y'imiturire yari isanzweho y'ahantu h'ubusitani bw'imbere bugizwe n'amajaride, busobanurwa n'imbibi z'urukuta cyanwa uruzitiro
- Mu buso bw'ahantu hubakwa ku bucucike buringaniye n'ah'ikomatanyabikorwa ni ingenzi gushyigikira kongera ingano y'umushyikirano abagendesha amaguru bagirana n'ahantu humwihariko. Uyu mushyikirano uzafasha amaduka, ubucuruzi, ahacururizwa ikawa, amaresitora.
- Ubu buso bw'aha hantu bufite imiterere y'Umujyi no kugabanya uburebure n'igihe cy'urugendo kandi buherereye aho umubare munini w'ibikorwa by'abanyamaguru biherereye. Gusigaza ahantu imbere y'inyubako muri ibyo byiciro bigira umumaro mu nyubikire no kerekana umuhanda n'ahantu hagenewe abantu rusange.
- Inyubako ndende zo mu byiciro by'ikomatanyabikorwa bigomba muri rusange kugira igice cyo hasi y'ubutaka n'icyo hejuru yabwo. Igice cy'ibanze kunyubako kirebana n'umuhanda gikomba kuba gifite icyerekezo cy'ubuhagazi. Intera isigara hagenwa nk'igikoresho kibungabunga kugaragara kw'ikirere7 ku butaka, habungabunga kandi imirebekere mwiza no kurema impande nziza z'inyubako n'imihanda.
- Amabaraza agomba gukoreshwa mu mitegurire kandi agashyirwa no mu bigize igice kinini cy'inyubako zirebana n'umuhanda. Ntagomba gushyirwaho mu buryo bumwe

cyangwa bwisubiramo. Ibi kandi bikora kumabaraza afashe ku butaka ndetse n'atendera hejuru adafite igice gikora ku butaka.

- Amabaraza akozwe nk'umuheto n'utuyira dutwikiriye imbere y'inyubako zitanga uburinzi bw'ikibanza ku mvura, umuyaga n'izuba. Bitanga ibihe byiza ku bagenda n'amaguru, abahaha ndetse n'ikoreshwa rusange ry'aho bacururiza ikawa n'amaresitora. Amabaraza akozwe nk'umuheto agomba gushyirwa cyane cyane ku nzira z'abanyamaguru kugirango zitange uburyo bwiza bwo kurinda kurenga inzira streetscape buteza imbere ahantu h'amaguriro, ahacururizwa ikawa n'amaresitora. Imitegurire ya Amabaraza akozwe nk'umuheto n'utuyira dutwikiriye imbere y'inyubako igomba gushyiraho uburyo burombereje burebana n'umuhanda hashirwaho Amabaraza akozwe nk'umuheto n'utuyira dutwikiriye imbere y'inyubako zihuza izindi niba bishoboka.

- Imiterere y'umuhanda ni igikoresho cy'irema ahantu haboneye ijisho kandi hatekanye. Ibice by'umuhanda bikoreshwa bijyana akenshi n'umurongo w'amaguriro, ahacururizwa ikawa n'amaresitora ku buryo ihuza neza n'ibikorwa rusange. Amarembo menshi yinjira mu nyubako agera ku muhanda agira uruhare mu kugerwaho byoroshye ndetse n'umutekano w'umuhanda.
- Igorofa ryo ku butaka ry'amazu y'ikomatanyabikorwa igomba kwinjira mu bikorwa by'abantu rusange aho kurebana n'umuhanda bikenewe. Ibice binini biteganye n'umuhanda bihererezwa ku tuyira twiganjemo abanyamaguru benshi, mu buryo buhuriza ahantu henshi hamwe, bifasha mu mikoranire hagati y'ikoreshwa ry'igorofa ryo ku butaka n'ibikorwa rusange by'abantu kandi bifasha imikoreshereze y'utuyira tw'abanyamaguru mu buryo bwo gushyikirana nk'ahakwicarwa ku hacururizwa ikawa cyangwa izanwa ry'ibicuruzwa.

6.8.3. Ibiteganywa muri rusange mu gusiga intera hagati y'inzu n'imbibi z'ikibanza

Amabwiriza akurikira yerekeranye ko gusiga intera hagati y'inzu n'imbibi z'ikibanza agomba gukurikizwa na buri wese ugiye kubaka inzu nshyashya. Mu gihe bibaye ngombwa ko ingamba zo gusaba gusiga intera hagati y'inzu n'imbibi z'ikibanza bishobora kuba byatwara ubutaka bunini ndetse kubyaza umusaruro ubutaka bikaba bidashoboka cyangwa gushyira mu bikorwa gahunda yo guhuriza hamwe ubutaka bikaba bidashoboka, hifashishwa ibiteganyijwe muri 6.8.4 (Kutita ku mabwiriza yemejwe ku gusiga intera hagati y'inzu n'imbibi z'ikibanza).

1. **Gusiga intera ku gice cyo munsi y'ubutaka -** Nibura metero 3 (3m) zigomba gusigazwa uhereye ku rubibi rw'ikibanza rurebana n'umuhanda (kugira ngo hemererwe serivisi runaka yo munsi y'ubutaka zishobora gukenerwa no kugira ngo imikurire myiza y'ibiti ibe yizewe). Ku mbibi ruhuriweho n'ibibanza 2 cyangwa birenga ntibyemewe kuhubaka igice cy'inyubako cyo munsi y'ubutaka.
2. **Inyubako zunganira -** Zemewe mu gice cy'intera isigara ku ruhande cyangwa inyuma cy'ikibanza nta kwigizwayo kubaho mu ishyirwaho ryazo kandi ubugari bwazo ntibugomba kurenga
    - 30% ku haturwa
    - 50% mu bucuruzi no mu nganda bw'ahagana imbere h'ikibanza.

3. **Intera isigara hagati y'amazu menshi ari mu kibanza kimwe –** Ibande ku rwunge rw'amabwiriza agenga imyubakire.
4. **Uburyo busanzwe bugena icyerekezo cy'inyubako:** inyubako zose nshashya zigomba gukurikiza uburyo busanzweho ku mihanda yateguwe aho ahagana imbere harombereye hakenewe hagendewe ku mabwiriza agenga iterambere ry'Umujyi.
5. **Uburyo bw'ubuhumekero ku ruhande rutagira igice rusigaza –** nta madirishya cyangwa ubundi buryo bufunguye bw'uruhumekero bugomba kwemerwa ku bice by'inyubako aho inyubako idafite ahasigajwe ku ruhande rwayo.

6. **Intera isigara ku ruhande n'inyuma:** ni ngombwa gusiga ahagenewe parikingi mu kibanza ku ruhande cyangwa inyuma ahasizwe kuri buri nyubako. Ku bw'iyo mpamvu, gusiga ahantu hagari ni ngombwa muri R2, R3, C1, C3 n'ibindi byiciro by'imikoreshereze y'ubutaka.
7. **Amabaraza n'ahagenewe amafoto:** ni ngombwa ku nzu z'ubucuruzi zikora ku mihanda minini. Ishami rishinzwe imitunganyirize y'Umujyi mu Mujyi wa Kigali rigena uko bikorwa nk'uko byagiye biteganywa muri Nyarugenge CBD, Gahanga na Kimironko.

6.8.4. Kutita ku mabwiriza yemejwe

Ishami ry'Umujyi wa Kigali rishinzwe igenamigambi ry'imitunganyirize y'Umujyi (CoK-OSC) rishobora gutesha agaciro ibyifuzo byemejwe ku gusiga intera hagati y'inzu n'imbibi z'ikibanza ryifashishije Ingingo zikurikira:

1. Bitewe n'imiterere y'ubuhaname bwa Kigali ndetse n'ingano y'ikibanza hamwe n'imiterere idasanzwe yacyo, Ishami ry'Umujyi wa Kigali rishinzwe igenamigambi ry'imitunganyirize y'Umujyi (CoK-OSC) rishobora kugira ibyo ryoroherezа umushoramali cyangwa nyir'ubutaka ku bigendanye n'intera asabwa gusiga.
2. Mu bihe byose aho ishyirwa mu bikorwa ry'intera ntarengwa isabwa mu gusiga intera hagati y'inzu n'imbibi z'ikibanza rishobora kubangamira ibyazwa-musaruro ry'ubutaka ndetse no guhuza ubutaka mu ibyazwa-musaruro rikaba ridashoboka; amabwiriza yo mu gika cya 6.9.6 Amabwiriza ku gusiga intera hagati y'inzu n'imbibi z'ikibanza inyuma ashobora kutitabwaho mu gihe:

   a. Ibisabwa byose byo kurwanya inkongi y'umuriro, ibyibanze byubahirizwa mu gukoresha urumuri n'umwuka kamere mu nyubako bigomba kubahirizwa.
   b. Amabwiriza ateganywa n'urwunge rw'amategeko agenga imyubakire agomba kubahirizwa.

3. Mu gihe aho kubyaza umusaruro ubutaka bitemera ko hashyirwaho parikingi mu kibanza inyuma cyangwa ku ruhande rw'inyubako, Ishami ry'Umujyi wa Kigali rishinzwe igenamigambi ry'imitunganyirize y'Umujyi (CoK-OSC) rishobora kutita kuri bimwe mu mabwiriza yemejwe abigenga hashingiwe ku miterere y'ibyifuzwa kubakwa cyangwa se y'ahantu n'imbogamizi zihari zituma bidashoboka kuba inyubaho yakwigizwayo inyuma cyangwa ku ruhande. Ikurikizwa ry'amabwiriza y'urwunge rw'amategeko y'imyubakire ni ngombwa. Uko kutita kuri bimwe mu mabwiriza yemejwe bigomba gukurikizwa iyo muri icyyo gice hemewe kuparika hanze y'ikibanza mu muhanda ndetse bitabangamira ikoreshwa neza ry'inyubako zihari.

6.8.5. Ukwitegera ikirere kw'ahantu

Ukwitegera kw'ikirere cy'ahantu ni imiterere y'ubuso bwerekeza imbere aharebwa uhereye ku ntango y'icyiciro runaka cy'iby'ubutaka ikibanza cyubatswemo bwagenewe gukoreshwa haherewe ku burere runaka bw'inyubako zihari mu buryo budakingirizanya. Ikigereranyo mu busumbane gishobora gutandukana bitewe n'icyiciro runaka cy'iby'ubutaka bwagenewe gukoreshwa, ingano y'ubugari bw'imihanda n'umubare ntarengwa w'amagorofa ahemewe. Ibi bituma urumuri n'umwuka byinjira mu muhanda.

Aya mabwiriza ntabwo ateganya ibisabwa nyakuri ariko, ibisabwa ku Ukwitegera kw'ikirere cy'ahantu birasobanutse neza mu nyigo y'ihariye y'ahantu h'Umujyi bdetse no no mu barwiriza byakuri y'igenamigambi rya buri gice.



6.8.6. Amabwiriza y'Intera isigara hagati y'inyubako n'imbibi z'ikibanza

Ubwoko bw'inyubako	Intera isigara ku irembo rya mbere (imbere y'inyubako)	Intera isigara ku irembo rya 2 (*Ku bibanza byo mu nguni*)	Intera isigara mu mpande	Intera isigara inyuma	Intera isigara ku mabaraza akozwe nk'umuheto n'utuyira dutwikiriye imbere y'inyubako
AHAGENEWE IMITURIRE					
R1 - Icyiciro cy'ahaturwa mu buryo bw'inyubako z'umuryango umwe					
Inzu iri yonyine	≥ 3.0 m	≥ 3.0 m	≥ 3.0 m	≥ 3.0 m	N/A
R1A - Icyiciro cy'ahaturwa n'umuryango umwe mu buryo bucucitse (mu nsisiro)					
Inzu iri yonyine mu nsisiro	≥ 3.0m uturutse ku mihanda mito n'imigenderano ≥ 5.0m uturutse ku mihanda minini	≥ 3.0 m	≥ 1.0 m	≥ 3.0 m	N/A
Inzu 2 zisangiye nibura urukuta rumwe	≥ 3.0m uturutse ku mihanda mito n'imigenderano ≥ 5.0m uturutse ku mihanda minini	≥ 3.0 m	≥ 2.0 m	≥ 3.0 m	N/A
Inzu zirenze 2 zigiye zisangiye urukuta nibura urukuta 1	≥ 3.0 m	≥ 3.0 m	0.0m *(Nta muryango wemewe/6.9.3.7)*	≥ 3.0 m	N/A
R1B - Icyiciro cy'ahatuwe mu midugudu y'icyaro					
Inzu iri yonyine	≥ 1.0 m	≥ 1.0 m	≥ 1.0 m	≥ 1.0 m	
Inzu 2 zisangiye nibura urukuta rumwe	≥ 1.0 m	≥ 1.0 m	≥ 1.0 m	≥ 1.0 m	

Ubwoko bw'inyubako	Intera isigara ku irembo rya mbere (imbere y'inyubako)	Intera isigara ku irembo rya 2 (*Ku bibanza byo mu nguni*)	Intera isigara mu mpande	Intera isigara inyuma	Intera isigara ku mabaraza akozwe nk'umuheto n'utuyira dutwikiriye imbere y'inyubako
Inzu zirenze 2 zigiye zisangiye urukuta nibura urukuta 1	≥ 1.0 m	≥ 1.0 m	0.0m *(Nta muryango wemewe/6.9.3.7)*	≥ 1.0 m	
R2 - Icyiciro cy'ahaguturwa cy'inzu ngufi kandi zitondekanye					
Inzu iri yonyine	≥ 3.0 m	≥ 3.0 m	≥ 3.0 m	≥ 3.0 m	
Inzu 2 zisangiye nibura urukuta rumwe	≥ 3.0 m	≥ 3.0 m	≥ 4.0 m	≥ 3.0 m	
Inzu zirenze 2 zigiye zisangiye urukuta nibura urukuta 1	≥ 3.0 m	≥ 3.0 m	0.0m *(Nta muryango wemewe/6.9.3.7)*	≥ 3.0 m	

Ubwoko bw'inyubako	Intera isigara ku irembo rya mbere (imbere y'inyubako)	Intera isigara ku irembo rya 2 (*Ku bibanza byo mu nguni*)	Intera isigara mu mpande	Intera isigara inyuma	Intera isigara ku mabaraza akozwe nk'umuheto n'utuyira dutwikiriye imbere y'inyubako
R3 - Icyiciro cy'ahatuwe cy'inzu ndende z'imiryango myinshi					
Inzu iri yonyine	≥ 2.0 m ≤ 3.0m	≤ 3.0m	≥ 2.0 m	≥ 2.0 m	
Inzu 2 zisangiye nibura urukuta rumwe	≥ 2.0 m ≤ 3.0m	≤ 3.0m	≥ 3.0 m	≥ 4.0 m	
Inzu zirenze 2 zigiye zisangiye urukuta nibura urukuta 1	0.0m ≥ 3.0m	≤ 3.0m	0.0m *(Nta muryango wemewe/6.9.3.7)*	≥ 4.0 m	

Ubwoko bw'inyubako	Intera isigara ku irembo rya mbere (imbere y'inyubako)	Intera isigara ku irembo rya 2 (*Ku bibanza byo mu nguni*)	Intera isigara mu mpande	Intera isigara inyuma	Intera isigara ku mabaraza akozwe nk'umuheto n'utuyira dutwikiriye imbere y'inyubako
Inyubako ziri ku murongo kandi zigiye zisangira nibura urukuta rumwe	0.0m ≥ 3.0m	≤ 3.0m	0.0m *(Nta muryango wemewe/6.9.3.7)*	≥ 4.0 m	
R4 – Icyiciro cy'ahatuwe gifite ubucucike bwo hejuru					
Inzu iri yonyine	≥ 5.0 m	≥ 5.0 m	≥ 5.0 m	≥ 7.0 m	
Inzu 2 zisangiye nibura urukuta rumwe	≥ 5.0 m	≥ 5.0 m	≥ 5.0 m (*Ku bibanza byo mu nguni*)	≥ 7.0 m	
Ubwoko bw'inyubako	**Intera isigara ku irembo rya mbere (imbere y'inyubako)**	**Intera isigara ku irembo rya 2 (*Ku bibanza byo mu nguni*)**	**Intera isigara mu mpande**	**Intera isigara inyuma**	**Intera isigara ku mabaraza akozwe nk'umuheto n'utuyira dutwikiriye imbere y'inyubako**
UBUCURUZI					
C1 - Icyiciro cy'ubucuruzi bw'ikomatanya bikorwa					
Inzu iri yonyine	≥ 3.0 m	≥ 1.0 m ≤ 3.0m	≥ 3.0 m	≥ 5.0 m	≥ 2.0 m
Inzu 2 zisangiye nibura urukuta rumwe	≥ 3.0 m	≥ 1.0 m ≤ 3.0m	≥ 3.0 m	≥ 5.0 m	≥ 2.0 m
Inzu zirenze 2 zigiye zisangiye nibura urukuta 1	≥ 3.0 m	≥ 1.0 m ≤ 3.0m	0.0m *(Nta muryango wemewe/6.9.3.7)*	≥ 5.0 m	≥ 2.0 m

Ubwoko bw'inyubako	Intera isigara ku irembo rya mbere (imbere y'inyubako)	Intera isigara ku irembo rya 2 (*Ku bibanza byo mu nguni*)	Intera isigara mu mpande	Intera isigara inyuma	Intera isigara ku mabaraza akozwe nk'umuheto n'utuyira dutwikiriye imbere y'inyubako
O-C2 - Icyiciro cy'ubucuruzi bukorerwa ahatuwe – ikomatanyabikorwa					
	0.0m	N/A	N/A	N/A	≥ 2.0 m
C3 - Icyiciro cy'ubucuruzi bwagutse					
Inzu iri yonyine	≥ 3.0m uturutse mu mihanda mito n'imigenderano ≥ 5.0 m uturutse ku mihanda minini	≥ 5.0 m	≥ 7.0 m	≥ 7.0 m	
Inzu 2 zisangiye nibura urukuta rumwe	≥ 3.0m uturutse mu mihanda mito n'imigenderano ≥ 5.0 m uturutse ku mihanda minini	≥ 5.0 m	≥ 7.0 m	≥ 7.0 m	≥ 7.0 m
Inzu zirenze 2 zigiye zisangiye nibura urukuta 1	≥ 3.0m uturutse mu mihanda mito n'imigenderano ≥ 5.0 m uturutse ku mihanda minini	≥ 5.0 m	0.0m *(Nta muryango wemewe/6.9.3.7)*	≥ 7.0 m	≥ 7.0 m

Ubwoko bw'inyubako	Intera isigara ku irembo rya mbere (imbere y'inyubako)	Intera isigara ku irembo rya 2 (*Ku bibanza byo mu nguni*)	Intera isigara mu mpande	Intera isigara inyuma	Intera isigara ku mabaraza akozwe nk'umuheto n'utuyira dutwikiriye imbere y'inyubako

Ubwoko bw'inyubako	Intera isigara ku irembo rya mbere (imbere y'inyubako)	Intera isigara ku irembo rya 2 (*Ku bibanza byo mu nguni*)	Intera isigara mu mpande	Intera isigara inyuma	Intera isigara ku mabaraza akozwe nk'umuheto n'utuyira dutwikiriye imbere y'inyubako
SERIVISI N'UBUYOBOZI BWA LETA					
PA – Ibikorwa n'Imirimo by'Ubuyobozi					
Ibiro bya Leta	≥ 15.0 m	≥ 5.0 m	≥ 10.0 m	≥ 10.0 m	

PF – IBIKORWA RUSANGE BIFASHA ABATURAGE					
PF1- Ibigo by'uburezi	≥ 3.0m uturutse mu mihanda mito n'imigenderano ≥ 7.0 m uturutse ku mihanda minini	≥ 3.0m uturutse mu mihanda mito n'imigenderano ≥ 7.0 m uturutse ku mihanda minini	≥ 3.0m	≥ 3.0m	
PF2 - Ibigo by'ubuzima	N/A – bishingira ku rwego ikigo cy'ubuzima kiriho no ku buryo umushinga wateguwe				
PF3 – Inzu zifasha mu bijyanye n'imyemerere	≥ 3.0m uturutse mu mihanda mito n'imigenderano ≥ 7.0 m uturutse ku mihanda minini	≥ 3.0m uturutse mu mihanda mito n'imigenderano ≥ 7.0 m uturutse ku mihanda minini	≥ 3.0m	≥ 3.0m	
PF4 - Ibigo ndangamuco n'ahantu ndangamateka	≥ 3.0m uturutse mu mihanda mito n'imigenderano Metero 7 (7.0 m) ni zo nkeya zemewe uturutse ku mihanda minini	≥ 3.0m uturutse mu mihanda mito n'imigenderano Metero 7 (7.0 m) ni zo nkeya zemewe uturutse ku mihanda minini	≥ 3.0m	≥ 3.0m	

Ubwoko bw'inyubako	Intera isigara ku irembo rya mbere (imbere y'inyubako)	Intera isigara ku irembo rya 2 (*Ku bibanza byo mu nguni*)	Intera isigara mu mpande	Intera isigara inyuma	Intera isigara ku mabaraza akozwe nk'umuheto n'utuyira dutwikiriye imbere y'inyubako
INGANDA					
I1- Icyiciro cy'inganda ntoya zidahumanya					
Inzu iri yonyine	≥ 3.0m	≥ 3.0m	≥ 1.5m	≥ 1.5m	
Inzu 2 zisangiye nibura urukuta rumwe	≥ 3.0m	≥ 3.0m	≥ 3.0m	≥ 1.5m	
Inzu zirenze 2 zigiye zisangiye nibura urukuta 1	≥ 3.0m	≥ 3.0m	0.0m *(Nta muryango wemewe/6.9.3.7)*	≥ 3.0m	
I2- Icyiciro cy'inganda nini zishobora guhumanya					
	N/A	N/A	N/A	N/A	

AMASHYAMBA N'IBYANYA BIGARI					
P1 - Icyiciro cy'ibyanya bigari byo kwidagaduriramo					
	N/A	N/A	N/A	N/A	
P2 - Icyiciro cya siporo n'ubucyerarugendo					
	≥ 10.0m uturutse mu mihanda mito n'imigenderano	≥ 10.0m uturutse mu mihanda mito n'imigenderano	≥ 20.0m	≥ 20.0m	
	≥ 25.0 m uturutse ku mihanda minini	≥ 25.0 m uturutse ku mihanda minini			

P3-A - Icyiciro cya za pariki z'Igihugu					
	N/A	N/A	N/A	N/A	

UBUHINZI N'UBWOROZI N'UBWOROZI					
	≥ 1.0 m	**≥** 1.0 m	**≥** 1.0 m	**≥** 1.0 m	

UBWIKOREZI					
Ububiko	**≥** 20.0m	**≥** 5.0m	**≥** 10.0m	**≥** 10.0m	

6.9. Kubaka uruzitiro n'inkike

- Inzitiro zitamenwa cyangwa ibikuta by'imbibi ntibigomba gukoreshwa ariko aho bitakwirindwa/aho bidashoboka, Ubutumburukebwabyo ntibugomba kurenga metero 1.5, zipimwa uhereye ku butaka kugera ku musozo w'urwo ruzitiro cyangwa igikuta.
- Ibikoresho by'uruzitiro bikomeye byunganira uburyo bw'imiterere y'inzitiro n'ibikuta bishobora kugenwa ku nzitiro z'inyuma no ku ruhande. Uruzitiro rw'imbere rugomba kuba rworoshye cyangwa urukuta rukoze mu byatsi/nk'ubusitani rwonyine nirwo rwemerwa.
- Ibikoresho gakondo/karemano nibyo bigomba gushishikazwa gukoreshwa mu kuzitira.
- Nta nzitiro cyangwa n'ibikuta byemewe mu cyiciro cya C1 na O-C2 ku mihanda y'ubucuruzi keretse ahari uruhushya rwihariye rwatanzwe n'Umujyi wa Kigali.
- Nta ruzitiro cyangwa igikuta bigomba gushyirwa ku kibanza kibangamira abantu kureba neza ku muhanda.
- Nta bimene by'ibirahure, zinzitiro zikoze mu masinga y'umuriro w'amashanyarazi cyangwa amasinga atyaye(atemana cyangwa asongoye) bigomba kwemerwa gushyirwa hejuru ku bikuta by'imbibi.
- Inzitiro z'ibikuta zitarengeje metero 2 z'Ubutumburukeziremerwa mu bice byagenewe imyidagaduro ijyanye na siporo n'ubukerarugendo (P2).

6.10. Kurimbisha ahantu ho kwirangariza

- Ibimera bisanzwe ahantu cyangwa mu bibanza bitunganywa bundi bushya, bigomba kurengerwa binyuze mu kwirinda ibikorwa byo kubigabanya kubyimura.
- Ku mirunganyirize/ibikorwa byose, byibuze 10% by'ubuso rusange bw'ikibanza bugomba kugirwa ubusitani bukoreshwa nk'ahantu ho kuruhukira no kwidagadura.
- Isakaro ryihariye rizemerwa ahantu hagenewe ibikorwa by'imyidagaduro, aho bishoboka.
- Imitegutire y'ubusitani ku bibanza igomba kuba ijyanye n'igipimo, ishusho n'imikoreshereze y'ubutaka byegeranye kandi igomba kushyira ho, mu buryo bwo gutanga umusaruro, imikoreshereze ihabanye n'ikikije aho hantu.
- Kubaka ubusitani bigomba gukoreshwa mu gushyiraho imbibi, aho kurebera ndetse n'inkengero y'ibice byo gutangukanya ingano y'ibikorwa n'imikoreshereze y'ubutaka ihabanye.
- Ahantu hose hagizwe ubusitani ku bibanza, hagomba gukomeza kwitabwaho na nyiraho, uhakorera ibikorwa cyangwa komite y'imicungire y'ibikorwa.

6.11. Kurwanya inkongi n'uburyo bwo kugeza ibiyirwanya ku kibanza

Inyubako zose n'ibikorwa bigomba guteganyirizwa ahantu habangutse mu kurwanya inkongi n'ibikorwa by'ubutabazi bwihuse, hifashishijwe abantu, Imashini n'ibikoresho byabugerewe. Ku bisabwa byose ku korohereza kurwanya inkongi n'ibisabwa by'ibikoresho byifashishwa, amabwiriza ku kurwanya inkongi n'amahame rusange y'Urwego rw'Igihugu rw'imitegurire n'imyubakire agomba gukurikizwa.

6.12. Ubuzima bwite n'umutekano

Imitunganyirize yose, inyubako z'ikomatanya-bikorwa, cyangwa iz'ubucuruzi, zigomba gushushanywa no gukorwa mu buryo burinda cyangwa byibuze bugabanya cyane, amahirwe n'uburyo bushoboka bw'abazirimo gutandukira bareba cyangwa kurengera bavogera ubusugire bw'abakoresha inyubako byegeranye.

Nta miryango yemewe ku mpande z'ikibanza mu gihe bacyubatse bakamarayo ubutaka bwose.

7

Uru rupapuro ntirugomba kwandikwaho

Ingingo ya 7: Amabwiriza agenga ibice bifite inyongera-mwihariko

Ibice bifite inyongera-mwihariko byashyizwe muri ayamabwiriza ni ibi:

- Ahatuwe hafite ikomatanyabikorwa rifite inyongera-mwihariko O-C2 *(reba ku gice 6.2.2)*
- Ahantu h'ibikorwa rusange hafite inyongera-mwihariko
- Ahantu h'iterambere ry'ibikorwa bibyarira abaturage inyungu hafite umwihariko
- Ahantu hagenewe guhuza ubutaka hafite inyongera-mwihariko
- Ahantu hakaswe ibibanza hafite inyongera-mwihariko
- Ahantu hakorewe inyigo yimbitse mu gishushanyo cy'Umujyi hafite inyongera-mwihariko
- Ahantu hagenewe ibikorwa by'ikibuga cy'indege hafite inyongera-mwihariko
- Ahantu hagenewe ukwisubira kw'ibidukikije hafite inyongera-mwihariko
- Ahantu hafite ubuhaname buri hagati ya (30-50%) hafite inyongera-mwihariko
- Ahantu hagenewe ubukerarugendo, kubungabunga Umurage no kuwuteza imbere hafite inyongera-mwihariko.
- Ahantu hazengurutse ibikorwa byihariye hafite inyongera-mwihariko
- Inyongera-mwihariko y'ahantu hakomye ku mapamvu z'ibiza

Ibiteganywa n' iyi ngingo ni ugukoresha ubutaka byagenwe no ku buteza imbere byiyongera ku bindi bikorwa bisabwa n' amabwiriza agenga ibyiciro. Agace gafite inyongera-mwihariko gashyiraho cyangwa kagakuraho amabwiriza n' ibigenderwaho k'uduce turaho. Agace gafite inyongera y'umwihariko gahuza imbibi n 'agace ko hasi cyangwa kakazenguruka imbibi z'ako gace ko hasi. Mu buryo bumwe inyongera z'umwihariko ntizigomba kuba zisa mu gace runaka, bitewe n'ubushake bwo kuzishyira ahantu zifasha umuryango bibanze kubaturage n'ababikenera. Muri ubwo buryo, ahantu hanyaho zikoreshwa hagenwa hagendewe ku mabwiriza yashyizweho ku nyongera mbere yuko zishyirwaho n'amwe mu mabwiriza agenga ibyiciro.

7.1. Inyongera-mwihariko y'ahateganyijwe ibikorwa rusange

Ibisobanuro rusange

Ibikorwa rusange bifasha abaturage bifite inyongera-mwihariko si itegeko ryashyizweho, biriho mu gufasha cy'ikigo rishinzwe ubutaka, imiturire n'ibikorwaremezo cy'Umujyi wa Kigali mugushiraho ahantu heza kandi hifuzwa cyane kubikorwaremezo.

Ibikorwa remezo bifasha abaturage bifite inyongera-mwihariko byashyizweho kugirango bitange uruhererekane rw'ibikorwaremezo bisabwa n'imiryango aho ngaho, uduce twateganijwe, no kurwego rw'Umujyi. Ibyo bikorwa bitanga serivisi z'ibanze n'ubufasha bw'ibanze bwa serivisi ku muryango ntibigomba kuba bisa n'ibyo mu gace runaka, bitewe n'ubushake bwo kuzishyira ahantu zifasha umuryango bibanze ku baturage babikenera.

Ibikorwa remezo bifasha abaturage bifite inyongera-mwihariko bifasha gutandukanya amarekezo n'ahazaza kubiteganywa kuri buri bwoko bwigikorwaremezo. Amerekezo yibyo bikorwa remezo, iyo yashyizweho bishobora gukora ikarita y'ibice kandi bijyanye n'amabwiriza agenga uduce nkuko bigaragara mugace 6.4.1 Agace kibikorwa remezo

Imbonerahamwe 0.1: Inyongera-mwihariko y'ahateganyijwe ibikorwa rusange

Amabwiriza	
Ayamabwiriza ashobora gukoreshwa ku: • Ku biteganywa byose by'ahazaza/impinduka ku bikorwa remezo bifasha abaturage bisanzwe biri mu mujyi	
Amabwiriza/Isuzuma	**Icyitonderwa**
• Izi nyongera mw'ihariko zifata ibyakoreshejwe byose bigaragara mu gace 6.4.1 mu gace k'ibikorwa remezo bifasha abaturage. • Ibikorwa byose byegeranye hashobora guhitwamo kubishyira mu gace kashyizweho k'ibikorwa remezo bifasha abaturage cyangwa muri metero 400 z'akarambararo uvuye aho gutura n'ahakorerwa ibikorwa bitandukanye (ubucuruzi no gutura) ugendeye ku mubare w'abaturage n'ibikenerwa. • Ibikorwa remezo bifasha abaturage byose biteganywa bigomba kugendera ku bipimo by'igena migambi bigaragara mu mabwiriza • Ubusabe bwose busaba guhindura igikorwa remezo gifasha abaturage gisanzwe busuzumwa n'Umujyi wa Kigali hifashishijwe abaturage. • Umujyi wa kigali ushobora kwemera ishyirwaho ry'igikorwa remezo gifasha abaturage ushingiye kuri ibi bikurikira: • Hari impamvu icyo gikorwa gikenewe aho hantu kandi/ahateganijwe/urwego rw'Umujyi kikaba kandi kitateza amakimbirane ku nyungu rusange. • Igikorwa remezo gifasha abaturage kijyana n'intego na gahunda z'igenamigambi rusange n'amabwiriza agenga iteganya migambi • Amerekezo n'ishyirwaho ry'igikorwa remezo gifasha abaturage bijyana n'ubuzima, umutekano, n'imibereho myiza y'abaturage batuye cyangwa bahakorera aho hantu. • Hari ibikorwa remezo bihagije bya serivisi bisabwa mu gufasha igikorwa	Reba igenamigambi ry' ibikorwaremezo bifasha abaturage ku nyongera mwihariko

remezo gifasha abaturage urugero ibintu byingirakamaro, uburenganzira mu ikoresha na parikingi.	

Ibipimo by'igena migambi

Mu nsi y'ahantu hato hashoboka ku kibanza gikenewe mu igena migambi nyaryo. ingano nto y'ibibanza kuri buri gikorwa remezo gifasha abaturage ishobora kuba ntoya kurusha iyavuzwe muri iyimbonerahamwe niba:

a) Ahantu h'igikorwa remezo gifasha abaturage hafashwe ni hato kurusha ahagenwe n'amabwiriza kandi abazagikoresha bagendera ku ngano y'ikibanza. Muri ubu buryo umubare w'abahatuye cyangwa abazagikoresha ugenwa n'abagikoze.

b) Imiterere y' imisozi, inyubako zihari z' Umujyi cyangwa igishushanyo cyifishe y' ikibanza zihari ntizemewe ku bibanza binini ariko hakenewe igikorwa kigaragara gifasha abaturage kigomba kubahiriza amabwiriza yavuzwe mu ngingo ya a) ingano ya nyayo.

c) Ishyika ku bwirinzi bukenewe nkuko byavuzwe n'amategeko.

d) Ishyika ku ngano ntoya ishoboka ya parikingi –ibikenewe kuri parikingi bishobora kugabanuka niba ibikorwa biri kuri metero 500 uvuye aho ubwikorezi rusange burangirira.

e) Ntuhungabanye uruhererekane rw'inyubako ugendeye ku burebure, ubucucike, uruhererekane rw'imisozi, cyangwa imiterere yibidukikije.

f) Ni igikorwa gisanzwe gikora ku nyungu z' imiryango ni muri ubu buryo ingamba zo kugabanya zigomba gushyirwaho mu gihe zikenewe cyangwa zasabwe n'ishami rishinzwe ubutaka n'imiturire ry'Umujyi wa kigali nk'ubufasha mu gukomeza gukora

Ubwoko	Ibipimo	
Ibikorwa remezo bifasha abaturage muburezi	• Amashuli abanza - 1 mu gace gatuwe n'abaturage (15,000-20,000) • Amashuli yisumbuye - 1 ku baturage (20.000-25,000); rifite ubuso bwa 2,4ha • Amashuli abanza + Amashuli makuru (hamwe) - 2.8ha (bakoresha amashuli asanzwe) • Imyuga /amashuli yikoranabuhanga – 1 kuri 2ha • Amashuli makuru - 1 ku baturage nibura 500,000 - 3 ha	
Ibikorwa remezo bifasha abaturage mubuzima	• Ikigo cy'ubuvuzi -1 ku hantu hari abaturage (15,000-20,000); kuri 0,5 bya hegitari yahantu • Ibitaro byigenga -1 ku hantu hateganijwe; hegitari 5zahantu (urugendo rutarengeje iminota 30) • Ibitaro byakarere -1 ibihumbi 500,000 byabaturage, hegitari 5 za hantu	

Ibikorwa remezobifasha abaturage mumadini	• 1 kuri burihantu hafite abaturage (15,000-20,000); 0,5 bya hegitari kuhantu,	
Ibikorwa remezo bifasha abaturage by'umuco.	• Inzu y'umuryango 1ku bantu ibihumbi 20,000-25,000: hegitari1 kuhantu • Isomero rusange 1 kubaturage ibihumbi 500,000; kuri 0,5 bya hegitari yahantu • Inzu ndanga murage, santeri y' umuco nibindi -1 kuhantu hateganijwe ;1,5 byahegitari yahantu • santere imwe kuhantu hegeranye – 1kuri buri hantu hegeranye hafite abaturage bangana (15,000-20,000) kuri 1,2 bya hegitari yahantu • Pariki 1 rusange kuhantu hafite abaturage banga na (15,000-20,000) kuri hegitari 1	
Amarimbi naho batwikira imirambo	• Irimbi 1 kuri hegitare10 zahantu hatuwe nabaturage bari hagati yi bihumbi 200,000 na 250,000 • Inzu yo gutwikiramo imirambo 1 kuri hegitari 2 kuhantu hari abaturage ibihumbi 150,000 bishobora kuvangwa n'amarimbi	



Ishusho 0-1: Ibikorwa urange remezo bifite inyongera-mwihariko

7.2. Inyongera-mwihariko y'ahantu h'iterambere ry'ibikorwa bibyarira abaturage inyungu (O-IZ)

Ibisobanuro rusange: Uduce twiterambere twinyongera twihariye twashyizweho nkigikoresho cyagace kadasanzwe cyemerera banyiraho kubaka izindi nzu zinyongera, uburebure, cyangwa ubunini kurusha izi sanzwe zemewe kubugurane bw'inyungu z'umuryango nk' ibikorwa remezo bifasha abaturage, ahantu ho kuruhukira, inyubako zigezweho cyangwa ikindi gikorwa rusange gishimishije, ahongaho cyangwa se ahandi (Amazu yokugurisha cyangwa gukodesha nkigisubizo agaragara muri ako gace gusa).
Impamvu yiyi nyongera mwihariko ni ugushyiraho ibikorwa byinshi bitandukanye, ibikorwa bitandukanye bitanga inyungu, ugendeye kubikenerwa. Igamije kandi korohereza nogufasha mukugaragaza ahantu nkamahirwe azafasha mukurinda ubutaka no kububyaza umusaruro muhazaza.

7.2.1. Imikoresherezwe y'ahantu h'iterambere ry'ibikorwa bibyarira abaturage inyungu hafite umwihariko

Uduce tw'iterambere tw'inyongera-mwihariko dushobora gukoreshwa kuri ubu buryo:

a) Ahantu h'agaciro hagenewe ubucuruzi mu mujyi wa Kigali aho hakenerwa inzu ndende z'amagorofa harakenewe kugira ngo hashyirweho nk'agace k'ubucuruzi rusange mu mujyi (CBD) nk' iterambere rirangwa n'amuzu maremare kandi akomeye.
b) Ahantu bisi nini zihuta zinyura (BRT) n' ahahuza uduce tw' ibikorwa bitandukanye (ubucuruzi, imirimo, ibigo, n' ahantu ho kuruhukira) no kubihuza, no kugena agaciro ku bwiyongere bw'ubutaka bituma habaho ubwiyongere bw' abaturage begereye icyo gikorwa remezo.
c) Ku mwihariko w'ibishanga byagenewe gukoreshwa nk'ahantu ho kuruhuka cyangwa hegeranye n'udusozi tw'agaciro cyangwa uduce twegereye aho, mukongera agaciro ku butaka n'ibikorwa.
d) Mu bindi bice by'Umujyi wa Kigali ugendeye ku cyegeranyo cyakozwe n'ishami ry'Umujyi wa Kigali rishinzwe ubutaka, imiturire n'ibikorwa remezo hashingiwe kubikenewe, inyungu z'isoko cyangwa andi mahirwe. Ni muri ubu buryo, uduce tw'iterambere dufite inyongera-mwihariko dushobora gutezwa imbere byumvikanyweho n'ishami ry'Umujyi wa Kigali rishinzwe ubutaka, imiturire n'ibikorwa remezo.

Mu gihe inyongera kugika a) na b) ziba zizwi neza ku gishushanyo cy'uduce no mu mabwiriza yihariye y'igice cy'Umujyi cy'ahihariye mu by'ubucuruzi muri Nyarugenge, imbibi z'igice c) na d) zishobora gushyirwaho n' ishami rishinzwe ubutaka imiturire n'ibikorwa remezo by' Umujyi wa kigali mu gihe runaka, bitewe na gahunda yo gushyira mu bikorwa umushiga wo kugira Umujyi wa kigali mushya (CIP) cyangwa Imishinga minini cyangwa ibyatuma habaho iterambere mu mujyi wa Kigali. Kuduce tw'inyongera tw'iterambere ku gika c) na d) bishobora kongerwaho nk'ingamba z'ingenzi ziba zabafashwe n'Umujyi wa Kigali. Izo ngamba ntizishobora guhuzwa.

Imbonerahamwe 0.2: Inyongera-mwihariko y'ahantu h'iterambere ry'ibikorwa bibyarira abaturage inyungu hafite umwihariko

	Amabwiriza	**Icyitonderwa**
Ayamabwiriza agomba gukurikizwa ku: • Ahantu hose hashya no kuhantu hose hari kongera gutera imbere hafite uduce twiterambere twinyongera-mwihariko.		
1.0 Imikoreshereze		
1.5.Ibyemewe kuhakorerwa	• Nkuko amabwiriza agenga uduce akurikizwa muri buri gace	Amazu y' utubyiniro agomba kubahiriza igamba zizanye no kugabanya urusaku nkuko byagenwe n'amabiwriza agenga Umujyi wa Kigali
1.6.Ibitemewe kuhakorerwa	• ubucuruzi bucirirtse no kuranguza • inganda • kuhashyira ibikorwa remeze byingenzi	
1.7.ingano nto y'ikibanza	• Ingano nto y 'ibibanza ikurikira ishobora kubahirizwa mugihe hashyizwe ibikorwa by'iterambere: • ubucuruzib kurwego rw' umugi(c3): metero kare 2500 •ubucuruzi buvangavanze (c1): metero kare 1000 •gutura mubucucike bwo hejure guhera kuri etage 7 kujyana hejuru (R4): metero kare 1000 • Utundi duce twose tugomba kubahiriza amabwiriza agenga ubuto cyangwa ubunini nkuko byubahirizwa mumabwiriza y'uduce	
2.0 Ibifasha		
2.1.Igipimo kinini cyahantu hubakwa amagorofa n'umubare wamagoroba	• Reba ibigenderwaho hasi	
Ibigenderwaho		
Umujyi wa kigli ugomba korohereza ubusabe bw'iterambere ry' uduce muhantu hakurikira n'ibisabwa byavuzwe hasi O-IZ-A: Ibibanza byiharihe by'ubucuruzi mUmujyi (CBD) n'utundi duce mukarere nkuko byavuzwe muduce tw' iterambere twinyongera-mwihariko (O-IZ) -A byi inyongera-mwihariko:		Reba uduce tw'iterambere tw'inyongera.

	Amabwiriza	Icyitonderwa
	Ubunini bwa 50% byihariye bw'ahantu hubatswe inzu y'igorofa (GFA) kumutwe wikibanza /Amabwiriza agenga uduce yashyizweho agomba kubahirizwa, ibikorwa remezo byateganijwe bizubakwa. amagorofa yinyongera ashobora kwemerwa kugirango hagerwe kungano nini yamagorofa yajyenywe muri icyo kibanza.	
	O-IZ-B: Ahantu hari kukarambararo ka metero 75 uturutse aho bisi nini zihuta zinyura n' ahahuza uduce tw' ibikorwa bitandukanye (ubucuruzi,imirimo, ibigo,n' ahantu ho kuruhukira) no kubihuza nkuko byerekanywe muduce tw' iterambere tw' inyongera twihariye (O-IZ)-B: :Ubunini bwa 30% byihariye bw'ahantu hubatswe inzu y'igorofa (GFA) kumutwe wikibanza /Amabwiriza agenga uduce yashyizweho agomba kubahirizwa nibura 15% by'inyubako bigomba gukoreshwa mugutura cyangwa ibikorwa remezo byateganijwe bizubakwa .amagorofa yinyongera ashobora kwemerwa kugirango hagerwe kungano nini yamagorofa yajyenywe muri icyo kibanza kereka hari ubundi buryo bwamabwiriza muri UD aho yakoreshejywe.	
	O-IZ-C: Uhereye kubice byibishanga byagenewe gukoreshwa nk'ahantu ho kuruhukira cyangwa se kugereye kubutaka bw'agaciro,cyangwa ibindi bintu bigaragara kubutaka ugendeye kubushakashatsi bwakozwe nishami rishinzwe ubutaka n'miturire by'Umujyi wa Kigali :Ubunini bwa 30% byihariye bw'ahantu hubatswe inzu y'igorofa (GFA) kumutwe wikibanza /Amabwiriza agenga uduce yashyizweho agomba kubahirizwa nibura 15% by'inyubako bigomba gukoreshwa mugutura cyangwa ibikorwa remezo byateganijwe bizubakwa .amagorofa yinyongera ashobora kwemerwa kugirango hagerwe kungano nini yamagorofa yajyenywe muri icyo kibanza kereka hari ubundi buryo bwamabwiriza muri UD aho yakoreshejywe.	
	O-IZ-D: Ku bindi bice by'Umujyi wa kigali ugendeye ku bushakashatsi bwakozwe n'ishami rishinzwe ubutaka n'miturire n' ibikorwa remezo m' Umujyi wa Kigali bushingiye kubikenewe ,inyungu z'isoko cyangwa andi mahirwe: :Ubunini bwa 30% byihariye bw'ahantu hubatswe inzu y'igorofa (GFA) kumutwe wikibanza/Amabwiriza agenga uduce yashyizweho agomba kubahirizwa nibura 15% by'inyubako bigomba gukoreshwa mugutura cyangwa ibikorwa remezo byateganijwe bizubakwa .Amagorofa yinyongera ashobora kwemerwa kugirango hagerwe kungano nini yamagorofa yajyenywe muri icyo kibanza kereka hari ubundi buryo bwamabwiriza muri UD aho yakoreshejywe.	
•	Umujyi wa Kigali kubushake bwawo ushobora gushyiraho ibindi bintu bituma habaho iterambere mugushishikariza ukwiyongera kw'iterambere muduce tw'iterambere tw'inyongera	

	Amabwiriza	Icyitonderwa
• Umujyi wa kigali uzatanga ubwemere hagendewe kw'iyuzuzwa ryaya mabwiriza •Ishami rishinzwe ubutaka, imiturire n' ibikorwa remezo by'Umujyi wa Kigali utekereza bihagije mugushyiraho ibikorwa remezo cyangwa inyubako ziringaniye abafatanya bikorwa nabo munyandiko bemeze iyubakwa ry'ibyo bikorwa remezo. Uburenganzira bwo kubaka buzatanga hagendewe kuri ayo mabwiriza. •Abafatanya bikorwa batanga igishushanyo cy'Umujyi kunzu yose mukwerekana ko ntabibazo bizaba aho hantu. •Hari ishyirwaho ry'ibikorwa remezo bihagije n'iterambere ryaho hantu rigomba kuba rihamye mugufasha abahatuye n'abahokerera mukuhashyika bikanabaha umutekano. Umujyi wa Kigali usaba ko hakorwa ubushakashatsi ku ingaruka zubucucike mumuhanda.		



Ishusho 0-2A: Ahantu h'iterambere ry'ibikorwa bibyarira abaturage inyungu hafite umwihariko (O-IZ) _A



Ishusho 0-3B: Ahantu h'iterambere ry'ibikorwa bibyarira abaturage inyungu hafite umwihariko (O-IZ) _B

7.3. Inyongera-mwihariko y'ahantu hagenewe guhuza ubutaka

Ibisobanuro rusange:
Guhuza ubutaka bufite inyongera-mwihariko si itegeko ryashyizweho. Ikora nkaho ari ikirango cyashyizweho n'ishami rishinzwe ubutaka imiturire n'ibikorwa remezo mukwerekana ibice by'Umujyi bisabwa kwitondera mugihe cyo gutanga icyangombwa cyokubaka mu isuzuma ry'iterambere riteganywa.

Ubutaka bwinshi mUmujyi wa Kigali bufite nabaikorera kuba reta ntabutaka ifite bituma habaho ibibazo mUmujyi mugushyiraho ibikorwa remezo urugero nk' imihanda, ibindi bintu byifashishwa, n'ibindi bikorwa byareta naho kuruhukira. Mubice bimwe nabimwe by'Umujyi ubutaka bucagaguyemo uduce kandi bikaba ataribyiza ku iterambere riteganywa. Umujyi kandi uhura n'ibibazo by' abaturage bishingiye mukubona no gusaba kwimurwa.

Kwemera kubaka muri ibi bice ntasuzumwa ry'ibanze ryakozwe muri ako gace, bishobora gutuma hatabaho uburyo buboneye kubutaka, bikabangamira uburyo buboneye bw'iterambere bikagirakandi ingaruka mubushobozi bwokubona amazu yo gutura ajyanye nubushobozi nkibisubizo na serivisi z'ibanze ni bindi bifasha abaturage. Bibangamira kandi ibibanza bidakora kumihanda mukubona icyangombwa cyo kubaka cyangwa iteramber rijyanye n'amategeko, bigakorwa muburyo budakurikije amategeko cyangwa hagaturwa gake, iterambere ritatanye.

Bisabwako Umujyi wa Kigali ugomba gufata gahunda yoguhuza ubutaka kugirango habeho iterambere binyuze mubufatanye muguhuza cyangwa ingamba yo guhuza ibibanza aho bishoboka. Izo ngamba zizafasha mugushyika kungamba zifuzwa n'ibyitezwe k'iterambere ryaho hantu, bigakorwa kugiciro cyohasi kUmujyi no gutuma banyirubutaka baba abafatanyabikorwa mu iterambere.

Ubufatanye muguhuza ubutaka/gufatanya ubutaka ni iguhuza ibibanza byose by'umushinga w' ahantu cyangwa ukahateganyiriza nk'ahantu hamwe. Umugabane cyangwa ijanisha ryemejwe ry'ubutaka rigomba kongera kugabanywa ba nyir' ubutaka nyuma yokwerekana ubutaka buzakoreshwa k'umihanda, cyangwa ibindi bikorwa remezo, ubundi butaka buzifashishwa, ahantu hokuruhukira, n'ibindi. Buri nyir'ubutaka agomba gusubirana ikibanza cye ariko gito kurusha icyo yari asanzwe afite ariko gifite agaciro nk'ikibanza cyagezweho na serivisi.

Imbonerahamwe 0.3: Ahantu hagenewe guhuza ubutaka hafite inyongera-mwihariko

Amabwiriza	
Ayamabwiriza ashobora gukoreshwa ku: Uduce twose tw'Umujyi wa Kigali kandi byumwihariko kuhantu hose hahujwe ubutaka bw'inyongera-mwihariko: • Ibice byo kwagurira ho Umujyi /ubutaka butagize ikiburiho • Kongera guteza imbere /kuhagira ahantu hiterambere. Urugero: kuba hari iruhande rw'umuhanda wa bisi zitwara abantu zihuta mu nkengero z' Umujyi hagati. • Imiturire idakurikije amategeko cyangwa se ahantu hasigajwe inyuma bitewe nibura ry'ibikorwa remezo by'ibanze bifasha abaturage nk' imihanda, kuvomerera, uburyo bwo kuyobora amazi n'ibindi.	
uburyo bwo guhuza /kwegeranya ubutaka	**Icyitonderwa**

Amabwiriza	
Umujyi wa kigali uyobora igikorwa cyo gushishikariza no gufasha muguhuza ubutaka /kubwegeranya kubuhuza kugirango habeho iterambere. Kuhantu hafite inyongera-mwihariko, Umujyi wa Kigali kubushake bwawo ushyiraho ingano yahantu hakoreshwa mumushinga woguhuza ubutaka Izinzira zikurikira zishobora gukurikizwa mugushyiraho umushinga woguhuza / kwegeranya ubutaka: • Icyangombwa kiranga ingano y'ubutaka n'u umwirondoro wanyirabwo byuzuye kandi byavuba bishobora gukoreshwa mukwihutisha gahunda yiteganya bikorwa. • Abashyira umushinga mubikorwa bagomba gushyirwaho mukuyobora umushinga no kwiga inyigo yakozwe mukugenzura ishoboka ryumushinga • Abafatanya bikorwa kuri iylngingo ya bazakenerwa, bamenyeshwe, bazafashwe kumva neza banoroherezwe kugura mo. Abafatanya bikorwa harimo ba nyir' ubutaka, abakodesha, abo bidafitiye akamaro, imiryango yishize hamwe, serivisi zaho hantu n'abashoramari, hamwe nabafatanyabikorwa bingenzi baturutse hanze y'umuryango. • Inama yambere yabafatanya bikorwa ikorwa kugirango bumve ibitekerezo byabo, ibibazo, ibyiyumviro n'inzira byanyuramo. Abafatanya bikorwa aho bari hose (niba bahari, hiyongereyeho abafatanya bikorwa bitabiriye munama yambere) bagomba kuba buzuye. • Amakuru yose y'ubutaka yabuze cyangwa andi makuru yatanzwe nabaftanya bikorwa munzira z 'ubufatanye aho bashobora gukenerwa mugushyiraho inyigo gushaka no gusuzuma amakuru. • Abashinzwe umushinga kubufatanye n' abafatanya bikorwa bakora inyandiko nyigo irimo ingano y'ubutaka izahindurwa naba nyir' ubutaka mukugena agaciro inyigo izatwara amafaranga. • Inyandiko nyigo irerekanwa, irategurwa, ikaganirwaho, ikanasubirwamo inshuro nyinshi, kugeza ubwo abafatanyabikorwa bemeye ubufatanye mw'ishyirwa mubikorwa. • Inyigo yanyuma hanyuma yerekwa inama njyanama y'Umujyi wa Kigali kugirango iyemeze. • Inguzanyo z'igihe gito cyangwa ubundi buryo bwose bwo kubona amafaranga bwateguwe bwakoreshwa mukubona amafaranga yo gukoresha. • Abahanga mumyubakire y'ibikorwa remezo bagomba gutegurwa. • Igihe ubwumvikane bwashyitsweho, kwerekana ibibanza n'imihanda n' ibindi bigomba gukorwa naba nyir'ubutaka bakerekwa imbibi nshya z'ibibanza byabo	Kwemera ingamba /amategeko bizasabwa mukorohereza ishyirwa mubikorwa Ibisanzwe, amabwiriza n' amategeko bijyanye bifatwa nkamategeko shingiro

Amabwiriza	
• Banyirubutaka bagomba kwerekwa ibyangombwa bishya ku bibanza byabo bishya bibemerera kubuteza imbere cyangwa kubugurisha. • Ibibanza byateganijwe (iyo/cyangwa aho bikorwa) bishobora kugurishwa kugirango haboneke amafranga yo kubaka ibikorwa remezo	
Inyigo yo kugabanyamo ibibanza byinshi kubutaka bw'umuntu umwe.	**Icyitonderwa**
• Umujyi wa Kigali kubushake bwawo, usuzuma kandi ukemeza gusa ubusabe bwokubaka bufite inyigo yo gucagaguramo ibibanza kubutaka bwose bwagaragajwe muguhuza ubutaka. • Muri ubwo buryo, Umujyi wa Kigali ugomba korohereza kandi ugatanga ubufasha kuburyo budasanzwe kubateza imbere ubutaka, urugero gutanga igishushanyo kigaragaza amakuru y'ubutaka byavuba kandi byuzuye ndetse n'amakuru yaba nyir' ubutaka, barategura kandi bagafasha abafatanyabikorwa munama n'ubufasha kuburyo budasanzwe bijyanye n'isabwa n' abateza imbere ubutaka. • Inyigo yokugabanyamo ibibanza igomba kugaragaza imihanda ishyika kubibanza byose, ahantu hokuruhukira bigakoreshwa n'imiryango • Umujyi wa Kigali ugomba gusuzuma inyigo yo kugabanyamo ibibanza binyuze mugusuma ubutaka n' ubushake bwabafatnya bikorwa mbere yo gutanga icyangombwa cyo kubaka kuba gisabye /abateza imbere ubutaka. • Niba nibura 70% byaba nyir' ubutaka kuhantu runaka bemera gahunda yo kugabanyamo ibibanza yateguwe, iyo gahunda yo kugabanyamo ibibanza iba yemejwe kandi banyiributa bose muri ako gace bagomba kubyemera kandi bakagendera kumabwiriza mashya agomba gushyirwa kuri ubwo butaka.	Ibi bibaho mu gihe hari uburyo buteguye bw'ahantu aho gahunda yo guhuza/kwegeranya ubutaka igiye gutangira



Ishusho 0-4: Inyongera-mwihariko y'ahantu hagenewe guhuza ubutaka

7.4. Inyongera-mwihariko y'ahantu hemejwe ihuzwa ry'ubutaka

Ibisobanuro rusange:
Inyigo yo kugabanyamo ubutaka ibice (LSP) n'ibikoresho byogushyira mubikorwa amakarita yuduce n'amabwiriza bigomba kwandikwa kandi bihura nabyo.

Kugabanyamo ubutaka ibice ku nyongera-mwihariko byemejwe si itegeko ryashyizweho. Ni ibice byashyizweho n'Umujyi wa Kigali aho inyigo yo kugabanyamo ubutaka ibice yemejwe kandi inyigo ibisobanura neza isanzwe ihari.

Inyigo yokugabanyamo ibice n'inyigo isobanura neza uduce duto tw' ubutaka bw'ahantu buri mugishushanyo mbonera. Muri gahunda yo kugabanyamo ubutaka ibice ubutaka bucibwamo ibice bingana. Inyigo yokugabanyamo ibice ubutaka ifite amakuru yose arebana n'uduce tw'ibibanza, imihanda ibihuza, amerekezo, ingano yahantu hashyizweho hazajya ibikorwa remezo.

Imbonerahamwe 0.4: Inyongera-mwihariko y'ahantu hemejwe ihuzwa ry'ubutaka

Amabwiriza	
Ayamabwiriza akurikizwa ku: • Kuhantu hose aho inyigo yokugabanyamo ubutaka ibice yemejywe	
Ibishya ku nyigo yemejwe yo kugabanyamo ubutaka ibice by'inyongera-mwihariko y' agace mu gishushanyombonera cy'Umujyi wa Kigali	**Icyitonderwa**
Igihe inyigo yokugabanyamo ubutaka ibice yemejwe, n'ishingano z'ishami rishinzwe ubutaka, imiturire n'ibikorwa remezo ry' Umujyi wa Kigali mugushyiraho imbibi n'ibisobanuro by'uduce twemewe n'inyigo yokugabanyamo ibice ubutaka n' amakuru ari kugishushanyo mbonera arebana nako gace. Iterambere iryo ariryo ryose ry'ahantu rigomba gukurikiza inyigo yokugabanyamo ubutaka uduce yemejwe. Inyigo yokugabanyamo ubutaka ibice igomba kwerekana ahantu hagenewe ibikorwa remezo byose.	



Ishusho 0-5: Inyongera-mwihariko y'ahantu hemejwe ihuzwa ry'ubutaka

7.5. Ahantu hakorewe inyigo yimbitse mu gishushanyo cy'Umujyi hafite inyongera-mwihariko

Ibice by'ingenzi bitatu mu mujyi (mu mujyi rwa gati (cbd)[8], Kimironko na Gahanga) harerekanye munyigo irambuye y'igishushanyo mbonera cy' Umujyi kugirango hagerwe kw' isura n'ibirango byifuzwa.
Ibigenderwaho kugishushanyo cy'Umujyi w' ahantu bigomba kuba bijyanye n'amabwiriza y'uduce. Ahantu hari mugishushanyo mbonera cy'inyongera-mwihariko hakurikiza inyigo n'amabwiriza y'igishushanyo cy'Umujyi cyaho hantu kuri buri raporo y'igishushanyo cy'Umujyi.

Amabwiriza y'igishushanyo cy'Umujyi ari muri raporo y' igishushanyo cy'Umujyi afatwa nk'igice cy'amabwiriza mashya agenga uduce kandi buri terambere ryose rigomba kwemezwa hakurikjwe ayo mabwiriza.

[8] Ibigenderwaho kugishushanyo mbonera ku nyongera-mwihariko mu Mujyi hagati byashyizweho mu gihe cyo gusubiramo. Ibyagendeweho ku gishushanyo kihariye cya Kimironko na Gahanga byashyizweho n' igishushanyombonera cya 213



Ishusho 0-6: Ikarita y'ahantu hakorewe inyigo yimbitse mu gishushanyo cy'Umujyi hafite inyongera-mwihariko

7.6. Ahantu hagenewe ibikorwa by'ikibuga cy'indege hafite inyongera-mwihariko

Ahantu hafite inyongera-mwihariko hagenzurwa n'ibibuga by'indege hagomba gushyirwaho, hakagenzurwa kandi hakamenyeshwa n'ubuyobozi bw'ikigo gishinzwe indege za gisivile mu Rwanda gishinzwe kugenzura uburebure bw'inyubako, nibiyikoreshwa bijyanye n'amategeko y'icyo kigo kubufatanye n'ishami rishinzwe ubutaka, imiturire n'ibikorwa remezo mujyi wa Kigali.

7.6.1. Ahantu hakumiriwemo icyabangamira ikoreshwa ry'ikibuga cy'indege

Intego yo gushyiraho ahantu hakumira icyabangamira ikoreshwa ry'ikibuga cy'indege ni ukwerekana ahantu hazengurutse ibibuga by' indege biciritse hagomba kurindwa kugirango ibikorwa bibera kuri ibyo bibuga by' indege bikorwe neza kandi no kugirango hirindwe ko ibyo bibuga by'indege bitahagarara gukoreshwa bitewe n'ubwiyongere

bw'inzitizi kuri ubwo butaka bw'ibyo bibuga by'indege. Ibi bizashyikwaho hashyizweho uduce twose tw'aho ingaruka zigarukira herekanwa imbibi zaho ibikorwa bikorerwa kubibuga.

Uburebure bw'inyubako iri kubutaka bwaho "imbogamizi zigarukira" igenembigaabi ry'inyongera-mwihariko ntibushobora kurenza ASLM ryagaragajwe mw'igena migambi. Iterambere ryose ryateganyijwe riri kuri ubwo butaka bugomba kwerekwa bukemezwa n'ishami rishinzwe ubutaka n'imiturire n'iterambere kubufatanye n' ubuyobozi bw' ikigo gishinzwe indege zagisivile mu Rwanda (RCAA).

7.6.2.Ahantu hakomwe ku bw'umutekano w'indege

Ahantu hagenewe umutekano ni ahantu igihe indege imaze kugwa kubibuga aho iterambere ribujijwe hafasha kugenzura umubare w' abantu bahari bashobora kugirwaho n' ingaruka z'urupfu cyagwa gukomereka mugihe habayeho impanuka mugihe cyo kugwa cyangwa kuguruka kw'indege

Ntagitekerezo cy'urwango kunyubako zisanzwe cyangwa ibikorwa kuri ubwo butaka, amabwiriza akurikira agomba gukoreshwa ku nyubako nshya, zishyirwamo imizigo, zerekana ibikorwa byabantu byahakorerwa, ibyo Umujyi wagaragaje kandi ukanasobanora ugeneye kungaruka ziri mu iteganya bikorwa n'amabwiriza agenga imyubakire. Ahantu hagenewe umutekano (PSZ) Hafite imirongo itandukanye y'ingaruka ituma habuzwa/hadakorerwa ibikorwa.

Imbonerahamwe 0.5: Imirongo ntarengwa

Amabwiriza		
Aya mabwiriza ashobora gukoreshwa ku: Imirongo ntarengwa igenzura ikumira/ibuza ibikorwa		
1.0 Imirongo ntarengwa		
	Ibyemerewe gukorwa	**Ibitemewe gukorwa**
Mu mutuku	• Ibikorwa bike, ntabikorwa byo gutura/umubare muto w'abantu badakomeza kuhatura	•Ububiko wa peterore •Ububiko bwibintu bitanga umuriro cyangwa umwuka, ibisukika bishobora guturika •Igikorwa icyaricyo cyose cyatuma habaho ingaruka z'umriro, iturika •Amashuli •Ibitaro •Ibindi bintu bishoboka Ikidasanzwe kizasuzumwa n'ishami rishinzwe ubutaka, imiturire n'ibikorwa remezo kubufatanye bw'ikigo gishinzwe indege zagisivile mu Rwanda (RCAA)
Mu cyatsi kibisi	• Ibikorwa bicye byo gutura bihakorerwa harimo umubare runaka uhoraho w' abantu • Ibikorwa bike bitaribyo gutura harimo umubare runaka uhoraho w' abantu	

Mu bururu	•Ibikorwa bicye/bigereranije byo gutura harimo umubare runaka uhoraho wabantu •Ibikorwa bike /bigereranije bitar'ibyo gutura harimo umubare runaka uhoraho w 'abantu.	

Imbonerahamwe 0.6: Ibindi bibujijwe ku kibuga cy'indege

Amabwiriza		
Ayamabwiriza ashobora gukoreshwa ku: Ku bindi bibujijwe ku kibuga cy'indege		
2.0 IBIBUJIJWE KU KIBUGA CY'INDEGE		
	Ibyemewe kuhakorerwa	**Ibitemewe kuhakorerwa ***
Wegereye aho indege igurukira izamuka ku butaka naho indege ziparika ATZ "Aerodrome Traffic Zone **		•Kuhashyira ibi mboteri •Ibindi bintu byose bishobora gukurura inyamaswa zo kumusozi kubutaka bukikije ikibuga cy'indege •Inyubako zerekana igice cy'inyuma n'ahantu hari ibyuma bifata imirasire y' izuba •Urumuri rwangiza ruyobya •Impombo zizamura imyotsi •Radiyo, ibikoresho by' amashanyarazi, inyubako zikoresha imirasire y'izuba, iminara
Inyuma y'ikibuga cy'indege		
Imbere mukibuga hagati		•Ibikoresho byongera, bitubura amashusho (bikoreshwa mumikino cyangwa mu myidagaduro)
Umuhanda windege ushyika kuri kirometero 15 uvuye aho watangiriye nubunini bwa metero1000 bw'ubwaguke bwimpande zawo.		•Kuhashyira ibi mboteri •Ibindi bintu byose bishobora gukurura inyamaswa zo kumusozi kubutaka bukikije ikibuga cy'indege

* Ibyabuzwa cyangwa bikemezwa n'ubuyobozi bw'ikigo cy'Igihugu gishinzwe indege za gisivile mu Rwanda

**ATZ "Aerodrome Traffic Zone": Aho indege zi parika haba hari kukarambararo ka metero 5 uvuye aho ikibuga cyindege kiri.



Ishusho 0-7: Ahantu hakumiriwemo icyabangamira ikoreshwa ry'ikibuga cy'indege

<u>Inkomoko:</u> Ishami rishinzwe ubutaka n'imiturire ry'Umujyi wa Kigali ushyiraho ukurikije amabwiriza mpuzamahanga

7.7. Ahantu hagenewe ukwisubira kw'ibidukikije hafite inyongera-mwihariko

Ibisobanuro rusange
Gushyiraho ahantu nyaburanga uzengurutse ibice bimwe na bimwe by'Umujyi hari mu bice bikoresha ayandi mabwiriza y'uduce ahemerera iteramberera hashingira ku hantu nyaburaburanga hafite uduce tw'inyongera-mwihariko. Izi nyongera mwihariko harimo ahantu hose havuzwe hazashyirwa ibikorwa nyaburanga mu mujyi.

Igishushanyo mbonera gisaba kurindwa kwibidukikije mubice bigaragara nukugabanya ibituma habo Ibiza muri gahunda y'iterambere. Rero impamvu y'ibi ni ugutanga ubwisanzure bemerera Umujyi kurinda ibice bimwe nabimwe arinako bashishikariza cyangwa baca intege mu iterambere runaka rishobora gutuma ahababaho ahantu nyaburanga hatandukanye mUmujyi, cyane cyane agace k'ishyamba ryakimeza kasigaye.

Imbonerahamwe 0.7: Ahantu hagenewe ukwisubira kw'ibidukikije hafite inyongera-mwihariko

Amabwiriza	Icyitonderwa
Aya mabwiriza ashobora gukoreshwa ku: •Ku hantu hose hagenewe gushyira ahantu nyaburanga kugice kinyongera mwiharko. Ahantu hose hari muhantu hagenewe ahantu nyaburanga h' umwihariko hagendera ku mabwiriza y'iterambere yashyizweho mu isuzuma ryakozwe n'Umujyi wa Kigali ku bufatanye n'ibindi bigo bireba. Intego y'aya mabwiriza ni: •Ugukoresha ibidukikije karemano muburyo burambye •Ukurinda iterambere ibyaryangiza •Ukugenzura ubwoko n'ibiranga iterambere	
Ibikurikizwa	**Icyitonderwa**
Umujyi wa Kigali n'imiryango bireba ugenzura ishyirwaho ry'ahantu nyaburanga, herekanywe mu gishushanyo kinyongera-mwihariko. Umujyi wa Kigali mu shingano zawo ugendeye ku isuzuma ushobora kwemera iterambere nk'uko ikarita rusange y'uduce, (gutura, ibikorwa bindi bitandukanye, n'ibindi) cyangwa irindi terambere urugero ahantu hafata ibidukikije neza, ahantu ho kuruhukira, n'ibindi bikorwa by'iterambere bisabwa mu bukerarugendo burinda ibidukikije. Gushyiraho aahantu nyaburanga bishobora gushyirwa mubikorwa n'Umujyi wa Kigali bagendeye kubyo amategeko asanzwe asaba, ingamba, amabwiriza n'uburyo bwiza bwo kuzicunga. Umujyi wa Kigali ugomba gushyiraho igikorwa cyo gutera amashyamba, kandi buri kibanza cyose kiri muri izi nyongera mwihariko kikaba gifite ubusitani kuburyo bwizewe, mukwemerera	Refer Nature Restoration Overlay Plan

Amabwiriza	Icyitonderwa
urwego runaka rw'iterambere, igishushanyo cyose cy'uduce gikurikiza, gishyiraho kinarinda ibice by'ishyamba ryacyo. Ibibanza byose biri muri izi nyongera mwiharika bigomba kurinda muburyo bwiza itsinda ry'ibiti n'ibyatsi kurinda agaciro kibidukikije gufataneza ubutaka no kurinda inkengero z'imigezi. Hagashishikarizwa gutera ibindi biti aho hantu. Umujyi wa kigali kubushake bwawo utanga uduhimbaza musyi kubateza imbere mugushishikariza ishyirwaho ryahantu nyaburanga. Uruhare rw'abaturage rurakenewe mu iteganya migambi n'uburyo bwo gufata imyanzuro bigomba gushishikarizwa kugirango hashyikwe ku ishyirwaho ry'ahantu nyaburanga kuburyo burambye. **Amakuru yemerwa y'iterambere:** Aya makuru akurikira arakenewe mu gihe bateza imbere ahantu hari ku buhaname buri hagati ya 30% na 55% hari mu hantu ho gushyira ibikorwa nyaburanga mwihariko, nk'agace kaciwemo cyangwa kari mu nzira yo kwemezwaho iterambere • Ubushakashatsi rusange bw'aho hantu • Isuzuma ry'ibigize isi • Kugaragaza ingaruka z' ibidukikije • Igenamigambi rinoze ryerekana ahashobora gukorwa imihanda, inzira zo gutwara, n'ibikikije inyubako. • Igenamigamb ry'ibiti n'ibyatsi bisanzwe n'ibiteganywa • Igenamigambi ryo gukoresha amazi • Igena migambi ryo kurwanya isuri	

Aho byavuye: Surbana Jurong



Ishusho 0-8: Ahantu hagenewe ukwisubira kw'ibidukikije hafite inyongera-mwihariko

7.8. Ahantu hafite ubuhaname buri hagati ya (30-50%) hafite inyongera-mwihariko

Ibisobanuro rusange
Igice kinini cya Kigali gifite ubuhaname bityo kubyaza umusaruro ubutaka bufite ubuhanamye ku kigero kiri hejuru ya 30% muri rusange birabujijwe ku mpamvu y'umutekano no kurinda ahantu nyaburanga n'ibidukikije ko byahura n'ibiza.

Uko byangenda kose igenemigambi ry'uduce rigomba kumenya ko hari hasanzwe iterambere kubuhaname buri hejuru ya 30% kandi hamwe muri aho hantu hari kubuhaname buri hagati ya 30-50% hashobora kwemerewa iterambere, hakorewe igenzura risobanura neza n'ingamba z'ibikrwa. Umujyi wa Kigali ushyiraho kandi ugashyiramo ingufu mumubwiriza ku buhaname bw'inyongera-mwihariko mukugenzura iryo terambere.

Aya mabwiriza akurikzwa ku hantu hari mu hantu hubuhame hinyongera-mwihariko hafite igenamigambi kandi hagagukurikiza amabwiriza y'iterambere bigahuzwa n'amabwiriza y'ingenzi ndetse n'ingamba.

Intego z'ay'amabwiriza ni:

- Kurinda ibidukikije karemano, uruhurirano rwabyo, n'urusobe rw'ibinyabuzima;
- Gutanga ubwisanzure no kurinda iterambere mu bishobora kuryangiza;
- Gushyiraho intego ushingiye kuburyo bw'imimerere n'imitere by'iterambere;
- Guteza imbere umutekano n'ubryo bwiza bwogukoresha ubuhaname mu Mujyi wa Kigali.

Ibusobanura birambuye ku bibanza byagizweho ingaruka bishobora kuboneka hifashishijwe ikoranabuhanga mu itumanaho rishingiye ku bumenyi bw'isi (GIS data).

Imbonerahamwe 0.8: Ahantu hafite ubuhaname buri hagati ya (30-50%) hafite inyongera-mwihariko

Amabwiriza
Aya mabwiriza ashobora gukoreshwa ku: • Imiturire isanzwe iri ahantu hari mu buhaname buri hagati ya 30-50% by'inyongera-mwihariko **Ahantu hari ibyatsi hari ahantu hafite ubuhaname bwa 30-50%by'inyongera-mwihariko** mujyi wa Kigali ufatanije n'imiryango bireba, ushobora kugenzura iterambere kubuhaname buri hagati ya 30-50 % hagaragajwe mu igenamigambi ry'inyongera-mwihariko.

Iterambere risanzwe cyangwa iriteganywa ahantu hari mubuhaname buri 30-50% bw'inyongera-mwihariko hagomba gukorerwa ubushakashatsi burambuye n'isuzuma ry'Umujyi wa Kigali kubufatanye n'imiryango bireba, aho bisabwa.

Imyubakire isanzwe
Imyubakire isanzwe yemewe n'amategeko iri kubuhaname buri hagati 30-55% hinyongera-mwihariko bushobora izoshobora kuhaguma cyangwa zikavugururwa kandi nimikoresheze yavuba y'ubutaka ikagumaho herekanyweko hakozwe isuzuma ry'ubumenyi bw'isi kandi ubwishingizi bwatanzwe bwerekeranye n'ibi bikurikira:

- Ntangaruka ziturutse ku biza zigaragra cyangwa ingaruka iyo ariyo yose yakumiriwe hakoreshejwe ingamba zinoze
- Imyubakireidetaza ibyanduza ibidukikije, n'ingamba zose zafashwe mukugabanya iyangirika ry'ibidukikije.
- Inyubako zubakwa hibanzwe ku butumburuke n'imitererre y'ubutaka by'aho hantu.
- Inyubako yongeweho cyangwa igikorwa cyo kuvugurura kigomba gutangirwa uburenganzira nyuma y'uko ingamba zavuzwe hejuru zubahirijwe
- Ahantu hatujuje ubwirinzi busabwa cyangwa ahantu hafatwa nk'ahari ibyago byo hejuru, nyuma uko yakozwe ubushakashatsi bwihariye ku bumenyi bw'isi hashobora gufatwa nk'ahantu h'ingenzi ho kwimurira abaturage

ahantu hagenewe guterwa ibyatsi
Iterambere kubuhaname bw' imisozi muri rusange rirabijijwe, ariko iterambere rimwe narimwe ryakemezwa n'ishami ry'Umujyi wa Kigali rishinzwe ubutaka, imiturire n'ibikorwa remezo kubuhaname bw' inyongera-mwihariko, herekanywe ko iterambere riteganywa ryujuje ibisabwa bikurikira:

- Iterambere ritagezweho n'ingaruka zituruka kubiza kamere munyongera mwihariko nkuko mugika cya 7.13. muri ububuryo, abakoresha bonyine munyongera mwihariko nibo bemerewe.
- Iterambere riteganywa rishyirwaho hagendewe kumabwiriza yohejuru agenga ibidukikije kandi rikazaba ryemewe nyuma yuko inzira zisabwa n' ikigo gishinzwe ubushakashatsi kungaruka z' ibidukikije (EIA) zakoreshejwe;
- Rifite uburyo bw'ubukerarugendo bunoze na/ cyangwa agaciro mubukungu kandi ryerekana inyungu zifatika kumiryango mu buryo bwo guhanga imirimo, gushyiraho ahantu nyaburanga, hibandwa kubagore n'ibindi byiciro byahejwe cyangwa izindinyungu zagenzurwa n'ishami rishinzwe ubutaka, imyubakire n'ibikorwa remezo ry'Umujyi wa Kigali.

<u>Umujyi wa Kigali kubushake bwawo ushingiye ku bushakashatsi ushobora kwemera iterambere nk'uko bivugwa mu mabwiriza A, P1 na P2</u>

Icyitonderwa. Amashami ashinzwe ubutaka n'imyubakire yo mu turere muburyo ubwari bwo bwose ntibyemerewe kwemera iterambere mu dusozi turi hejuru ya 30%

Amabwiriza	
Ibigenderwaho mu gusesengura iterambere mu buhanamwe bw'inyongera-mwihariko:	
• Ibidukikije kamere, igishushanyo cyaho hantu, iteganya bikorwa mubice • Imirimo y'ikorwa remezo • Uburyo bwo kubaka • Amakuru yemera iterambere –Ubushakashatsi burambuye bushobora gukorwa n' ishami rishinzwe ubutaka imyubakire n'ibikorwa remezo ry'Umujyi wa Kigali herekanwa ahantu hingenzi, niba hari aho iterambere rishobora kwemerwa hagabanywa imirimo imwe n'imwe. Guhinduka kuduce cyangwa ubusabe bw'iterambere ryemewe rigomba kugenzurwa muburyo burambuye n' ubushakashatsi bwakozwe ku butumburuke bw'aho hantu bwakozwe n'abashakashatsi bemewe. **<u>Kwanga:</u>** Gusesengura ubuhaname ku gishushanyombonera n'igenamigambi ry'agace n'amabwiriza byashingiwe kuri metero 5 z'imironko iranga ubutumburuke. bitewe n'imiterere n'ubwoko bw'amakuru, birasabwako hagenzurwa iterambere iryo ariryo ryose ryateganyijwe kuri iyi nyongera mwihariko bunyuze mu bushakashatsi burambuye ku butumburuke bwakozwe n'abashakashatsi bazwi	
1.0 Ibidukikije kamere, gutanga/igishushanyo cy'ahantu n'igenamigambi mu bice	
Ibigenderwaho mu isesengura	Ibikurikizwa mugusaba kwemerwa kubaka muri ibi bice n'ibi bikurikira: • **Ubushakashatsi kuhantu:** kwerekana iibintu by'ingenzi bigize aho hantu hahanamye no kwirinda ibyahungabanya ubutaka bw'aho no kubryo bwose bushoboka bushobora gufasha iterambere rihakikije. Isesengura rikurikira rigomba gukorwa, mbere na mbere guteza imbere aho hantu bigomba Kugendera ku mpamvu runaka: o Ubushakashatsi rusange bw'ahantu ku butumburuke n'amakuru kubiri k' ubutaka byasuzumwe kandi bigateganyiriza agace mu buryo bukurikiza ubuhaname n'ibintu by'ingenzi. o Ubushakashatsi kw'isuzuma ry' ingaruka z'ibidukikije (EIA) ku kwerekana ahantu h'ingenzi kubidukikije n'ibintu bigomba kurindwa. o Gukora isuzuma kukwiyatura cyangwa kwiteranya kubuhaname bw'umusozi n'ubryo umusozi warindwa amazi yimvura awutembaho, agafatwa akanacungwa neza o Igenamigambi ryogukora ubutaka neza ryubahiriza imirongo y'ubutumburuke bw'imitere y'ahantu no muri gahunda yo kubishyira mu bikorwa mu bice hirindwa gushyira ubutaka mubyago mu gihe gito gishoboka.

Amabwiriza	
	o Ikibanze gukora ubutaka neza, gushyiraho gahunda yo kurwanya isuri yose no kugenzura imyanda yazanywe n'isuri. •**Igenamigambi n'iterambere:** Gutangira igenamigambi rigabanijemo n'igishushanyo cyubahiriza ubutaka busanzwe bw'ahantu n'ibyabwangiza no gukumeza umwimerere kamere w'ahantu
2.0 Imirimo y'ibikorwa remezo	
Igishushnyo no gushyiraho Imihanda n'ibindi by' ingirakamaro mukugabanya ingaruka kumisozi ihanamamye urinda umutekano rusange numutekano bwite, abantu benshi kuhashyika, kuhashyika kw' ibikorwa bya Leta, ibintu byihutirwa n'ibindi bikorwa bikenewe.	
Ibigenderwaho mu isesengura	• **Igenamigambi ryo gufata amazi:** Gahunda yo gucunga neza amazi ni ugususuzuma uburyo amazi y'imvura atemba azakoreshwa mu iterambere n'ingamba zo kugabanya ingaruka z'uburyo amanuka ku misozi ihanamye. Iby'igenzi byo kwibandaho mu gusesengura: oImiterere y'amazi mbere nanyuma y'iterambere oKurinda inzira zisanzwe z'amazi oIngaruka kantu amazi anyura no ku mpande zaho • **Uguhura no gushyika:** Ubwisanzure bw'imihanda isanzwe mu iterambere yuzuzanya n'ubutaka. o Kumihanda isanzwe iri ku misozi ihanamye, gushyitsa kuri 15% hashobora kwemerwa kubice bito (bitarenze metero 100 z' uburebure) aho imitere kamere y'imisozi itahindutse. o Mu iterambere utuyira tujya mu ngo zabantu ntiturenza 20% o Kubibanza biri kuntangiriro y'umusozi ingano y'inzira kuri metero 3 zambere uuvuye aho inyubako iri ntirenza 7% o Kunzira rusange (imihanda y'imodoka imwe cyangwa) ingano ntishobora kurenza 14% o Gushyiraho parikingi imwe yinyongera yabashyitsi ku bantu bahuzwa n'inzira imwe • **Igenamigambi ry'ibikorwa rusange bifasha abaturage abaturage :** Igishushanyo cyuzuye cy'amazi n'ubryo bwo gutwara amazi yanduye kigomba gutangwa kugirango hagabanywe ingaruka kubidukikije zatewe n'ubucukuzi buhoraho no kurema ahantu hatuma amazi adatambuka. • **Nyuma yo kubaka :** Mu gihe hakirangizwa gutunga ubutaka, ahantu hose hahungabanijwe hagomba gutunganywa n'ibyatsi binyuze ku ngamba zihariye,

Amabwiriza	
Kwibanda ku burebure, ku bunini, n'intera z'inyubako ku misozi ihanamye, mukugabanya ibyahungabanya umusozi no kugabanya ingaruka zigaragara.	
Ibigenderwaho mu isesengura	• **Intera inyubako iriho:** Kwemerera ubwisanzure bugari mugushyiraho inzu kuhantu hahanamye, bigenzurwa n'ishami rishinzwe rishinzwe ubutaka, imiturire n'ibikorwa remezo by'Umujyi wa Kigali bashingiye ikibazo kukibazo. Kwerekana umwanya uri imbere n'inyuma hinyubako hemezwa n'amabwiriza agenga uduce, mukugabanya kugabanyamo no kuzuza ibisabwa, mugufasha kw'injira no kutabangamira abaturanyi **Uburebure n' ubunini bw' inzu:** Mu kugabanya ingaruka zigaragara kunyubako nshya ziri ku imisozozi ihanamye. Uburebure bw' inyubako bugenwa budahinduka bugomba kubungabungwa. Hahitwamo kugabanya intera iri imbere y'inzu mugukemura ibibazo by inzira kubuhaname, bigomba gusuzumwa n' ishami rishinzwe ubutaka, imiturire ry' Umujyi wa Kigali. Iterambere risubiza k' umwimerere w'ubuhaname no kubuhuza n'umwimerere w'ubutaka. .

3.0 Amakuru yemewe y'iterambere
Amakuru akurikira arakenerwa mu gihe cyo guteza imbere ku musozi ufite ubuhaname buri hagati ya 30 na 55 by'ubuhaname ku inyongera-mwihariko, nk'igice cy ibice /iterambere riri mu nzira yo kwemezwa. • Ubushakashatsi rusange bw' ahantu • Isuzuma ry'ubumenyi bw' isi • Gusuzuma ingaruka z'ibidukikije • Igenamigambi ryo gukora ubutaka neza ryerekana aho imihanda, inzira bishoboka n'ibikikije inzu (bituma habaho kwirinda kwangiza ahantu) • Ibiti, ibyatsi bihanzwe n'ibiteganywa • Igenamigambi ryo gufata amazi neza • Igenamigambi ryo kurwanya isuri



Igishushanyo 0-9: Uburyo bwo kubyaza umusaruro ahantu hahanamye

Inkomoko: *Design for Sloping Sites – Ministry of Housing and Lands, Mauritius*
http://housing.govmu.org/English/Documents/Designslope.pdf
Steep Slopes - Guide | Model Amabwirizas, Lehigh Valley Planning Commission
https://www.lvpc.org/pdf/SteepSlopes.pdf



Ishusho 0-10: Ahantu hafite ubuhaname buri hagati ya (30-55%) hafite inyongera-mwihariko

7.9. Ahantu hagenewe guteza imbere ubukerarugendo hafite inyongera-mwihariko

Ibisobanuro rusange:
Igishushanyo mbonera kibanda guteza imbere ubukerarugendo mukongera ugukura kw'iterambere muri Kigali. Mukongeraho ahandi hantu ho kuruhukira hagaragazwa kunyungu z' abaturage n' abasura KU RUHANDE ryabo, ku nkengero z'ahantu hari ibiyaga kunkengero z' ikiyaga cya Muhazi hashobora gufatwa nk'ahantu hateza imbere ubukerarugendo, mugushishikariza gushyiraho ubucuruzi buciritse cyanga bunini bukurura bamukerarugendo ku inkengero z' ikiyaga cya Muhazi.

Ibigamijwe kuri aka gace n' ugutanga uburenganzira n' ubwisanzure bwemerera Umujyi mugutezab imbere / no gushishikariza ubukerarugendo mubice bimwe na bimwe ari nako uca intege ubwoko bumwe na bumwe bw' iterambere bishobora kwangiza isura y' inkengero z' ikiyaga.

Imbonerahamwe 0.9: Ahantu hagenewe guteza imbere ubukerarugendo hafite inyongera-mwihariko

Amabwiriza	**Icyitonderwa**
Aya mabwiriza akoreshwa ku: • Ibibanza byose /Ahantu hagenewe guteza imbere ubukerarugendo	
Ibikorwa	
Ibikorwa byo guteza imbere ubukerarugendo byakurikiranijwe hasi: • Inzu zicuruza ibiryo, amacumbi, B&B, Hoteli (harimo ibyangombwa bya hoteli byose) • Ibifasha ubucuruzi bucuriritse • Ubukerarugendo n'ibikorwa biruhura • Ahantu hisanzuye • Ibifasha mukwishimisha • Ibikorwa by' Ubuhinzi n'Ubworozi / n'ubukungu bishingiye kubukerarugendo • Ibigo bitwara abagenzi • Ibigo by'ubukorikori n'ubugeni • Inzu zicuruza impano n'inzibutso • Gushyiraho ubwato, abashinzwe umutekano mumazi n' ibindi bikorwa bijyanye nabyo. • Inzu zicuruza ibinyabiziga • Aho kwidagadurira, inzu ndanga murage, santere z'imyiyerekano • Santere zo gukoreramo inama	Uduce twagaragaje n' igishushanyo mbonera two guteza imbere ubukerarugendo kunyongera mwihariko dushobora kwerekanwa gusa kandi dushobora gukorerwaho isuzuma n' ubuyobozi bubifite mu inshingano bukabyemeza.

<u>Ibisabwa:</u> Urwego rushinzwe igenamigambi rushobora gutanga uburenganzira bwo gushyiraho ibikorwa byavuzwe haruguru, hashingiwe kuri ibi bikurikira: • Kubyaza umusaruro ubutaka byubahiriza intera isabwa ku nkengero z'ibiyaga ndetse n'anadi mabwiriza y'ikigo runaka ateganywa n'itegeko. • Harakenewe ibikorwa by'ubukerarugendo muri gice runaka kandi bitavuguruzanya cyangwa ngo bibangamire inyungu rusange. • Ahantu n'iyubakwa ry'igikorwa remezo cy'ubukerarugendo kijyanye ndetse kitabangamiye ubuzima, umutekano n'imibereho myiza y'abatuye cyangwa bakorera hafi yahoo. • Hari ibikorwaremezo by'ibanze bihagije nk'umuhanda, parikingi zisabwa kugira ngo igikorwaremezo cy'ubukerarugendo gikore neza.	
Uduhimbaza musyi: Umujyi wa kigali mubushake bwawo ugena gutanga uduhimbaza musyi ku bakora kugira ngo iterambere rigerweho bifasha kandi bigateza imbere ubuzima kandi bigatuma aho hantu h'ubukerarugendo hagaragara neza.	Reba ku gace k'uduhimbaza musyi 8.4.3



Ishusho 0-11: *Igenamigambi ryo guteza imbere ubukerarugendo ku nyongera mwihariko.*

7.10. Ahantu hagenewe kubungabunga Umurage no kuwuteza imbere hafite inyongera-mwihariko

Ibisobanuro rusange

Igishushanyo mbonera cyubahiriza ibice by'amateka n'umuco biri mu mujyi cyikanateza imbere gifata neza ibyo bice by' agaciro k'umurage. Gufata neza umurage no guteza imbere inyongera-mwihariko bikorwa kubice byose byavuzwe by'ingirakamaro by'umurage urugero: inyubako, ibintu bikoze mubiti cyangwa purasitike, ibintu by'ugeni, ibi bumbano, imva n'ibindi bice by'amateka by'ingirakamaro kugihugu cyangwa ahantu runaka

Mu bice biri mugishushanyo cy'Umujyi munyongera mwihariko n'umurage w' iuyongera mwihariko, gufata neza umurage no guteza imbere inyongera-mwihariko bishobora kwimurwa no kindi gishushanyo cy'Umujyi. Mugihe urimo kwandika igishushanyo cy'Umujyi cyangwa igenamigambi ryo kugabanyamo ubutaka, ahantu havuzwe n'umurage munyongera mwihariko, harafatwa kandi hakinjizwa mugishushanyo kugirango hafatwe neza muburyo bwo kuhongerera agaciro.

Imbonerahamwe 0.10: Ahantu hagenewe kubungabunga Umurage no kuwuteza imbere hafite inyongera-mwihariko

	Amabwiriza	**Icyitonderwa**
	Aya mabwiriza ashobora gukoreshwa ku: • Ibice byose byavuzwe by'ingirakamaro ku murage urugero: inyubako, ibintu bikoze mubiti cyangwa purasitike, ibintu by'ugeni, ibi bumbano, imva n'ibindi bice by'amateka by'ingirakamaro kugihugu cyangwa ahantu runaka • Ibice byose by'umurage byavuzwe mw'iteganya migambi kugirango bitume habaho iterambere muri ibyo bice muburyo nyabwo bwiza, imiterere n' uko aho hantu humurage hagaragara.	
	Ubushakashatsi	
	Ahantu n'uburyo bw'agaciro kumurage bishobora kugaruka kuri izi ndanga gaciro: **Ubwiza:** Bigaruka mugishushanyo, uburyo, imyubakire n'imyaka. **Amateka** bitewe n'ibihe by'amateka, igihe cyangwa igikorwa **Abaturage:** Aho inyubako n' imiterere byakoreshejwe nk'imyizerere, politiki cyangwa umuco w' igihugu **Ikoranabuhanga:** Ni urwego inzu, inyubako cyangwa ikibumbano, kerekana ikoranabuhanga rihari mugihe cy'ubakwaga. Igenamigambi ryemewe/ryemejwe ryavuye mUmujyi wa Kigali rishobora gusabwa nabarikoresha, rikoreshwe, n'iterambere	Ahantu hashyizweho n'igishushanyombonera ho gucunga no guteza imbere umurage w'inyongera-mwihariko ntihagomba kwangizwa. Gushyiraho no kubaka inzu n'umwanya w'agaciro ku murage bashingiye ku mpamvu zumvikana birategekwa. Birategekwa kandi gutegura igenamigambi ryo gucunga neza umurage ku bufatanye

	Amabwiriza	Icyitonderwa
	ry'ahantu h'umurage harimo kugabanyamo ibice Ubutaka, gusenya, cyangwa gukuraho igice cy; inzu, kuvugugurura igice cy'inyuma cy'inzu (harimo gutera irangi), kwerekana isura n'ibindi. Gusuzuma ubusabe bishingira kubiranga umurage (byateguwe kurwego rw'igihugu) n'igenamigambi ryo gucunga umurage neza (rigomba gutegurwa n'Umujyi wa Kigali kubufatanye n'ubuyobozi bushinzwe kubangubunga umurage). Igihe cyo gushyiraho no guteza imbere ahantu hagaciro h'umurage, Umujyi wa Kigali mubufatanye n'ubushakashatsi hamwe n'abafatanyabikorwa bingenzi kandi bashingiye kumabwiriza yigenamigambi ryo gucunga umurage, bashobora gutanga inguzanyo cyangwa agahimbaza musyi kuri ba nyir' imitungo mukuyicunga neza. Iterambere iryariryo ryose riri kandi ako kanya kuhantu hazengurutse umurage rishobora kubaho muburyo bujyanye n'akamaro, ubwoko, n'uburyo aho hantu humurage hagaragara.	bw'ibigo by'ingirakamaro



Ishusho 0-12: Ahantu hagenewe kubungabunga Umurage no kuwuteza imbere hafite inyongera-mwihariko



Ishusho 0-13: Gufata neza umurage n'iteganya migambi ry'inyongera-mwihariko-A



Ishusho *0-14: Gufata neza umurage n'iteganya migambi ry'inyongera-mwihariko -B*

7.11. Ahantu hazengurutse ibikorwa byihariye (Umukandara) hafite inyongera-mwihariko

Ahantu hakomye ku inyongera-mwihariko hateganijwe ku mpamvu zitandukanye kugirango barinde cyangwa kugenzura iterambere mu bice bimwe by'Umujyi. Mu Mujyi wa Kigali, ahantu hakomye h'inyongera-mwihariko harateganijwe uvuye ku bishanga, ubwoko bw'amazi, urugero, inzuzi, ibiyaga, n'ibyuzi, n'iruhande rw'imirongo y'amashanyarazi, n'ahantu hafashwe amazi akoreshwa mukuhira.

Ahantu h'ibishanga hakaomye hafite akamaro kanini harimo ushyira ibyo wazanye, ahabikwa amazi kubutaka, no kongerera ubwiza mu gaciro. Nk'ahantu hakomye ku bishanga, ahantu hakomye hari ubwoko bw'amazi (utugezi, imigezi n'ibiyaga) hafata neza amazi n'urusobe rw'ibinyabuzima bibishingiyeho hagati y'ubwoko bw'amazi no ku kibaya cy'imyuzure cyangwa k'ubutaka bwo hejuru. ahantu hakomye hari iruhande rwaho bafatiye amazi akoreshwa mukuhira, akaba ntakindi kintu gihari gishobora guteza ikiza cyangwa cyangwa inyubako zihari zigomba gukorerwa isuzuma rirambuye kungaruka z'ibiza mbere y'uko hemererwa iterambere. Niyo mpamvu, intego z'ibishanga, imigezi, ibiyaga bikomye ni ukubirinda Ibiza mu iterambere, mugufataneza ubuturo kamere n'inyungu zahari urusobe rw'ibinyabuzima n'ibidukikije, no kugabanya ingaruka z'ibiza aho hantu.

Ahakomye mwihariko kunzira z'amashanyarazi hashyizwe mu kugaragaza aho antu h'Umujyi aho iterambere ryo gutura hatemwewe hagomba kurindwa umuriro n'ibakangiza ubuzima kumiryango.

Imbonerahamwe 0.11: Ahantu hazengurutse ibikorwa byihariye hafite inyongera-mwihariko

	Amabwiriza	**Icyitonderwa**
	Ayamabwiriza agomba gukurikizwa ku: • Ahantu hose hakomye kubishanga • Ahantu hose hakomye ku migezi, Ibiyaga n'utugezi • Ubutaka ntarengwa bwubatseho umuhanda • Ahantu hose hakomye iruhande rw'inzira z'amashanyarazi nini • Ahantu hose hateganijwe gukomwa kuhantu hazakorerwa kuhira	
	Ibigenderwaho	
	Ibishanga bikomye • Ubukome bwa metero 20 bugomba kurindwa kubishanga muri Kigali. Ikoreshwa ryemewe ku hantu h'ibishanga hakomye muri Kigali byasobanuwe neza mugishushanyo mbonera cy'ibishanga mu mugi wa Kigali. • Igenamigambi ryemera ryemejwe n'Umujyi wakigali, MoE, minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi, cyangwa ubundi buyobozi bireba basabwa gukoresha, gushyiraho no gukorera iteramberekubice bikomye. Umujyiwakigali kubufatanye n'ibigo byabafatanyabikorwa bireba	

	Amabwiriza	Icyitonderwa
	bashobora gusuzuma ikigenderewe/akamaro k'iterambere riteganywa ryemezwe • Umujyi wa Kigali mu isuzuma no kuganira n'abafatanya bikorwa bireba bashobora kewemera iterambere urugero; kugenda n' ahantu hokuruhukira bakoresha amagare, Ubuhinzi n'Ubworozi, ishyirwaho ry'ibikorwaremezo bitandukanye, bikenewe mu iterambere ry'ubukerarugendo butangiriza ibidukikije, byatanzwe herekanwa ko ntaguhungabanya ahantu hakomye kandi hagomba kurindwa muburyo bunoze • Nk'ubundi bwoko bumwe na bumwe bw'iterambere nk'ibiraro imihanda n'ibindi bikorwa by'iterambere. Bishobora kwemererwa herekanyweko ntabundi buryo bushoboka bwo kubishyiraho no kuba byabangamira agace gakomye bikirindwa muburyo bunoze. • Umujyi wakigali ugomba kumenyako iterambere ryemewe ahantu hakomye ritagira uruhare mukwanduza ibishanga n'impande zabyo. • Iterambere iryo ariryo ryose ryakorewe ahantu hakomye mwihariko n'ako kanya kunkengero rigomba kubaho muburyo bujya n'ibidukikije n'umwanya w'ahantu uhazengurutse. • Umujyi wa Kigali kubufatanye n'abafatanya bikorwa bireba borohereza TDR cyangwa ugatanga uduhimbaza musyi mugushishikariza banyiri imitungo kuyikoresha neza kuyiteza imbere, no kuyishyiraho. **Amazi akomye** • Metero 20 z'ahantu hakomye hagomba kurindwa kumigezi, ibiyaga na metero 10 k'utugezi • Ikoreshwan'iterambere ry'ahantu hakomye bigomba gusabwa bikemezwa n'Umujyi wa Kigali. Umujyi wa Kigali ugomba gusuzuma ubusabe mubufatanye n'abafatanya bikorwa bireba • Umujyi wa Kigali wakoze isuzuma kubufatanye n'abafatanye bikorwa bireba ushobora kwemeza ibikorwa byo kuruhuka urugero; gutembera kumazi agenda hakoreshejwe ubwato n'ibimeze nk'ubwato bifasha, kugenda n' amaguru utuyira tunyurwamo n' amagare n' iterambere ry'amakiyosike n'ibindi bikorwa by'iterambere bishobora gusabwa n'imiryango n'iterambere ry'ubukerarugendo, bafasha kwerekana ko icyahungabanya ahant hakomye kigomba gukurwaho • Nk'ubundi bwoko bumwe na bumwe bw'iterambere nk'ibiraro imihanda n'ibindi bikorwa by'iterambere. Bishobora kwemererwa herekanywe ko nta bundi	

	Amabwiriza	Icyitonderwa
	buryo bushoboka bwo kubishyiraho no kuba byabangamira agace gakomye bikirindwa muburyo bunoze. • Umujyi wa Kigali ugomba kurinda ibitanga amazi, ahasanzwe hava amazi y'isoko ukanashishikariza gusa ibyo bikorwa, mu buryo bwiza, bitanga umutekano w'ahantu biri no ku nkengero z'amazi. • Nta terambere cyangwa ibikorwa byemewe ku hantu hakomye bishobora kugira uruhare mukwandu za amazi no kumpande zayo. • Iterambere iryo ari ryo ryose ryakorewe ahantu hakomye mwihariko n'ako kanya ku nkengero rigomba kubaho muburyo bujya n'ibidukikije n'umwanya w'ahantu uhazengurutse. • Umujyi wa Kigali kubufatanye n'abafatanya bikorwa bireba borohereza TDR cyangwa ugatanga uduhimbaza musyi mugushishikariza banyiri imitungo kuyikoresha mu iterambere rirambye no kuyibungabunga **Ahantu hakomye h'inzira z'amashanyarazi** • Ahantu hakomye hangana na metero 25 za Hegita volute kunzira kugeza ku ri kilovolt 110 kuhantu hakorewe ubushakashatsi na metero 12 za mega volute kunzira kugeza kuri kiro volute 30 hagomba kurindwa na Kigali • Ntanyubako yo gutura ishobora kwemererwa kubakwa ku hantu hari aha hakomye • Ahantu hakomye hashobora kwemererwa gukorerwa ibikorwa by'Ubuhinzi n'Ubworozi guca imihanda cyangwa inyubako zitari izo gutura. • Ntabiti birebire bishobora kwemererwa kuhantu hakomye birashoboka ko byahura n'inzira z'amashanyarazi bigateza ibyago. • Igenamigambi ryemera/ryemezwe n'Umujyi wa Kigali rirakenewe kubikorwa n'iterambere ku hantu hakomye h'inzira zamashanyarazi. Umujyiwakigali kubufatanye n'ibigo by'abafatanyabikorwa bireba bashobora gusuzuma ikigenderewe/akamaro k'iterambere riteganywa ryemezwe • Mu bufatanye n'isuzuma hamwe n'ikigo gishinzwe kugenzura gutwara abantu n'ibintu n'Umujyi wa Kigali bishobora gufasha TDR cyangwa guha utundi duhimbaza mu syi kuri ba nyir' ubutaka, urugero harimo bo no guhuza ubutaka bwegereye aho hantu, aho	

	Amabwiriza	Icyitonderwa
	bishoboka • Ahantu hakomye h'inzira z'amashanyarazi hashobora gushyirwa mubikorwa hagendewe kumabwiriza yatanzwe n'ikigo kigihugu gishinzwe kugenzura ikoreshwa (RURA) (umuronko mushya: amabwiriza N°01/GL/EL-EWS/RURA/2015) Mu kwerekana ahantu amatara yo kumuhanda ari muri rusange hatemewe n'amtegeko kubikorwa bishobora kwimvanga mu bikorwa by'inzira z'amashanyarazi. **Ahantu hakomye kubikorwa byo kuhira** Ahantu hakomye iruhande rwahakorerwa ibikorwa byo kuhira ni ukumenya neza niba ntakindi gikorwa gihari gishobora guteza ibiza cyangwa inyubako zihari harabanje gusuzumwako ntangaruka zagirwaho mbere yuko hemererwa iterambere rirambuye ubukome bugomba gusuzumwa bigendeye ku mabwiriza akurikira: • Ahantu hateganijwe hakomye hangana na metero 7.5, metero 10 na metero 20 haragaragara kunzira zibanze z'amazi yuhira. Mu gihe amabwiriza yihariye ashobora gutangwa nk'igisubizo kigenamigambi rirambuye mukubika amazi y'imvura, urugero ubukome bwerekana ahantu hakibandwaho hari ingaruka nyinshi zatewe n'ishyirwaho ritemewe no kwereka ba nyir' ubutaka ingaruka ibikorwa byabo bishobora guhura nazo. • Ugusana kose no kongerera agaciro imishinga muri ubwo bukome hagomba kw'itabwaho harebwa inkengero z'imiyoboro y'amazi, n'ingaruka zidasanzwe. • Mu gihe igena migambi ryo kubika amazi y'imvura ryakozwe Umujyi wa kigali ushobora gushyiraho ibikorwa bizwi mugutanga umuteno w' abahatuye **Ahantu hakomye kubera ko hereye ibimoteri** • Ahakomye ni ku ntera ya metero 200 zibarwa uhereye ku mbago z'ikimoteri mu rwego rwo kubungabunga isuku y' ibikorwa bikorerwa hafi yabyo.	



Ishusho 0-154: Ahantu hazengurutse ibikorwa byihariye hafite inyongera-mwihariko

7.12. Inyongera-mwihariko y'ahantu hakomye ku mapamvu z'ibiza

Ntamakururu mashya arambuye ajyanye n'ikiza cy'umwuzure /n'ingaruka zohejuru ahantu muri Kigali kandi birasabwa ko hashyirwaho uburyo bwiza bwo gushyiraho ikarita muguhuza ayamakuru. Umujyi wa kigali mubufatanye bw'ibigo bireba bashobora gukora uyu mwitozo nk'agace k'igenamigambi ryo gukoresha amazi y'imvura kuburyo bwumvikana, bagashobora gukora ikarita y' ibiza bifite ingufu urugero; Imyuzure, inkangu, kumanuka kw' ibitaka bivanze n'amazi, mubindi.

Ingaruka z'ibiza munyongera mwihariko zishobora kugaragazwa mukurinda ahantu hagerwaho n' imyuzure harimo ahasanzwe hateye imbere hari muhantu hagerwaho n'ingaruka nyinshi z'ibiza. Ibyiyongeraho bikenerwa (ibikenerwa byibanze muduce hejuru) byashyizweho mukwerekana ko iterambere rihari rishobora guhangana n'ingarauka z'ibiza zigaragara.

Aya mabwiriza akurikira ahagararira ibimenyetso bishoboka bishobora gukurikizwa mu gihe habayeho ikiza kigateza ingaruka zikomeye muri akagace k'inyongera-mwihariko.

Mu gihe cyo gushyiraho hagati y'inyongera-mwihariko (hatari igishushanyo cy'Umujyi munyongera mwihariko) amabwiriza agenga ingaruka z'ibiza munyongera mwihariko ashobora gusimbuzwa andi mabwiriza yose. Iyo hariho gushyiraho mu gishushanyo kunyongera mwihariko, amabwiriza y'igishushanyo cy'Umujyi ashobora gusimbuzwa.

Imbonerahamwe 0.11: Inyongera-mwihariko y'ahantu hakomye ku mapamvu z'ibiza

	Amabwiriza	**Icyitonderwa**
Aya mabwiriza ahobora gukurikizwa ku: • Ahantu hose hashyikwaho n'imyuzure /n'uduce twagezweho n'ingaruka cyane munyongera mwihariko		
Ibigenderwaho		
Ibikorwa bikurikira bishobora kwemerwa, hagendwewe ku isuzuma ry'Umujyi wa Kigali kubufatanye n'abafatanya bikorwa bireba: • Ahantu ho kuruhukira hatari inyubako, zokubamo (kiyosike, ubwihererro/ibyumba byo guhinduriramo n'ibindi bikorwa) • Ubuhinzi n'Ubworozi • Ahantu hafunguye, aho gukinirab, hiyongeraho kwaho gutura. • Imihanda, parikingi, ahantu ho gupakirira n'ububiko hadashobora kwangizwa n'umwuzure • Amashami y'ibikorwa remezo n'inzira z'amazi Ntakintu kemerewe gukorerwa ahantu hari inzira zamazi/aho imyuzure inyura, kereka herekanywe binyuze mubushakashatsi bw'iga kumazi n'ibitemba ko icyo gikorwa kitatuma habaho ukwiyongera kw'ingano y'umwuzure mu gihe hagaragaye umwuzure. Umujyi Kigali kubufatanye n'abaftanyabikorwa bireba ushobora guhitamo ukanashyiraho ahantu hakomye uvuye kunzira z'amazi		

	Amabwiriza	Icyitonderwa
zisanzwe kubikorwa by'iterambere ibyo aribyo byose. Umujyi wakigali kubufatanye na minisiteri ishinzwe ibikorwa remezo (MINIFRA) bemezako hari ubushobozi ku makuru, mu kwitegura no kwirinda n'igisubizo muburyo bwo kubrira bwihuse. Umujyi wa Kigali werekana neza ubushakashatsi n'isuzuma ryakozwe ku iterambere risanzwe munyongera mwihariko nibindi bice byavuzwe byo kwimuriraho iterambere risanzwe riciriritse igihe runaka. Umujyi wa kigali ushobora kwemeza ibi bikurikira ku iterambere iryo ariryoryose muri izi nyongera mwihariko: • Iterambere rijyanye n'ibihano byashyizwe ku inyubako • Imiryango harimo imitungo n'ibikorwa remezo birinzwe imyuzure, inkangu, ibitaka bivanze n'amazi bimanuka, n'ibindi biza; • Serivisi z'ingenzi zose zigaragara ahantu h'imyuzure n'ingaruka nyinshi zirerekanwa kugirango zikomeze zikora mugihe ndetse nanyuma y'imyuzure; • Ibiranga ubutaka burimo ibitemba burabikwa • Kubaka Inyubako zose nshya cyangwa kuvugurura bikoreshwa ibikoresho byihanganira imyuzure, kugirango hagabanywe ibyangizwa n'imyuzure • Igenamigambi ryemera/ryemezwe n'Umujyi wa Kigali rirakenewe kubikorwa n'iterambere ku hantu hagirwaho ingaruka z'imyuzure n'ahantu hari ingaruka nyinshi munyongera mwihariko. Umujyi wa Kigali mu isuzuma no mubufatanye bwabafatanya bikorwa bireba ushobora kwemera iterambere aho bigaragara ko bishoboka bafasha kwerekana ko icyahungabanya ahantu kigomba gukurwaho. • Umujyi wa kigali mubwuzuzanye n'abafatanya bikorwa bireba ushobora korohereza TDR cyangwa ugatanga uduhimbaza musyi mugushishikariza banyiri bikorwa kubikoresha neza n'iterambere kumyuzure no kuhantu hagerwa ho n'ingaruka nyinshi.		



Ishusho 0-15: Inyongera-mwihariko y'ahantu hakomye ku mapamvu z'ibiza

8

Uru rupapuro ntirugomba kwandikwaho

Ingingo ya 8: Amabwiriza yihariye

8.1. Ihererekanya ry'Uburenganzira bwo kubyaza umusaruro ubutaka (TDR)

Ibisobanuro rusange:

TDR igomba gushyigikirwa kugira ngo habungabungwe agaciro n'uburenganzira bwa nyir' ubutaka, binyuze mu ihererekanywa ry'uburenganzira bwo kubaka buturutse ahantu (ahantu hatanga) aho kubaka bitemewe cyangwa bibujijwe (hashobora kuba ahantu hihariye hagenewe ibidukikije, ahantu hashobora guteza impanuka, ibishanga, ahagenewe kuzagurirwa umuhanda, ahantu ndangamurage n'ibindi) bugana (ahantu hakira) aho kubaka byemewe. Ihererekanwa rishobora kubera mu gice kimwe/ikibanza kimwe (rigana KU RUHANDE aho nta mpanuka cyangwa ingorane ziboneka) cyangwa hagati y'ahantu habatandukanye by'ihabya/haherereye mu bice bitandukanye cyane.

TDR itanga ingurane kuri ba nyir' ubutaka (ku ruhande rutanga) bubahiriza ibibuzanya kubaka kubutaka bwabo, gufata icyemezo ku burenganzira bw'umutungo wabo, binyuze mugubahererekanya bumwe cyangwa bwose ku burenganzira bwo kubaka ku hantu hakira. Kurundi ruhande TDR itanga amahitwe kuri ba nyir' ubutaka (ku bakira) baguze uburenganzira bwo kubaka buturutse ku batanga, yo kubona inyungu nyinshi ku ishoramari binyuze mu kubaka mu buryo bugari/cyangwa mu bujyahejuru.

Imbonerahamwe 0.1: Ihererekanya ry'Uburenganzira bwo kubyaza umusaruro ubutaka (TDR)

Amabwiriza	
Ihererekanya ry'uburenganzira bwo kubaka ni igikoresho gifasha mu ishyirwamubikorwa ry'igenamigambi rinononsoye ry'iterambere ry'Umujyi kandi rishobora gukoreshwa mu bihe bikurikira: •Kurengera no kuringa ahantu higanje ibidukikije, ibice bishobora guteza impanuka, ibishanga, ahagenewe kuzagurirwa umuhanda, n'ibindi •Kurinda ubutaka Ibiza kamere nk'imyuzure, inkangu, n'ibindi; •Kuregera no kurinda ahantu hari indangamurage, kurinda kubaka kubutaka bwo guhingwaho •Igenamigambi rigamije iterambere ry'ubutaka bw'Umujyi n'icyaro	
Ibigenderwaho mu isesengura	**Icyitonderwa**

TDR ku kibanza kimwe: Mu gihe ibibanza bigizweho ingaruka ku gice kimwe cyabyo (igice cy'igishanga, ahazagurirwa umuhanda n'ibindi) TDR ishobora kwemererwa gukoreshwa ku gice gisigaye cy'ikibanza (igice kitagizweho ingaruka). Mu gihe cyo kugurisha, uburenganzira no kubaka gukomeye bishobora guhererekanwa n'umutungo. Kubaka ku gice kitabuzanyijwe cy'ahatanga bigomba kuba bihuje n'amahame agenga icyiciro cy'ubutaka bw'ahatanga **TDR ku bibanza /ahantu bitandukanye:** Mu gihe ibibanza bigizweho ingaruka zo kubuzanywa kubakwa mu bice byabyo byose (igice cy'igishanga, ahazagurirwa umuhanda n'ibindi) hashishikrizwa gukoresha TDR yemerera itangwa ry'igice kinini cy'ubuso bwose bwemewe kwubakwa ku kibanza (ku hatanga) gihabwa ahandi hantu (ahakira aho kubaka byemewe. **Ubuso butanga n'ubuso bwakira:** • Ubuso butanga n'ubwakira bugomba kugaragazwa, kandi bugatangwa n'Umujyi wa Kigali hagengewe ku mabwiriza adasanzwe yihariye. • Ntakongera gusubiramo ibyiciro by'ubuso bw'ahatanga kurwego rwo hejuru bigomba kwemerwa n'Umujyi wa Kigali. • Iyubakwa ry'igice gisigaye cy'ubutaka mu buso bw'ahatangwa (aho bishoboka) rigomba guhuza n'amabwiriza agenga icyiciro cy'ubutaka ahatangwa gihererereyemo kandi iyubakwa ribuzanyijwe kugice gisigaye nyuma yo guhindurwa na TDR. **Ibikorwa bibuzanyijwe:** •Ibikorwa bibuzanyijwe bigomba kwandikwa, bikarinda iyubakwa rikomeye ry'igice gitanga mu buryo buhoraho •Umujyi wa Kigali kandi uzatanga Icyemezo cya TDR cyerekana umubare w'uburenganzira buhererekanijwe na numero z'amapagi y'ibikorwa bibijanijwe byanditsweho.	**Ibyangombwa bigenderwaho kugirango TDR ikorwe neza:** Iyi gahunda izakenera kushyigikirwa cyane na leta kugirango ubufasha bw'abaturage buboneke. Ubuyobozi bukomeye kandi bufite ubumenyi kuri TDR buzaba ikintu cy'ingenzi kugirango iyi gahunda ishyirwe mu bikorwa. Ikurikiranwa ry'inzira TDR icamo ry'Ubuyobozi bw'inzego z'ibanze ni ingenzi cyane. Banki ya TDR ishyirwaho kugirango ifashe gahunda y'ishyirwamubikorwa rya TDR Hagomba kandi kubaho uruhare rukomeye rw'abaturage cyane mu ishyirwamubikorwa rya TDR. Kwigisha abaturage/abafatanyabikorwa kuri TDR bizongera ubwitabire n'ubufatanye by'abaturage. Hagomba kubaho ibyangombwa n'ubushobozi buhagije by'uruhande rwakira bwo kubasha gushyiraho inyubako z'inyongera kandi hagomba kubaho ingaruka nke kuhantu hari hazanzweho n'ahahakikije.

8.2. Ingamba z'imyubakire itangiza ibidukikije

ibisobanuro rusange:

Imyubakire yose muri Kigali, igomba kubahiriza Amabwiriza y'ingamba z'imyubakire itangiza ibidukikije (GBMC).

Amabwiriza y'ingamba z'imyubakire itangiza ibidukikije agamije kongera ubwiza n'uburambe bw'umutungo, kungera ubwiza bw'imbere mu nzu, kwimakaza kubungabunga ibidukikije, guhanga udushya no gukoresha neza mu buryo burambye ibikoresho by'ubwubatsi bikorerwa mu Rwanda hagabanywa ingaruka mbi imyubakire igira ku buzima bw'abantu n'ibidukikije.

Imbonerahamwe 0.2: Ingamba z'imyubakire itangiza ibidukikije

Amabwiriza	
Aya mabwiriza akurikizwa ku: Inzu z'ubucuruzi (ukuyemo ububiko n'amaduka) • Inzu z'ubuyobozi n'ibigo (ukuyemo inzu zigororerwamo, iza polisi, n'ishami rishinzwe iby'inkongi) • inzu mbonezamubano, z'umuco n'ahahurirwa n'abantu benshi, • Inzu z'ubuvuzi, • Inzu z'uburezi (ukuyemo amacumbi y'abanyeshuli) • Inzu ngari zo guturamo n'iz'ikomatanyabikorwa zirengeje iz'imiryango 10. N'ubwo aya mabwiriza Atari itegeko ku nzu nto zagenewe guturwamo (mu nsi y'imiryango 10), ba nyiri inyubako na ba nyir'imitungo bubaka babishoboye barakangurirwa kuyakurikiza ku bushake mu rwego rwo kugera ku ntego z'iterambere rirambye. Umujyi wa Kigali ushobora gushyiraho uduhimbazamusyi runaka hashingiwe kubiri mu gika 8.4 cy'amabwiriza yihariye.	
Amabwiriza y'ingamba z'imyubakire itangiza ibidukikije	**Icyitonderwa**
Inyubako nshya cyangwa isanzwe ariko igiye gusanwaho byinshi, zigomba kubahiriza amabwiriza y'ingamba z'imyubakire itangiza ibidukikije nk'uko bisobanuye hano hasi: **Gutunganya ahubakwa n'igenamigambi ry'ahaturwa:** • Ahaterekwa inyubako, Ahajya ubusitani, n'ahashyirwa pavoma hagomba kuba hateganyijwe, hashushanyije kugira ngo byoroshye kwinjira kw'amazi mu butaka/amazi y'imvura. • Ibikoresho bikoreshwa muri pavoma byemerera amazi kwinjira mu butaka, ahagenewe za parikingi biremewe. • Ahagenewe ubusitani hagomba kuba harimo ibiti kandi bishobotse bikaba ari ibihasanzwe (bitangwaho inama na Minisiteri y'ibidukikije)) hagamijwe kongera ifatwa ry'amazi y'imvura, kugabanya isuri n'itwarwa ry'ubutaka,	Ibikenewe ku byerekeranye n'ubwoko bw'ibimera byaterwa, bishobora kubonwa muri Minisiteri y'Ibidukikije, Ishami ry'Amashyamba; Ibande ku Amabwiriza y'ingamba z'imyubakire itangiza ibidukikije (GBMC)

Amabwiriza	
ku gufasha mu igabanuka ry'ubushyuhe, gutanga amahumbezi, no guteza imbere urusobe rw'ibinyabuzima. • Imishinga migari n'iringaniye igomba kubungabunga ahantu hasanzwe hagenewe imyidagaduro ndetse no kugena ahashya. Ubuso bw'ubusitani bwo kumuhanda ntibukwiye kubarirwa mu buso bw'ahagenewe imyidagaduro. • Inyigo zo kubaka zikorwa zigomba kuba ziteganyamo ibiti bishya ndetse zinabungabunga ibiti bihasanzwe • Ingamba zo kurwanya isuri zigomba kubahirizwa mbere no mu gihe cyo kubaka. **Ubwoko bw'igabanyabyiciro:** • Inyubako zikomatanyabikorwa, iz'abanyamishahara itandukanyen'izubucucike buringaniye ziremewe kandi zishyirwa mu byiciro byose by'ubutaka. • Ibyiciro by'imikoreshereze y'ubutaka byose bifite Ikigereranyo cy'imikoreshereze y'ubutaka kiri hejuru hagamije guteza imbere ubucucike, kongerera ubushobozi no kongera kubyaza umusaruro mwinshi ubutaka. **Iterekwa ry'inyubako mu kibanza n'icyerekezo:** • Intera nto zo kwigiza inyuma inyubako zigomba kubahirizwa mu rwego rwo kwemerera ikoreshwa ry'umuyaga n'urumuri kamere. • Icyerekezo cy'inyubako kigomba gushyirwa cyane cyane mu cyerekezo cy'uburasirazuba n'uburengerazuba, naho ibice byo KU RUHANDE binini bikareba Amajyaruguru n'amajyepfo hagamijwe kugabanya uburyo inzu ireba mu cyerekezo cy'izuba. **Ikoreshwa kuri bose ry'inyubako n'ahantu rusange** • Inyubako rusange n'ahantu rusange hagomba kuba ari ahantu hagerwa na bose harimo n'abafite ubumuga bw'Ingingo ya, ubumuga bwo kutabona, ubumuga bwo kutumva ndetse n'abageze muzabukuru. Ubwoko bw'inyigo zihariye bugomba gukoreshwa ndetse bikanagaragazwa mu gihe cyo gusaba uruhushya rwo	

Amabwiriza	
kubaka. • Inyubako ngari zo gutura (zirengeje imiryango 10) zigomba kugira byibura 10% by'inyubako zigerwaho na buri wese. **Inzira z'amazi y'umuvu n'imyanda mu gihe na nyuma yo kubaka.** **Ibikoresho byo kubaka:** •Ibikoresho byo kubaka biboneka mu gihugu bikwiye guhabwa amahirwe menshi.	

8.3. Kubaka mu cyaro ahagenewe Ubuhinzi n'Ubworozi

Ibisobanuro rusange:

Ubutaka bw'Ubuhinzi n'Ubworozi, umutungo kamere ukomeye, moteri n'isoko y'ubukungu bw'u Rwanda bwagiye buhura n'ibibazo byo kototerwa bwubakwamo kubera iterambere ry'imijyi ryihuta n'ubwiyongere bunini bw'abaturage. Iterambere rirambye ry'icyaro ni ingenzi cyane ku bukungu, iminbereho myiza, n'ibidukikije ndetse n'ikurikirana ryiza ry'uburyo buboneye bwo guteza imbere icyaro biganisha ku mibereho irambye. Aya mabwiriza agamije guhagarika ubwiyongere n'iyototerwa ry'ubutaka bw'Ubuhinzi n'Ubworozi hagamijwe guteza imbere kubyaza umusaruro ubutaka mu buryo buboneye kandi buhuje, bityo hakabaho ibungabungwa ryo mu gihe kirambye ry'ibidukikije kamere, byo mu mujyi n'icyaro cy'Umujyi wa Kigali. Iterambere rihuriweho rizafasha mu kubaka uburyo buboneye burimo ibikorwa byose, serivisi z'imibereho myiza n'izifasha abaturage ku giciro kidahenze harimo serivisi zikenerwa cyane nk'amazi, gutunganya imyanda no guteza imbere ibice bigendwamo n'amaguru.

Imbonerahamwe 0.3: Kubaka mu cyaro ahagenewe Ubuhinzi n'Ubworozi

Amabwiriza	
Kubaka mu cyaro ahagenewe Ubuhinzi n'Ubworozi: a)Ku bubaka mu cyaro mu cyiciro cya R1B b)Inyubako zose zitemewe ziri muri A – Icyiciro cy'Ubuhinzi n'Ubworozi	
Iterambere rihuriweho	**Icyitonderwa**
Iterambere rihuriwe kandi rihuza ibikorwa mu bice by'icyaro rigomba kwimakazwa mu rwego rwo kugabanya ikwirakwizwa ryinzu n'iyototerwa ry'ubutaka bw'Ubuhinzi n'Ubworozi. Guteza imbere imyubakire hagomba kuba hakubiyemo na serivise zegeranye n'amahirwe y'ubukungu kugirango haboneke ubutungo uhagije no guteza imbere. Agomba guteza imbere bene iyo myubakire yegeranye ahantu higanje cyane hasanzwe abantu benshi kugirango	

Amabwiriza	
haboneke umutungo uhagije mu gushyiraho za service n'inyubako no kugirango zikore nk'inkingi zo guteza imbere ahantu hashya. Kuguza ubutaka bigomba gushyigikirwa kugirango hongerwe umusaruro w'Ubuhinzi n'Ubworozi ndetse n'inyubako zishyigikira ku buryo bungana kdi zidaheza. Umuzenguruko w'ubutaka bugomba guhurizwa hamwe ugomba kwerekanywa kugirango hemererwe indengo z'amaguru zitarengeje iminota mirongo itatu (30m) uturutse kunyubako zegeranye ugana ahantu ho gukorera. Inyubakire yose igomba gutegurwa, gukorerwa inyigo no gushyirwa mu bikorwa mu buryo bugizwemo uruhare uhereye ku rwego rwo hasi ugana hejuru aho ba nyir' ubutaka bagiramo uruhare, bumva kandi bakemera guhuza no gushyira hamwe ubutaka n'abakozi mu guteza imbere sosiyete nziza ikungahaye kandi ikomeye. Umujyi wa Kigali ku bubasha bwawo uyobora inyubako zishyize hamwe binyuze mu isubirwamo/ ihurizwa hamwe ry'ubutaka muri kimwe mu byiciro cyangwa bibiri bishya cyangwa mu ishyirwaho ry'imiturire yo mu byiciro bya R1B. Ubuso busanzweho bwagenwe nk'icyiciro cya R1B bushobora kongerwa/kwagurwa bitewe no kwiyongera k'umubare w'abaturage bava mu bice by'icyaro byagenewe Ubuhinzi n'Ubworozi. Ibyiciro bishya byo mu bwoko bwa R1B byerekanwa n'Umujyi wa Kigali ishami rishinzwe iterambere ry'ibikorwaremezo (OSC) binyuze muri gahunda yo guhuza ubutaka. Bigomba kuba inshingano y'Umujyi wa Kigali ishami rishinzwe iterambere ry'inikorwaremezo (OSC) ku: • Kwerekana umuzenguruko mushya w'ubuso bwemewe nka R1B • Kwemeza ko ubucucike n'ubwoko bw'inyubako byubahirijwe • Kwemeza ko ishyirwaho ry'inyubako n'ibikenerwa n'abaturage rusange bikenewe.	Ibande ku gika 7.3 kubyerekeranye n'ihuzwa ry'ubutaka, kunzira zo guhuza ubutaka

8.4. Uduhimbazamusyi /inyungu ku bubaka

8.4.1. Uduhimbazamusyi ku bubaka

Abubaka bashobora guhabwa uduhimbazamusyi kugirango hatezwe imbere ibijyanye n'ingamba zimirijwe imbere n'Umujyi n'iterambere ryawo mu kugira centere z'imijyi nziza kandi zidaheza. Ku bubasha bw'Umujyi wa Kigali, utwo duhimbazamusyi dushobora gukoreshwa ku nyubako iyo ari yo yose mu mujyi, Umujyi wa Kigali ugenzura kandi ugena ubwoko bw'uduhimbazamusyi/ingano (ibande ku gika 8.4.2, 8.4.3 na 8.4.4 hasi), aho abubaka berekana cyangwa bagatanga kimwe cyangwa byinshi muri ibi bikurikira:

- 15% by'inyubakire icirititse nk'igice k'igabanya-byiciro by'imikoreshereze y'ubutaka ridaheza
- Ahantu rusange/ibikorwa rusange bifasha abaturage abantu rusange, hakubiyemo n'ibikorwa bikenerwa muguteza imbere ahantu hahariwe guteza imbere ubukera rugendo
- Parikingi zisangirwa

Umujyi wa Kigali mu budahangarwa bwawo, wemerera ingano runaka y'inyongera ku buso bw'igorofa bwemewe (nyuma y'igenzura ryitondewe) aho uwubaka yerekana cyangwa agatanga:

- Ikoranabuhanga ritegura imyubakire irambye ndetse n'uburyo burambye bwo kubaka nkuko biteganywa na GMBC[9]

8.4.2. Igabanya-byiciro by'imikoreshereze y'ubutaka ridaheza

Ibisobanuro rusange:

Igabanya byiciro by'imikoreshereze y'ubutaka ridaheza rituma habaho kurohereza mu igena byiciro mu gutuma habaho inyubakire icirititse ku bantu babona imishahara mito n'icirititse. Igabanya byiciro by'imikoreshereze y'ubutaka ridaheza risaba nyir'umutungo bwite wubaka gusigaza igice cy'inyubako zo guturamo kubari mubyiciro by'ababona imishahara mito n'icirititse. Gahunda y' Igabanya byiciro by'imikoreshereze y'ubutaka ridaheza igamije kugera ku ntego ebyiri z'ingenzi:

i) kongera ingano y'imyubakire icirititse;
ii) Guteza imbere ukudaheza rusange no kwibonanamo.

Nk'inyungu, uduhimbazamusyi tuzahabwa abubaka, ingano y'inyongera zifasha abubaka kubaka inyubako nyinshi kuruta iziteganwa n'igabanyabyiciro ngenderwaho rusange, cyangwa uburyo bwihuse bwo kubona uruhushya rwo kubaka kuburyo bwemerera uwubaka gutangira inyubako mbere ugereranyije niyo hatariho agahimbazamusyi.

Gahunda z'Igabanya byiciro by'imikoreshereze y'ubutaka ridaheza zishobora kuba kubushake cyangwa ku itegeko, cyane cyane hagendewe kumwihariko w'Umujyi kdi bishobora no kugenwa n'
Ingano n'ubwoko bw'ikigereranyo cy'isoko ry'ibyubakwa.

Imbonerahamwe 0.4:Igabanya byiciro by'imikoreshereze y'ubutaka ridaheza

Amabwiriza		
Aya mabwiriza akoreshwa ku: Kunyubako nshya zo guturwamo zikomatanyije ibikorwa no kunyubako zisubiwemo zihinduwe izo guturwamo nk'igice cy'inyubako z'imiryango myinshi mu byiciro R3, R4, C1, C3.		
Amabwiriza	**Ibisimbura Inyubako zidaheza**	**Uduhimbazamusyi ku bubaka**
• Abubaka bagomba kumenyako 15 ku ijana (15%) by'inyubako nshyashya zo guturwamo zigomba kuba ari izicirirtse (hatabariwemo igorofa ryo kubutaka/ubuso bw'igorofa ritagenewe guturwamo). • Abubaka bagomba kumenya ko 10 ku ijana (10%) by'inyubako nshyashya zidafite imipaka kuri bose. • Inyubako zagenwe binyuze mu igenabyiciro by'imikoreshereze y'ubutaka ridaheza zigomba kuboneka ku bashaka kuzigura cyangwa gukodesha kandi ukongera kugurisha cyangwa gukodesha bigomba kwemerwa gusa nyuma y'imyaka 10 yo kubabwamo, cyangwa munsi y'ibiciro (bigenwa n'imyubakire icirirtse mu Rwanda) bisigasira inyubako nk'inyubakire icirirtse ku bantu cyangwa imiryango nkuko bisobanurwa mu mabwiriza ariho cyangwa agenwa n'Umujyi wa Kigali. • Umujyi wa Kigali uzagena igiciro cyo kugura cyangwa gukodesha inyubako zidaheza gituma ziboneka kubaguzi babyemerewe. abagura cyangwa abakodesha bazajya batoranywa mu buryo buboneye (bunyuze mu mucyo) kandi bungana mu kwirinda akarengane. • Abubaka bagomba kutanga igenamigambi ry'imyubakire idaheza (rigaragaza umubare, ubwoko, ahantu n'igiciro kitezwe ku kugura cyangwa gukodesha inyubako idaheza n'ibindi) ndetse n'ibindi byangombwa bibishyigikira bishobora gukenerwa mu	Ibisimbura inyubako zidaheza bikurikira bigomba gutangwa ku bubaka ku mushinga ufite inyubako zirenga 10: • Kuri buri nyubako – ibi bishobora gukoreshwa mu gushyiraho imyubakire icirirtse • Gutanga ubutaka aho bishoboka . • Imitunganyirize yo hanze y'ikibanza i.e ahandi hantu runaka • Guhindura ikigereranyo cy'isoko ugana ku gicirirtse	Umujyi wa Kigali ukora igenzura rinononsoye ry'ubwoko bw'agahimbazamusyi cyangwa uruhurirane rw'amoko y'uduhimbazamusyi azaba aboneye ku gutera imbaraga abubaka kugushyiraho imyubakire icirirtse n'iyoroherezwa rusange mu mishinga yabo yo kubaka. Umujyi wa Kigali ku bushobozi bwawo kandi ugendeye ku bugenzuzi ushobora gutanga ubu bwoko bukurikira bw'uduhimbazamusyi. Kamwe cyangwa twinshi mu duhimbazamusyi dushobora guhabwa abubaka hagendewe ku mikorere. • Inyongezo ku buso bwemewe bw'igorofa FAR Umujyi wa Kigali uyigena hashingiwe ku mimerere y'isoko

kugenzura no kwemezwa n'Umujyi wa Kigali. • Aho umushinga usaba gutanga inyubako ziri munsi y'icumi z'inyubako zicirirtse, bigomba kuba ngombwa ko uwubaka agena inyubako zidaheza, i.e aho hantu umushinga uherereye. • Ibyangombwa byose bigamije kudaheza bigenwa n'ubudahangarwa bw'Umujyi wa Kigali, niba usaba yerekanye ko ibisabwa ku kudaheza bizatuma umushinga udatungana.		ry'ingano Y'inyongera • Korohereza ku mabwiriza rusange agenga imyubakire Umujyi wa Kigali urabigena nko kugabanya ahageneye parikingi n'ibindi. • Igabanya-horo– Umujyi wa Kigali urarigena nko ku cyangombwa cyo kubaka n'ibindi • Igabanyirizwa-musoro bigenwa n'Umujyi wa Kigali ku nyubako zicirirtse • ubufasha bw'amafaranga: Umujyi wa Kigali urabigena nko kugabanya igiciro cy'ubukode n'ibindi.

8.4.3. Ishyirwaho ry'ahantu rusange, ibikenerwa rusange, ubugeni n'ahantu ndangamuco

Ahantu rusange, ibikenerwa rusange, ubugeni n'ahantu ndangamuco hatunganijwe kdi hihariwe n'abantu ku giti cyabo ariko hakagenerwa gukoreshwa muri rusange, ubukerarugendo no kwishimisha hagomba gutezwa imbere, nkingurane ku nyongezo ku buso bw'igorofa cyangwa igabanyirizwa-horo, kugabanyirizwa kuhakenerwa kuri parikingi n'ibindi cyangwa utwo duhimbazamusyi tukemezwa n'Umujyi wa Kigali.
Aho hantu rusange h'abantu ku giti cyabo hashobora gutanga ubufasha mu ishusho n'ingano zitandukanye, hanze cyangwa mu nzu.

Imbonerahamwe 0.5:Ishyirwaho ry'ahantu rusange, ibikenerwa rusange, ubugeni n'ahantu ndangamuco

Amabwiriza	
Aya mabwiriza akoreshwa ku: a) Ahasanzwe ari Ahantu rusange, ahakenerwa rusange ubugeni n'ahantu ndangamuco hubatswe ku ma site y'abantu ku giti cyabo. b) Ahateganywa nk'ahantu rusange ahakenerwa rusange ubugeni n'ahantu ndangamuco n'ibindi ku butaka bw'abantu ku giti cyabo ku rwego rw'Umujyi n'ubuso bugizwe nah'ubukerarugendo. c) Ibikorwa rusange byemerewe iyoroshyo cyangwa uduhimbazamusyi, birimo ariko ntibigarukira gusa kuri ibi bikurikira: Inzu mberabyombi, aho kuruhukira mu gice gituwemo n'abantu, ibibuga by'imikino, ibibuga by'imidagaduro, ahnantu nyaburamga rusange, parike y'ahatuwe irombereje (ubusitani bw'ahatuwe), amasomero, ingoro ndangamurage, inzu z'imikino, ibigo by'ubuhanzi n'ubugeni, amavuriro rusange, ishuri ry'incuke, ikibuga rusange hamwe na plaza, inzira nyabagendwa, ibikoresho byo mu mijyi ahantu hahurira abantu benshi (aho bicara), inzibutso, ahakorerwa ingendo z'abanyamaguru nka siporo, kuvugurura ahantu h'umurage ndangamateka.	
Amabwiriza	**Uduhimbazamusyi ku bubaka**

Umujyi wa Kigali utera ishyaka urwego rw'abikorera ku giti cyabo ku kubungabunga cyangwa kuhanga amahirwe yungura abantu rusange binyuze muri gahunda zitandukanye z'uduhimbazamusyi zigenganye n'ikurikiranwa z'ingamba z'Umujyi wa Kigali. Igenamigambi rigamije guteza imbere imijyi yahantu cyangwa itegurwa ry'Umujyi rigomba gutegurwa hasobanurwa gusigasira ibikenerwa rusange/ahantu rusange bisanzweho cyangwa ibihangwa bundi bushya, hakubiyemo n'uruhare rwabafatanyabikorwa bose (harimo banyiri umutungo, n'abubaka) herekanwa ibikenerwa rusange bigomba gusigasirwa n'ibigomba gutangwa binyuze mu duhimbazamusyi. Kashobora kubamo ahantu rusange hagari, isomero, imbumba mberabyombi, ibisigasira umuco cyangwa amateka n'ibindi. Nta hantu rusange/ibikorwa rusange bifasha abaturage abaturage/ahantu hari bikoresho byo kwidagaduramo hashya hagomba gushyirwa muri metero 400 (400m) z'urugendo rw'amaguru uturutse ahasanzwe hari ahantu hagari rusage, pariki, cyangwa facility n'ibindi uretse gusa ahasabwa nk'ubuso bugamije guteza imbere ubukerarugendo. Ahantu hose rusange n'ahantu hari bikoresho byo kwidagaduramo hashobora kugerwa n'abantu rusange igihe icyo ari cyo cyose uretse aho Umujyi wa Kigali wahaye uburenganzira bwo gufungwa mu masaha y'ijoro Nk'igice kigize gahunda y'uduhimbazamusyi, Umujyi wa Kigali ushyiraho kandi ukagenzura itegurwa n'ishyirwaho ry'amabwiriza ngenderwaho kugirango hizerwe ubuziranenge bwa amenities n'ahantu hashyirwaho. Ku buso bwaho guhuza ubutaka bishoboka, ahantu hagari hitaruye n'ahantu hagenewe ibikorwa rusange hahangwa binyuze mu ifatanyabikorwa ry'isubirwamo ry'ubutaka. Ijanisha ryemeranijweho ry'ubutaka bwose ritangwa na nyir' ubutaka kuhantu hitaruye nah'ibifasha abantu rusange.	Uduhimbazamusyi duhabwa abo bubaka bahitamo kubungabunga no kurema bene aho hantu rusange mu ishyirwamubikorwa ry'imishinga yabo.ibi bizateza imbere kandi hizerwe ko abantu rusange babona kandi bakomeje kubungabunga no guteza imbere ibyifuzwa bikenerwa muri rusange n'ahantu rusange. Uduhimbazamusyi dushobora kuza mu buryo butandukanye nk'inyongezo kuri FAR/GFA igabanyirizwa ry'ahateganywa kuri parikingi, igabanyirizwa musoro, ibikorwaremezo, gutoza abakozi, igabanyirizwa ry'umusoro wishyurwa ku cyemezo cyo gukora umushinga. Izo gahunda zishobora gukoreshwa zihurijwe hamwe kugirango hizerwe ingano nziza y'uduhimbazamusyi zitangwa kugirango hanozwe kandi hagerwe ku ntego rusange.

8.4.4.Gushyiraho ahagenewe parikingi zisangirwa ku rutonde rw'ahantu hari urujya n'uruza

Ku mujyi nka Kigali n'imiterere y'ubutumburuke bwawo n'imbogamizi zawo z'ubutaka bwo kubakaho, parikingi zisangiwe zigomba gutezwa imbere kugira ngo hakoreshwe neza ahantu hagenewe za parikingi kuri buri koreshwa. Parikingi z'umwihariko za ba nyir'inyubako ndende zo guturamo, amaresitora, ubucurizi/amaduka, ibiro, kaminuza, ibitaro n'ibindi bagomba gukangurirwa gukodesha amaparikingi yabo mu gihe batarimo kuyakoresha kugira ngo hagabanywe ahakenerwa nka parikingi Bizana ingaruka nziza ku bukungu, imimerere rusange no kubidukikije.

Parikingi ziangiwe ziteza imbere uburyo bwiza bwo gukoresha ahantu hahari no kugabanya umutwaro ku bubaka n'aba nyir' ubutaka kubaka amaparikingi menshi, kandi binafasha kongera ingano near transit no guteza imbere iterambere rihurijwe hamwe, ikumira ry'iyaguka ry'akajagari ry'Umujyi.

Imbonerahamwe 0.6:Gushyiraho ahagenewe parikingi zisangirwa ku hantu hari urujya n'uruza rwinshi

Amabwiriza	
Aya mabwiriza akoreshwa ku: Inyubako zikomatanije ibikorwa; Ubundi buso bufite ibikoreshwa ubutaka bihuriweho, uburyo bunoze bwa parikingi zisangiwe; Ahantu hari urujya n'uruza rwinshi mu mujyi, aho parikingi zisangiwe zaba nziza.	
Ibigenderwaho	**Uduhimbazamusyi ku bubaka**

Umujyi wa Kigali ushishikariza gushyiraho parikingi zisangiwe ku hantu hakoreshwa mu buryo busangiwe, mu nyubako zikomatanije ibikorwa nahari ubutaka butubatseho mu gice cy'urujya n'uruza rwinshi. Ahantu hagenewe amaparikingi kuri ubwo buso hashobora kubakwa kandi hagakoreshwa n'abantu ku giti cyabo ariko hashobora kugerwa n'abantu bose muri rusange ku mpamvu z'igenamigambi y'ubwikorezi bw'igihe kirerekire. Umujyi wa Kigali uzafasha abikorera ku giti cyabo guhitamo uburyo n'ahantu hashobora gusangirwa na bose. Igenamigambi rigamije guteza imbere imijyi y'ahantu cyangwa igenamigambi ry'Umujyi ku buso bw'ahantu hazatoranywa hakanasobanurwa hagizwemo uruhare n'abafatanyabikorwa bose (hakubiyemo banyiri imitungo n'abubaka) aho amapariki asangiwe azajya ashyirwaho n'uduhimbazamusyi. Igenamigambi riteganya inyungu ku bantu rusange aho kuba izanyir'inyubako gusa. Umujyi wa Kigali uzagenzura ko ishyirwamubikorwa ryigenamigambi risobanura neza kandi rikerekana ibyo bikorwa harimo no kugenzura ko ibyo bikorwa bihura namabwiriza ngenderwaho y'itegurwa n'ishyirwamubikorwa ryabyo.	Uduhimbazamusyi dushobora kuza mu buryo butandukanye inyongezo kuri FAR/GFA, kugabanyirizwa ahakinerwa nka parikingi, kugabanyirizwa imisoro, inyubako, gutozwa kw'abakozi, igabanyirizwa ry'umusoro ku cyangombwa cyo gukora umushingan'ibindi hagengewe ku ikurikiranwa ry'ingamba z'Umujyi wa Kigali. Izo gahunda zishobora gukoreshwa zihurijwe hamwe kugirango hizerwe ingano nziza y' Uduhimbazamusyi zitangwa kugirango hanozwe kandi hagerwe ku ntego rusange.

8.5. Imishinga minini y'iterambere

Amabwiriza afasha imishinga minini y'iterambere ifata ibice bitandukanye mu gushyiraho ubworohereze ku rwego rwo hejuru hagamijwe igenamigambi rinoze ryo gutunganya ahantu. Intego yayo ni ugufasha ishyirwa ku murongo rinoze ry'ahantu hagari no gukoresha neza umutungo kamere. Aya mabwiriza agenwa n'ububasha akoreshwa ku nyubako zose zirengeje hegitare1 (1 ha) mu ngano kugirango hanozwe igenamigambi ry'ahantu.

Imbonerahamwe 0.7: Amabwiriza yihariye ku mishanga minini y'iterambere

	Amabwiriza	**Icyitonderwa**
Ibigenderwaho mu igenzura	• **Ingano y'inyubako** o Inyubako zirengeje hegitare 1 mu ngano zisaba igenzura ry'igenamigambi ryihariye riturutse mu itsinda rishynzwe igenzura ryihariye ry'umushinga ry'Umujyi wa Kigali ishami rishinzwe iterambere. • **Amakuru ku mushinga:** o igihe cyagenwe cyo kubaka, igenamigambi ry'amafaranga, igenamigambi ry'ahagenewe gushyirwa parikingi rusange n'igenamigambi ryerekeye isanwa ry'ahantu rusange na parikingi rusange zikenewe. o Igenamigambi ryerekeye ibyiciro niba bizakoreshwa mu kubaka rigomba kwerekanwa kandi rigahuza n'amabwiriza agenga ishyirwamubikorwa • **Ibidukikikje:** o Isuzumangaruka ku bidukikije (EIA) ku mushinga rizakenerwa mu isuzuma. • **Ingendo z'ibinyabiziga na za parikingi:** o Isuzumangaruka ku bwikorezi bwo mu mihanda ry'umushinga rizangenzurwa o Uburenganzira bwo kwemerera benshi kugera ku nyubako nkuko bugenwa na TIA (Isuzumangaruka ku bwikorezi bwo mu mihanda) o Imihanga y'imbere y'umwihariko ihuza n'amabwiriza rusange ngenderwaho yashyizweho n'amabwiriza yerekeye inkongi z'umuriro	Amabwiriza ku mishinga minini ashyirwaho n'Umujyi wa Kigali.

	○ Inyubako zikoreshwa ibintu bitandukanye zirimo izikomatanya bikorwa cyangwa iz'ubucuruzi zisaba guteganya ahajya parikingi ihagije • **Ibikorwaremezo:** ○ Bigomba kujya mu murongo umwe uhuje n'ibindi bikorwaremezo by'ahahazengurutse. ○ Inyigo y'imiyoboro y'amazi cyangwa igenamigambi yayo kugirango herekanwe ingaruka z'umushinga wateguwe kuhawuzengurutse harimon'inyongera y'amazi aziyongera atewe n'inyubako. ○ Guhuza kw'amabwiriza agenga inyubako nk'ikigo gisukura amazi y'umuvu, sitasiyo nto z'amashanyarazi, n'imiyoboro y'amazi n'ibindi. • **Ibikorwa rusange bifasha abaturage abaturage:** ○ Gushyiraho ahantu n'ibintu bifasha abantu rusange bihuje n'amabwiriza ngengerwaho agenga ibikorwa bikenerwa mu rusange nkuko ateganwa n'Umujyi wa Kigali ishami rishinzwe iterambere ○ Gushyiraho ahantu hitaruye hagari rusange hagerwa n'abantu bose hahuje n'amabwiriza rusange ngenderwaho agenga ibikorwa bikenerwa muri rusange nkuko ateganwa n'Umujyi wa Kigali ishami rishinzwe iterambere ○ Ubikorwa bifasha abaturage • **Inyigo y'Umujyi** ○ Gushyiraho igenamigambi ryitondewe gugirango hasobanurwe ivanga ririhamwe ry'inyubako n'ahantu hayizengurutse. ○ Ifishi y'ingamba z'Umujyi yo kubaka	

8.6. Ibibanza bifatwa n'ibyiciro by'imikoreshereze y'ubutaka bitandukanye

Aya mabwiriza akoreshwa iyo ikibanza giherereye hagati y'imbibi ebyiri cyangwa zirenga z'ibyiciro by'imikoreshereze y'ubutaka bikoreshwa ibintu bitandukanye.

Imbonerahamwe 0.8: ibyiciro by'ibibanza bigabanijwemo n'imbibi z'ibyiciro by'imikoreshereze y'ubutaka

	Amabwiriza	**Icyitonderwa**
Ibigenderwaho mu isesengura	• Aho ikibanza gifata imbibi ebyiri cyangwa zirenga z'ibyiciro by'imikoreshereze y'ubutaka, amabwiriza agenga ibyiciro by'imikoreshereze y'ubutaka y'icyiciro cyaho aharenga 50 ku ijana (50%) by'ikibanza giherereye niyo akurikizwa • Mu gihe igice kimwe cy'ikibanza kigizwe n'ibyiro bya P1, P3-A, P3-B, P3-C, P3-D, W nyir'ikibanza ashobora guherereza igice kinini cy' inyubako mu gice cy'ikibanza KU RUHANDE rusigaye rw'ikibanza. Hagendewe ku gika 8.1 cy'uburenganzira bwo guherereza ahantu runaka inyubako. • Mu gihe cy'umushinga usaba guhuza ubutaka ikibanza gifata aharenze 50 ku ijana 50% bw'ubuso bw'imbibi z'umushinga kizashyirwa mu mushinga.	



Ishusho 0-1: Ibibanza byagabanijwemo ibice n'imbibi z'ibyiciro by'imikoreshereze y'ubutaka bitandukanye

8.7. Ibibanza bidahuje n'ibisabwa n'ibiteye nabi

Mu kwemerera iyubakwa ry'ibibanza bidahuje n'ibisabwa n'igishushanyombonera ndetse n'ibiteye nabi binyuze mu kutuzuza neza ingano y'ubugari bw'ikibanza n' iyorosha ry'ibyiciro. Ibibanza bidashobora gutunganwa binyuze mu igura n'igurisha hagati ya ba nyir'ubutaka begeranye cyangwa aho kubaka bidashoboka nubwo hakurikiza amabwiriza yo mu kindi cyiciro cy'ubutaka ashobora kwitabwaho mu isesengura.

Imbonerahamwe 0.9: Ibibanza bidahuje n'ibiteye nabi

	Amabwirizas	**Icyitonderwa**
Ibigenderwaho mu isesengura	**Ku bibanza bitujuje ibisabwa n'amabwiriza agenga igabanya byiciro by'imikoreshereze y'ubutaka n'ibibanza bigirwaho ingaruka by'ihabwa ry'ibikorwaremezo** o Ku bibanza bituzuza ingano y'igabanya byiciro impinduka zishobora kwitabwaho niba umushinga ari inyubako izajya mu kibanza gisanzweho. Impinduka nto zishoboka zigomba kutarenza 10% y'ingano y'ikibanza. Impinduka zikoreshwa kubibanza bigirwaho ingaruka n'ubutaka bubikikije ku mihanda yo mu mujyi n'imishinga y'ibikorwaremezo. Impinduka nto zishoboka zigomba kutarenza 10% y'ingano y'ikibanza. • **Ku bibanza bifite inyubako zifite ishusho yihariye ku nyubako zitaruye (ibande 8.4)** o Ikibanza runaka kitujuje ubugari bwemewe bw'ikibanza kigomba kuba byibura gifite ubugari rusange bwa metero 8 (8m) kugirango hizerwe ishusho y'inyubako isobanutse. Ibibanza bifite ishusho yihariye bituzuza ingano nto zishoboka z'ikibanza bishobora kuguranwa ku bafite ubutaka bwegeranye kugirango bihuze n'amabwiriza ngenderwaho yemerera iyubakwa ryabyo. o Ikibanza runaka kitujuje ingano z'ubugari bw'ikibanza kigomba guhuza n'ingano nto zishoboka z'ikibanza cy'icyiciro cy'ubutaka giherereyemo ndetse n'Andi mabwiriza yose agenga imyubakire. urugero imbibi z'umuhanda, n'ibindi;	Bigomba gusuzumwa n'Ishami rishinzwe Imitunganyirize y'Umujyi n'Imyubakire mu Mujyi wa Kigali

